



REPUBLIKA Y'U RWANDA



INTARA Y'AMAJYEPFO  
AKARERE KA GISAGARA

P.O. Box. 219 BUTARE

WEB SITE: [www.gisagara.gov.rw](http://www.gisagara.gov.rw)

Email: [gisagaradistrict@minaloc.gov.rw](mailto:gisagaradistrict@minaloc.gov.rw)



## **GISAGARA 2006-2015**

**IMYAKA 10 Y'IMBANZABIGWI MU  
RUGAMBA RW'IMIHIHO**

*Gisagara, Ukuboza 2015*



# GISAGARA 2006-2015

IMYAKA 10 Y'IMBANZABIGWI MU  
RUGAMBA RW'IMIHIGO





## IJAMBO RY'IBANZE

Hashize imyaka 10 habayeho Akarere ka Gisagara, nka kamwe mu Turere 30 tugize Igihugu cy'u Rwanda. Bitewe n'amateka yaranze Igihugu cyacu, ndetse n'ubutegetsi bubi bwaranze u Rwanda mbere ya 1994, byatumye Akarere ka Gisagara gasigara inyuma muri gahunda zitandukanye z'iterambere n'imibereho myiza y'abaturage, aho wasangaga nta bikorwa by'iterambere bifatika biri mu Karere nk'amashanyarazi, amazi meza, imihanda, amashuri, amavuriro,... Akarere ka Gisagara kaharaniye kwiubaka no gusana byinshi byangijwe n'ubutegetsi bwaranze u Rwanda mbere ya 1994.

Kubera ko Ubuyobozi bw'Igihugu cyacu nyuma ya 1994 bwafashe Imiyoborere Myiza n'Ubutabera nk'umusingi w'iterambere rirambye buri wese yibonamo kandi agizemo uruhare, bwaduhaye icyerecyezo cyiza cyatumye Gisagara itera intambwe igaragara muri iyi myaka 10 ishize hashingiwe ahanini ku cyerekezo 2020, EDPRS I & II, gahunda y'ikinyagihumbi (MDG's) na gahunda y'iterambere ry'Akarere (DDP) yitaye cyane ku kuzamura ubukungu n'imibereho myiza y'abatuye Gisagara.

Hashize imyaka 8 Akarere ka Gisagara ndetse n'Igihugu muri rusange dukorera ku Mihigo. Ni gahunda yagaragaje impinduka ikomeye ku mitekerereze n'imikorere y'abayobozi n'abaturage kandi ikagaragaza iterambere ryihuse mu baturage. Umuturage yabaye inkingi y'imiyoborere myiza, iterambere n'imibereho myiza, ni indorerwamo umuyobozi yireberamo mu bikorwa bya buri muni kuko iterambere rikenewe ni irihindura imibereho y'umuturage rikagira urwego rimuvanamo rikamushyitsa ku rundi rwo hejuru. Bivuga ko Imihigo si gahunda yo guhiga no guhigura gusa, ahubwo ni gahunda yo kugera ku bikorwa bihindura imibereho y'umuturage bimuganisha ku iterambere rirambye. Iterambere rikamugaragaraho, ku myambarire ye, imirire ye, mu rugo rwe, ku bo mu rugo rwe, mu mibereho ye yose muri rusange, kandi akagira uruhare runini mu kugena ibikorwa, kubishyira mu bikorwa no kubigenzura, azi neza aho ava n'aho agana, bigatuma umuco mwiza wo gukorera mu mucyo uhama.

Inzego z'Umudugudu, Umurenge ndetse n'Akarere, mbere yo guhiga, zibanza kwibaza icyo igikorwa runaka kizamarira umuturage. Ni yo mpamvu Umuhigo w'Umudugudu atari uw'umuyobozi w'Umudugudu ahubwo ari uw'abaturage bose b'Umudugudu.

Ibi byose byatumye Akarere ka Gisagara, n'ubwo gaturuka kure, kihuta cyane mu miyoborere myiza, iterambere ry'ubukungu n'imibereho myiza y'abaturage nk'uko byashyizwe ahagaragara n'ubushakashatsi bwakozwe mu rwego rwa EICV3 mu mwaka wa 2013.

Iki gitabo kiradufasha gusubiza amaso inyuma muri iyi myaka 10 ishize kugira ngo turebe aho tuvuye, aho tugeze n'aho twerekeza kugira ngo twihute kurushaho mu iterambere umuturage agizemo ijamba kandi tunozza neza ibyo dukora.

**IMBANZABIGWI ZA GISAGARA, DUKORANE UMURAVA DUTERE IMBERE.**

***KAREKEZI Léandre***

***Umuyobozi w'Akarere ka Gisagara***

## GUSHIMIRA

Turashimira Imana, Umugenga w'ibihe, Iyaremye abantu ikabaha kubaho n'ubwenge, Iyarinze u Rwanda n'Abanyarwanda mu bihe bikomeye kugeza uyu muni.

Hamwe n'abaturage b'Akarere ka Gisagara, Turashimira Nyakubahwa Perezida wa Repubulika y'u Rwanda wayoboye Igihugu mu bihe bikomeye, akavana abanyarwanda mu icuraburindi akabageza ku iterambere bagezeho ubu.

Turashimira Ubuyobozi bw'Intara y'Amajyepfo ku nama, ibitekerezo, ubwitange n'umurava mu gushyigikira Akarere ka Gisagara mu rugendo rw'iterambere.

Turashimira kandi abayobozi b'Akarere: Inama Njyanama, Komite Nyobozi, Inzego z'umutekano, ndetse n'abakozi b'Akarere ka Gisagara bose, mu nzego zose, ku mbaraga n'ubwitange bakoresheje kugira ngo bagere ku bikorwa byagezweho.

Turashimira inzego z'Abafatanyabikorwa (JADF), Abikorera na Sosiyete Sivire ku ruhare rukomeye bagaragaje mu bikorwa binyuranye Akarere ka Gisagara kagezeho.

Tuboneyeho umwanya wo gushimira inzego zihariye: Inama y'Igihugu y'Urubiruko (CNJ/NYC), Inama y'Igihugu y'Abagore (CNF/NWC) n'Inama y'Igihugu y'Abafite ubumuga (CNDP/NCPD) ko babaye abasangirangendo beza mu rugendo rw'iterambere.

Turashimira abakuru b'Imidugudu bo bashyize mu bikorwa inshingano zabo zikomeye z'ubukangurambaga ku baturage muri gahunda za Leta zose uko bazisabwe. Tuboneyeho umwanya wo gushimira abaturage bose b'Akarere ka Gisagara ku ruhare rwabo mu kwiyubaka no guharanira iterambere muri rusange.

Turashimira uwari Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere ka Gisagara kuva 2006 kugeza 2010 Bwana **KAYIRANGA MUZUKA Eugene** (ubu ni Umuyobozi w'Akarere ka Huye), ndetse n'uwamusimbuye Bwana **MVUKIYEHE Innocent** (2011-)ku mirimo myiza bakoze yo

guhuza abakozi, gukurikirana ibikorwa no gucunga neza umutungo w'Akarere kugira ngo ibikorwa byateganyijwe bigerweho.

Turashimira byihariye itsinda ry'abakozi b'Akarere ryashinzwe kwegeranya amakuru no kwandika iki gitabo aribo: **MUNYENTWALI Cyprien, NYIRAHAVUGIMANA Gaudence, KARANGWA Théogène SUKUMA Siméon, HABIYAREMYE Jean de Dieu** na Nyakwigendera **NZIBALIZA Naphtal**.

Dushimiye cyane abantu bakuru (inararibonye) bifashishijwe mu gutanga amakuru ku mateka y'Akarere: **Dr NTABOMVURA Venant, Bwana RUZINDANA Benoît, Honorable Député MUKANDUTIYE Spéciose, Padiri Joseph NGOMANZUNGU, PILIPILI Isaïe, na MUHUTU Paul**.

Mwese Imana ibahe umugisha.

***KAREKEZI Léandre***  
***Umuyobozi w'Akarere ka Gisagara***

## ISHAKIRO

• Ijambo ry'ibanze .....	3
• Gushimira .....	5
• Ishakiro .....	7
• Urutonde rw'imbonerahamwe.....	10
• Urutonde rw'amashusho.....	12
• Ibisobanuro by'amagambo.....	13
0. Intangiriro .....	16
1. INCAMAKE Y'AMATEKA Y'AKARERE KA GISAGARA .....	18
1.1. Imiterere y'Akarere ka Gisagara .....	18
1.2. Amavu n'amavuko y'Akarere ka Gisagara .....	19
1.2.1. Intangiriro .....	19
1.2.2. Kuki izina Gisagara? .....	20
1.2.3. Amwe mu mateka azwi mu Karere ka Gisagara .....	21
1.2.4. Superefegitura Gisagara .....	23
1.2.5. Imibanire y'Abanyarwanda .....	25
1.2.6. Urugendo rwo kwiyubaka .....	33
2. IVUGURURA RY'INZEGO Z'IBANZE .....	36
2.1. Intangiriro .....	36
2.2. Ivugurura ry'inzego z'ibanze rya I: 2001-2005 .....	37
2.3. Ivugurura ry'inzego z'ibanze rya II: 2006-2010 .....	39
2.3.1. Uko ivugurura ryakozwe .....	39
2.3.2. Manda ya mbere y'ubuyobozi bw'Akarere ka Gisagara .....	42
2.3.3. Urutonde rw'abakozi b'Akarere ka Gisagara muri Mutarama 2006 .....	46
2.3.4. Incamake y'imiterere y'Akarere muri Mutarama 2006.....	50
2.4. Ivugurura ry'inzego z'ibanze rya III: 2011-2015.....	52
2.4.1. Uko ivugurura ryakozwe.....	52
2.4.2. Manda ya kabiri y'ubuyobozi bw'Akarere ka Gisagara: 2011-2015.....	53
2.4.3. Abakozi b'Akarere ka Gisagara kugeza Ukuboza 2015.....	56
3. IBYAGEZWEHO MU ITERAMBERE RY'UBUKUNGU: 2006-2015.....	57
3.1. Ubuhinzi .....	57
3.1.1. Ibigori.....	58
3.1.2. Gutunganya umusaruro w'ibigori.....	60
3.1.3. Umuceri.....	62
3.1.3.1. Ibishanga bihingwamwo umuceri.....	62

3.1.3.2. Gutunganya umusaruro w’umuceri.....	65
3.1.4. Ibishyimbo.....	66
3.1.5. Imyumbati.....	67
3.1.6. Urutoki.....	69
3.1.7. Ikawa.....	71
3.2. Ubworozi.....	73
3.2.1. Gahunda ya Girinka Munyarwanda.....	73
3.2.2. Ubworozi muri rusange.....	76
3.2.3. Gutera intanga no gukingira inka.....	78
3.3. Ibikorwa remezo.....	79
3.3.1. Imihanda.....	79
3.3.1.1. Ubwoko bw’imihanda n’uburebure bwayo.....	80
3.3.1.2. Imihanda yatunganyijwe kuva 2006 -2015.....	80
3.3.2. Amateme.....	82
3.3.3. Imiyoboro y’amazi meza.....	83
3.3.4. Amashanyarazi.....	86
3.4. Imiturire.....	87
3.5. Ibidukikije.....	90
3.6. Ishoramari, Koperative, ibigo by’imari n’amasoko.....	93
3.7. Ingengo y’imari y’Akarere.....	97
4. IBYAGEZWEHO MU MIBEREHO MYIZA: 2006-2015.....	98
4.1. Ubuzima.....	98
4.1.1. Kongera inyubako zitangirwamo serivisi z’ubuzima.....	98
4.1.2. Ubwisungane mu kwivuzza.....	104
4.1.3. Imirire mibi.....	104
4.2. Uburezi.....	105
4.2.1. Intangiro.....	105
4.2.2. Gahunda yo kongera ibyumba by’amashuri.....	107
4.2.3. Imitsindire y’abanyeshuri.....	109
4.2.4. Amacumbi ya mwarimu.....	110
4.3. Kwita ku batishoboye.....	111
4.3.1. Kubonera abatishoboye amacumbi: 2006-2015.....	111
4.3.2. Gufasha abana baturuka mu miryango itishoboye kwiga.....	113
4.3.3. Inkunga y’ingoboka.....	114
4.3.4. Gufasha abatishoboye binyuze muri gahunda y’ubudehe.....	116
4.3.5. Guteza imbere siporo.....	117
5. Ibyagezweho mu rwego rw’imiyoborere myiza: 2006-2015.....	119

5.1. Intangiriro.....	119
5.2. Kwegereza abaturage ubuyobozi n’ubushobozi.....	119
5.2.1. Gushyira mu myanya abakozi.....	119
5.2.2. Kubaka ibiro by’ubuyobozi.....	120
5.2.3. Inzego z’ubuyobozi.....	122
5.3. Urwego rw’abafatanyabikorwa JADF.....	126
5.4. Guteza imbere ubumwe n’ubwiyunge.....	127
5.4.1. Itorero ry’Igihugu .....	127
5.4.1.1. Incamake y’amateka y’Itorero ry’Igihugu n’icyerekezo cyaryo.....	127
5.4.1.2. Uko intore iba imeze nyuma yo gutozwa.....	128
5.4.1.3. icyo Itorero ryibandaho muri iki gihe.....	129
5.4.1.4. Uko Itorero ry’Igihugu ryubatswe.....	130
5.4.2. Gahunda ya “Ndi Umunyarwanda”.....	131
5.4.2.1. Ndi Umunyarwanda ni iki?.....	133
5.4.2.2. Ibiganiro kuri gahunda ya Ndi Umunyarwanda mu Karere ka Gisagara.....	134
5.5. Ubutabera no gukemura ibibazo by’abaturage.....	136
5.5.1. Ubutabera.....	136
5.5.1.1. Imanza zaciwe n’inkiko Gacaca.....	136
5.5.1.2. Imanza zaciwe n’inkiko zisanzwe n’imanza zaciwe n’Abunzi.....	137
5.5.2. Gukemura ibibazo by’abaturage.....	137
5.6. Gutanga serivisi nziza no kurwanya ruswa n’akarengane.....	138
5.7. Guteza imbere ikoranabuhanga -ICT- n’itangazamakuru.....	140
5.7.1. Ikoranabuhanga – ICT.....	140
5.7.2. Ibyumba mpahabwenge na gahunda ya Tunga TV.....	141
5.7.3. Ubukangurambaga mu bijyanye n’ikoranabuhanga.....	143
5.7.4. E-Document.....	144
5.7.5. Ikoranabuhanga mu gukemura ibibazo by’abaturage E-KAYE.....	144
5.7.6. Guteza imbere Itangazamakuru.....	146
6. icyerekezo kigari cy’Akarere ka Gisagara mu myaka 5 iri imbere 2016-2020.....	147
Umusozo.....	153
Imigereka .....	154
Inyandiko zifashishijwe.....	174

## URUTONDE RW'IMBONERAHAMWE

Imbonerahamwe ya 1: Umubare n'ubucukike bw'abaturage b'Akarere ka Gisagara mu mwaka wa 2012.....	19
Imbonerahamwe ya 2: Inzibutso zubatswe, aho zubatswe n'umubare w'abazishyinguwemo.....	31
Imbonerahamwe ya 3: Uturere twahujwe tukaba Akarere ka Gisagara n'abatuyoboraga.....	40
Imbonerahamwe ya 4: Urutonde rw'abagize Inama Njyanama y'Akarere 2006-2010.....	44
Imbonerahamwe ya 5: Urutonde rw'Abakozi b'Akarere muri Mutarama 2016.....	46
Imbonerahamwe ya 6: Abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Imirenga n'Utugari muri Mutarama 2016.....	47
Imbonerahamwe ya 7: Urutonde rw'abatorewe Inama Njyanama y'Akarere 2011-2015.....	55
Imbonerahamwe ya 8: Abakozi bateganyijwe nyuma y'ivugurura.....	56
Imbonerahamwe ya 9: Imibare y'abakozi b'Akarere kugeza Ukuboza 2015.....	57
Imbonerahamwe ya 10: Ubuso n'umusaruro w'ibigori.....	58
Imbonerahamwe ya 11: Koperative zihinga ibigori.....	60
Imbonerahamwe ya 12: Ubwanikiro n'inganda nto zitunganya umusaruro w'ibigori.....	61
Imbonerahamwe ya 13: ibishanga bihingamwo umuceri mu Karere ka Gisagara.....	63
Imbonerahamwe ya 14: Ubuso n'umusaruro w'umuceri.....	64
Imbonerahamwe ya 15: Uburyo ubuso n'umusaruro w'ibishyimbo wagiye wiyongera.....	66
Imbonerahamwe ya 16: Ubuso n'umusaruro w'imyumbati.....	67
Imbonerahamwe ya 17: Urutoki rushya n'urwavuguruwe.....	69
Imbonerahamwe ya 18: Ubuso n'umusaruro wa kawa.....	71
Imbonerahamwe ya 19: Gahunda ya Girinka Munyarwanda.....	74
Imbonerahamwe ya 20: Ubworozi muri rusange mu Karere ka Gisagara.....	76
Imbonerahamwe ya 21: Umubare w'inka zakingiwe n'izatewe intanga.....	78
Imbonerahamwe ya 22: Imihanda yahanzwe/yatunganyijwe n'uburebure bwayo.....	80
Imbonerahamwe ya 23: Amateme yubatswe mu Karere ka Gisagara.....	82
Imbonerahamwe ya 24: Ijanisha ry'abaturage begerejwe amazi.....	83
Imbonerahamwe ya 25: Imiyoboro y'amazi yubatswe n'iyasanwe.....	84
Imbonerahamwe ya 26: Imiyoboro y'amashanyarazi yubatswe.....	86
Imbonerahamwe ya 27: Imiturire mu Karere ka Gisagara.....	88
Imbonerahamwe ya 28: Imiryango yavuye muri Nyakatsi.....	88
Imbonerahamwe ya 29: Ibikorwa byo kurengera ibidukikije mu Karere ka Gisagara.....	90
Imbonerahamwe ya 30: Ubuso (ha) bwateweho amashyamba mu Karere ka Gisagara.....	92
Imbonerahamwe ya 31: Ishoramari n'ibigo by'imari mu Karere ka Gisagara.....	93
Imbonerahamwe ya 32: Amasoko ya kijambere yubatswe/yaguwe.....	96

Imbonerahamwe ya 33: Ingeno y'Imari y'Akarere ka Gisagara.....	97
Imbonerahamwe ya 34: Ibigi Nderabuzima n'Ibitaro by'Akarere ka Gisagara 2015.....	99
Imbonerahamwe ya 35: Inzu zitangirwamo serivisi z'ubuzima z'ibanze (Postes de santé).....	101
Imbonerahamwe ya 36: Ibikorwa by'abajyanama by'ubuzima.....	103
Imbonerahamwe ya 37: Abaturage bakanguriwe kwitabira serivisi z'ubuzima.....	105
Imbonerahamwe ya 38: Ubwiyongere bw'ibigo by'amashuri 2006-2016.....	106
Imbonerahamwe ya 39: Ibyumba by'amashuri byubatswe mu buryo busanzwe 2006-2008.....	107
Imbonerahamwe ya 40: Ibyumba by'amashuri byubatswe muri gahunda y'uburezi bw'ibanze bw'imyaka 12.....	107
Imbonerahamwe ya 41: Ubwitabire n'imitsindire y'abanyeshuri mu bizamini bya Leta.....	109
Imbonerahamwe ya 42: Abatishoboye bubakiwe.....	112
Imbonerahamwe ya 43: Abatishoboye bafashijwe kuva muri nyakatsi.....	112
Imbonerahamwe ya 44: Umubare w'abana bafashijwe kubona ibikoresho n'amafaranga y'ishuri.....	114
Imbonerahamwe ya 45: Abahawe inkunga y'ingoboka na FARG na VUP.....	114
Imbonerahamwe ya 46: Imishinga y'abatishoboye yavuye ku nkunga ya VUP.....	115
Imbonerahamwe ya 47: Imishinga y'ubudehe yatewe inkunga.....	117
Imbonerahamwe ya 48: Ubufasha bw'amatungo yahawe abatishoboye.....	117
Imbonerahamwe ya 49: Komisiyo z'Inama Njyanama n'abari bazigize – 2006.....	123
Imbonerahamwe ya 50: Inama z'Inama Njyanama zateranye 2006-2010.....	124
Imbonerahamwe ya 51: Ibyemezo by'Inama Njyanama 2006-2010 n'uko byashyizwe mu bikorwa.....	124
Imbonerahamwe ya 52: Komisiyo z'Inama Njyanama 2011-2015.....	125
Imbonerahamwe ya 53: Inama z'Inama Njyanama 2011-2015.....	125
Imbonerahamwe ya 54: Inama za JADF zateranye.....	127
Imbonerahamwe ya 55: Ibyiciro by'intore zatojwe 2007-2015.....	130
Imbonerahamwe ya 56: Uko imirenge yitabiriye ibiganiro kuri gahunda ya Ndi Umunyarwanda 2013-2014.....	134
Imbonerahamwe ya 57: Uko Imirenge yitabiriye ibiganiro kuri gahunda ya Ndi Umunyarwanda 2014-2015.....	135
Imbonerahamwe ya 58: Imanza zaciwe n'inkiko zisanzwe n'abunzi 2006 – 2014.....	137
Imbonerahamwe ya 59: Imishinga ikwiye kwitabwaho muri 2016-2020.....	148

## **URUTONDE RW'AMASHUSHO**

Ishusho ya 1: Ubuso n'umugaruro w'ibigori.....	59
Ishusho ya 2: Ubuso n'umugaruro w'umuceri.....	64
Ishusho ya 3: Ubuso n'umugaruro w'ibishyimbo.....	66
Ishusho ya 4: Ubuso n'umugaruro w'imyumbati.....	68
Ishusho ya 5: Girinka Munyarwanda mu Karere ka Gisagara.....	75
Ishusho ya 6: Ubworozi muri rusange mu Karere ka Gisagara.....	77
Ishusho ya 7: Inka zatewe intanga n'izakingiwe.....	78
Ishusho ya 8: Abaturage begerejwe amazi meza.....	84
Ishusho ya 9: Ubwitabire n'imitsindire y'abanyeshuri mu bizamini bya Leta.....	110

## **IBISOBANURO BY'AMAGAMBO**

<b>12YBE</b>	: Twelve Years Basic Education
<b>9YBE</b>	: Nine Years Basic Education
<b>AEP</b>	: Adduction d'Eau Potable
<b>APEL</b>	: Appui au Petit Elevage
<b>APROSOMA</b>	: Association pour la Promotion Sociale de la Masse
<b>ARD</b>	: Alliance pour le Renforcement de la Démocratie
<b>CDR</b>	: Coalition pour la Défense de la Démocratie au Rwanda
<b>CNDPH</b>	: Conseil National des Personnes Handicapées
<b>CNF</b>	: Conseil National des Femmes
<b>CNJR</b>	: Conseil National de la Jeunesse du Rwanda
<b>COCAMUGI</b>	: Coopérative des Caféculteurs de Mugombwa-Gisagara
<b>COOPEC</b>	: Cooperative d'Epargne et de Crédit
<b>COPROCAGI</b>	: Cooperative de Production du Café de Gisagara
<b>DCDP</b>	: Decentralization and Community Development Project
<b>DDP</b>	: District Development Plan
<b>DIP</b>	: Decentralization Implementation Program
<b>DPEM</b>	: District Plan to Eliminate Malnutrition
<b>EDPRS</b>	: Economic Development for Poverty Reduction Strategy
<b>EICV</b>	: Enquête Intégrale sur les Conditions de Vie des ménages
<b>FAO</b>	: Food and Agriculture Organization
<b>FARG</b>	: Fond d'Assistance aux Rescapés du Génocide
<b>FONERWA</b>	: Fond National pour l'Environnement au Rwanda (National Fund for Environment and Climate Change)
<b>FPR-Inkotanyi</b>	: Front Patriotique Rwandais-Inkotanyi

<b>JADF</b>	: Joint Action Development Forum
<b>KOAKAGI</b>	: Koperative y'Abahinzi ba Kawa ba Gisagara
<b>MAP</b>	: Multisectorial Aids Project
<b>MDR</b>	: Mouvement Démocratique Républicain
<b>MDR PARMEHUTU</b>	: Parti du Mouvement pour l'Emencipation Hutu
<b>MINAGRI</b>	: Ministry of Agriculture
<b>MINALOC</b>	: Ministère de l'Administration Locale
<b>MINICOM</b>	: Ministère de l'Industrie et du Commerce
<b>MRND</b>	: Mouvement Révolutionnaire National pour le Developement
<b>NISR</b>	: National Institute of Statistics of Rwanda
<b>PASNVA</b>	: National Agriculture Extension Support Project
<b>PDC</b>	: Parti Démocrate Chrétien
<b>PDI</b>	: Partie Démocrate Islamique
<b>PF</b>	: Plannification Familiale
<b>PL</b>	: Parti Libéral
<b>PPMER</b>	: Projet des Petites et Moyennes Entreprises au Rwanda
<b>PRSP</b>	: Poverty Reduction Strategies Paper
<b>PSD</b>	: Parti Social Démocrate
<b>PSR</b>	: Parti Social Rwandais
<b>RADER</b>	: Rassemblement Democratique Rwandais,
<b>RDB</b>	: Rwanda Development Board
<b>REMA</b>	: Rwanda Environment Management Authority
<b>RHA</b>	: Rwanda Housing Authaurity
<b>RPF</b>	: Rwanda Patriotic Front
<b>RSSB</b>	: Rwanda Social Security Board

<b>RSSP</b>	: Rural Sector Support Project
<b>RTD</b>	: Rassemblement des Travailleurs Démocrates
<b>RTL</b>	: Radio Télévision Libre des Milles collines
<b>SACCO</b>	: Saving and Credit Cooperative
<b>TIG</b>	: Travaux d'Intérêts Généraux
<b>UCOCAGI</b>	: Union des Cooperatives Caféicole de Gisagara
<b>UCOOCUMAGI</b>	: Union des Coopératives des Cultivateurs de Manioc de Gisagara
<b>UCORIBU</b>	: Union des Cooperatives Rizicoles de Butare
<b>UNAR</b>	: Union Nationale Rwandaise
<b>V/M AFSO</b>	: Vice Mayor chargé des Affaires Sociales
<b>V/MFED</b>	: Vice Mayor in Charge of Finance and Economic Development
<b>VTC</b>	: Vocational Training Center
<b>VUP</b>	: Vision 2020 Umurenge Program
<b>YEGO Center</b>	: Youth Empowerment for Global Opportunity Center

# **GISAGARA 2006-2015:**

## **IMYAKA 10 Y'IMBANZABIGWI MU RUGAMBA RW'IMIHIHO**

### **INTANGIRIRO**

Akarere ka Gisagara katangiye kubaho kuva muri Mutarama 2006 hashingiye ku itegeko No 29/2005 ryo kuwa 31/12/2005. Ni ukuvuga ko kugeza mu kwezi k'Ukuboza 2015, Akarere ka Gisagara kamaze imyaka 10 kabayeho. Iki gitabo cyanditswe n'Ubuyobozi bw'Akarere, mu rwego rwo gusubiza amaso inyuma ngo burebe aho kavuye n'aho kageze muri uru rugendo rw'imyaka 10, ni ukuvuga kuva 2006 kugeza 2015 n'icyerekezo gafite mu myaka 5 iri imbere iganisha kuri gahunda ngari y'Igihugu y'icyerekezo 2020.

Iki gitabo kigaragaza urwo rugendo mu byiciro 6 bikurikira:

1. Incamake y'amateka y'Akarere ka Gisagara
2. Ivugurura ry'inzego z'ibanze
3. Ibyagezweho mu iterambere ry'ubukungu: 2006-2015
4. Ibyagezweho mu mibereho myiza y'abaturage 2006-2015
5. Ibyagezweho mu miyoborere myiza n'ubutabera 2006-2015
6. Icyerekezo kigari cy'Akarere ka Gisagara mu myaka 5 iri mbere: 2015-2020

Ibyakozwe muri iki gihe cy'imyaka 10 ni byinshi cyane ku buryo byose bitashobora kugaragazwa mu gitabo kimwe, ariko igitabo kiribanda ku bikorwa bigari bigaragaza aho Akarere kavuye, aho kageze n'aho kagana. Ibikorwa byose byagezweho ku bufatanye busesuye bw'abaturage, abafatanyabikorwa n'inzego z'ubuyobozi zitandukanye.

- I. Mu iterambere ry'ubukungu hitawe ku bikorwa remezo (amashanyarazi, amazi, imihanda, amashuri, amavuriro), imiturire, ubuhinzi hahuzwa ubutaka no guhinga ibihingwa byumvikanyweho kandi bizahura iterambere ry'abaturage, guteza imbere ubworozi (gahunda ya Girinka, korozanya, kuremerana,...), kwandika ubutaka, ...

- II. Mu mibereho myiza: Hibanzwe ku kongera amavuriro n'ubushobozi bwayo, gukangurira abaturatione no kubafasha kugira ubwisungane mu kwivuzza (Mutuelle de Santé), kubakira abatishoboye harimo imfubyi n'abapfakaz ibasizwe iheruheru na jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, gufasha abatishoboye muri rusange binyuze muri gahunda zinyuranye zizahura abaturatione, gufasha abantu kuva muri nyakatsi yo ku mazu no ku buriri, kurwanya indwara z'ibyorezo, isuku, kuboneza urubyaro, kurwanya imirire mibi hifashishijwe umugoroba w'Ababyeyi, uturima tw'igikoni n'igikoni cy'umudugudu, ...
- III. Mu miyoborere myiza hitawe ku kubaka no gushyigikira inzego, gukemura ibibazo by'abaturatione kandi nabo babigizemo uruhare, gutanga serivisi nziza no kurwanya ruswa n'Akarengane, hitawe kandi kuguteza imbere ibyiciro byihariye : Abagore , urubyiruko n'abafite ubumuga binyuze mu nzego zabo CNF, CNJ na NCPD.
- Ikoranabuhanga ryatejwe imbere ku buryo bufatika, riba inzira yo gutanga serivisi nziza no kwihutisha akazi kandi rigira uruhare runini mu gukemura ibibazo by'abaturatione, kurwanya ruswa n'akarengane.
- Itangazamakuru ryabaye umufasha mwiza mu iterambere umuturatione agizemo ijambo.
- IV. Mu butabera: Urwego rw'Abunzi rwegereye abaturatione rwateye intambwe ishimishije mu gukemura ibibazo by'abaturatione. Inyinshi mu manza zaciwe n'abunzi ndetse n'inkiko zisanzwe zararangijwe. Hitawe kandi ku kurangiza imanza zaciwe n'inkiko gacaca zo mu rwego rwa gatatu (imitungo) hitabwa ku guhuza abaturatione no kubungira.

Muri iki gitabo ntabwo hatekerejwe gusa kugaragaza ibikorwa byagezweho mu gihe cy'imyaka 10 ishize, ahubwo hatekerejwe no kugaragaza imishinga migari y'iterambere igomba kwitabwaho mu gihe cy'imyaka itanu iri imbere (2016-2020) hagamijwe kuzamura umuturatione mu mibereho ye ya buri munsu, nawe agasigara yishimiye uburyo abayeho, akajya mu rugamba rwo guharanira iterambere rirambye ry'urugo rwe, Akarere, n'Igihugu muri rusange. Iyo mishanga izaba isohorera mu mu cyerekezo kigari cy'Igihugu cya 2020.

## I. INCAMAKE Y'AMATEKA Y'AKARERE KA GISAGARA

### 1.1. IMITERERE Y'AKARERE KA GISAGARA

Akarere ka Gisagara ni kamwe mu turere 30 tugize Igihugu cy'u Rwanda. Gaherereye mu Ntara y'Amajyepfo, mu majyepfo yayo. Mu majyepfo n'iburasirazuba Akarere ka Gisagara gahana imbibi n'Igihugu cy'u Burundi, mu majyaruguru gahana imbibi n'Akarere ka Nyanza naho iburengerazuba kagahana imbibi n'Uturere twa Nyaruguru na Huye. Kagizwe n'Imirenge 13, Utugari 59 n'Imidugudu 524.



*Aho Akarere ka Gisagara gaherereye ku Ikarita y'u Rwanda*

Akarere ka Gisagara gafite ubuso bwa km<sup>2</sup> 679. Hashingiwe ku ibarura rusange ryo mu 2012, Akarere ka Gisagara gatuwe n'ingo 77,259 abaturage 322,506 n'ubucukike bw'abantu 474/km<sup>2</sup>. Muri abo baturage, 172,051 (53.3%) ni abagore, naho 150,455 (46.7%) ni abagabo, 62% ni urubyiruko ruri muni y'imyaka 24, abantu 35% bari hagati y'imyaka 25 na 65, mu gihe 3% bari hejuru y'imyaka 65. Abaturage babana n'ubumuga bukomeye bagera kuri 5.6%.

Ubwiyongere bw'abaturage mu Karere ka Gisagara bugera kuri 2.1%, mu gihe ku rwego rw'Igihugu ari 2.6%.

***Imbonerahamwe ya 1: Umubare n'ubucukike bw'abaturage b'Akarere ka Gisagara mu mwaka wa 2012***

UMURENGE	UMUBARE W'INGO	ABATURAGE			UBUSO	UBUCUCIKE (Inhab/km2)
		GABO	GORE	BOSE HAMWE		
Gikonko	5,580	10,863	12,235	23,098	49	466
Gishubi	5,942	11,763	13,141	24,904	61	403
Kansi	4,461	8,410	10,013	18,423	42	440
Kibirizi	6,510	11,851	14,269	26,120	40	654
Kigembe	4,801	9,400	10,864	20,264	45	450
Mamba	8,166	16,396	18,496	34,892	80	435
Muganza	6,829	13,868	15,913	29,781	70	426
Mugombwa	5,396	10,526	12,186	22,712	50	456
Mukindo	6,338	12,605	14,224	26,829	50	524
Musha	5,974	11,413	12,892	24,305	50	488
Ndora	5,867	11,087	12,726	23,813	61	391
Nyanza	4,397	8,995	9,934	18,929	39	486
Save	6,998	13,278	15,158	28,436	41	692
<b>Igiteranyo</b>	<b>77,259</b>	<b>150,455</b>	<b>172,051</b>	322,506	<b>679</b>	<b>474</b>

*Inkomoko: NISR, 2012, Population and Housing Census.*

## **1.2 AMAVU N'AMAVUKO Y'AKARERE KA GISAGARA**

### **1.2.1 Intangiriro**

Muri gahunda yo kwegereza abaturage ubuyobozi n'ubushobozi, icyiciro cya kabiri (2<sup>eme</sup> phase de la décentralisation), hashingiwe ku Itegeko Ngenga No 29/2005 ryo kuwa 31/12/2005 rigena inzego z'imitegekere y'Igihugu cy'u Rwanda nk'uko ryasohotse

mu Igazeti ya Leta Nimeru idasanzwe yo kuwa 31/12/2005 rigena ivugurura ry'inzeho z'ibanze muri gahunda yo kwegereza ubuyobozi n'ubushobozi abaturage, Akarere ka Gisagara katangiye kubaho kuwa kuwa 01/01/2006.

Akarere ka Gisagara kashyizweho, gahuza utwari Uturere twa Mugombwa, Save, igice kinini cya Kibingo n'igice kinini cya Gikonko. Utwo natwo twakomokaga ku yari amakomini akurikira nk'uko yahurijwe hamwe muri gahunda yo kwegereza abaturage ubuyobozi n'ubushobozi, icyiciro cya mbere (1<sup>ere</sup> phase de la decentralisation) yo mu mwaka wa 2001:

1. **Akarere ka Gikonko:** kahuje Komini Mugusa na Muyaga.
2. **Akarere ka Save:** kahuje Ndora na Shyanda.
3. **Akarere ka Kibingo:** kahuje Komini Nyaruhengeri, Kigembe n'amasegiteri 6 ya Komini Gishamvu (Sholi, Mubumbano, Buvumo, Nyakibanda, Kibingo, Liba).
4. **Akarere ka Mugombwa:** Kahuje Komini ya Muganza na Kibayi.

### 1.2.2 Kuki izina Gisagara?

Umuntu wese yakwibaza impamvu Akarere kahawe izina "**GISAGARA**". Ibiro by'Akarere ka Gisagara bikorera mu nyubako y'icyahoze ari Superefejitura ya Gisagara, mu Murenge wa Ndora mu Kagari ka Cyamukuzi. Izina Gisagara turisanga mu mazina y'ibigo bitandukanye: Paruwasi Gatulika ya Gisagara (yashinzwe mu mwaka wa 1944), Ikigo Nderabuzima cya Gisagara, Banki y'Abaturage ya Gisagara, Urwunge rw'amashuri rwa Gisagara, Ikigo cy'amashuri abanza cya Gisagara A na B. Mbere y'ivugurura ry'inzeho z'ibanze, hariho segiteri Gisagara ariyo yahindutse akagari ka Gisagara kubatse santeri ya Ndora. Ibyo byose bigaragaza ko izina Gisagara rimaze igihe kirekire kandi ryari rizwi cyane.

Twaganiriye n'abasaza batandukanye b'inararibonye ku nkomoko y'izina Gisagara, barimo **PILIPILI Isaie** (1925) na **MUHUTU Pascal** (1928) bombi bo mu Murenge wa Ndora, Akagari ka Gisagara. Bavuze ko bavukiye muri uyu murenge akaba ari naho bakuriye, ngo

babyirutse hitwa ku Gisagara cya Ndora. Hari hazwi nko ku kicaro cy'ubuyobozi, kuko ngo niho shefu cyangwa sushefu bahurizaga abaturage bakaganira. Badusobanuriye ko ubwo Umwami Musinga na Rudahigwa bazaga gusura abaturage ba Buhanga-Ndara babahuriye ku Gisagara, aba ari ho bataramira.

Twaganiriye kandi na **Dr. NTABOMVURA Venant** (1926) wo mu Murenge wa Kibilizi, atubwira ko yamenye ubwenge bahita ku Gisagara. **RUZINDANA Benoit** (1951) wo mu Murenge Ndora, wabaye Burugumesitiri wa Komini Ndora (1994-2000) yadusobanuriye ko izina Gisagara ari irya kera. Yagize ati: "Izina Gisagara nakuze ndisangaho. Mbere y'ivugurura ry'inzeho z'ibanze ryo muri 2006, hariho na segiteri Gisagara, ahari santeri ya Ndora, ariho hitwaga Gisagara nyirizina, ubu ni Akagari ka Gisagara.

Akarere ka Gisagara kagizwe ahanini n'icyahoze ari Superefegitura ya Gisagara, ikaba ari nayo mpamvu Akarere kahawe izina "**Gisagara**" ryari risanzwe ari gikwira.

### 1.2.3 Amwe mu mateka azwi mu Karere ka Gisagara

Akarere ka Gisagara gafite amateka maremare y'ibihe bya kera. Birazwi ko mu mwaka wa 1895 ku ngoma y'Umwami Kigeli IV RWABUGILI, **abazungu b'abadage binjira mu Rwanda binjiriye i Nyaruteja** ho mu murenge wa Nyanza, ariko Ingabo z'Imvejuru zabagayo zibasubiza inyuma, bajya kwinjirira i Karagwe banyuze mu gihugu cya Tanzaniya.

Aho i Nyaruteja ni ho hari aho bita mu "**UTWICARABAMI**", aho umwami MUTARA wa II **Semubi** w'u Rwanda yagiraniye **imimaro** (amasezerano yo kutongera guterana) n'umwami MUTAGA w'i Burundi mu kinyejana cya 17 nyuma ya Yezu Kristu. Hafi aho niho hari agasozi ingabo zateraniragaho zigahiga imbere y'umwami "ku ihigiro" mu Kagari ka Higiho, mu gihe hakurya i Burundi hataganye n'aho hari ahitwa "mu mihigo".

Mu murenge wa Kigembe mu Kagari ka Rubona ni ho hari akarwa ka **Sabanegwa** kakunze kuba intandaro y'amakimbirane hagati y'u Rwanda n'u Burundi, bamwe ngo ni akacu abandi nabo ngo ni akacu.

Ishuri rya Seminari ryatangiriye i Kansi, akaba ari naho Umwami Kigeli V NDAHINDURWA yize mu ishuri ryitwaga “Interina”. Twaganiriye na Padiri Joseph NGOMANZUNGU uyobora Paruwasi Gatolika ya Kansi, aduha amateka arambuye y’uburyo iyo seminari yatangiye. Yagize ati: “Mu Rwanda, Kiliziya yatangiriye i Save ku itariki 08/02/1900. Paruwasi ya Kansi yatangijwe ku itariki 13/12/1910. Kuva muri 1901 abana b’abanyarwanda batorezwaga ubupadiri muri Tanzaniya ahitwa LUBYA, ahari icyicaro cya Musenyeri HIRT, bakahahurira n’abo mu bindi bihugu by’Afurika y’uburasirazuba. Mu mwaka wa 1912 u Rwanda barutandukanije na Tanzaniya (mu by’idini) baruhaza n’u Burundi gusa, Msgr HIRT ashya icyicaro i Kabgayi. Muri Mutarama 1913 hatangijwe seminari i Kansi, abana bagombaga kujya kwiga i LUBYA bahita babatangizayo. Mu Ukwakira 1913 ishuri baryimuriye i Kabgayi, abanyarwanda bakaba ariho bigira icyiciro cya mbere (1<sup>er</sup> cycle). Amashuri y’i Kansi yahise ahindurwa “interina” (internat) bakahigira icyiciro cya kabiri (2<sup>eme</sup> cycle). Mu mwaka wa 1957 seminari mu byiciro byose byagarutse i Kansi. Mu 1962 hashinzwe seminari ntoya i Save, ariko icyiciro cya kabiri kigakomereza i Kansi. Mu 1976, seminari y’i Save n’iy’i Kansi zarahujwe zimurirwa Karubanda i Butare (Huye).

Amazu seminari yakoreragamo i Kansi yatijwe Leta, ihashyira ishuri rya “Ecole Sociale de Kansi” ubu niryo “Groupe Scolaire Saint François d’Assise de Kansi”.

Padiri Joseph NGOMANZUNGU yasobanuye ko aho i Kansi, kubera misiyoni, niho abazungu bazaga cyangwa bavaga mu Rwanda bararaga bava cyangwa bajya ku kibuga cy’indege i Bujumbura, n’imodoka zabo niho bazisigaga.

Aho i Kansi niho batangiriye umuryango w’abihayimana “Soeurs Bernardines” mu mwaka 1932. Bahise bahubaka ivuriro ari ryo abazungu bose bivurizagamo.

Ishuri rya mbere ryigisha abakobwa mu Rwanda ryatangiriye i Save mu mwaka 1938, niryo ubu ryitwa “Groupe Scolaire Ste Bernadette de Save”.

Aho i Save ni ho hatangiriye ishuri ryo gusoma no kwandika n’ishuri ry’Ubuforomo mu Rwanda.



Itegeko No 29/1982 ryo kuwa 13/09/1982 ryavuguruye Itegeko teka No 27/1975 ryo kuwa 31/07/1975 ryashyizeho Superefegitura n'amakomini azigize. Butare yakaswemo Superefegitura 3 mu buryo bukurikira:

- **Superefegiture Nyabisindu:** ihuza Komini Ntyazo, Nyabisindu, Rusatira na Muyira ikaba yari ifite icyicaro muri Komini Nyabisindu.
- **Superefegitura Busoro:** ihuza Komini Nyakizu, Runyinya, Kigembe na Gishamvu, ikagira icyicaro i Busoro ho muri Komini Gishamvu.
- **Superefegitura ya Gisagara:** igahuza Komini Muyaga, Kibayi, Muganza, Nyaruhengeri na Ndora, ikaba yari ifite icyicaro ku Gisagara muri Komini Ndora.

Andi makomini 7 yegereye Umujyi wa Butare ari yo: Maraba, Ruhashya, Mbazi, Ngoma, Huye, Shyanda na Mugusa ntiyabarirwaga muri za superefegitura, ahubwo yakurikiranwaga na Superefe wakoreraga ku cyicaro cya Perefegitura.

Superefegitura ya Gisagara yubakiwe ibiro muri segiteri ya Gisagara kuwa 18/07/1984, ubu akaba ari mu Kagari Cyamukuza.



*Ibuye fatizo ryo kubaka ibiro bya Superefegitura Gisagara*



*Ibiro Superefegitura yakoreragamo, ubu bikorerwamo n'Akarere ka Gisagara*

### 1.2.5 Imibanire y'abanyarwanda

Abanyarwanda bari babanye neza, basabana muri byose. Bari bafite amoko yabahuzaga hashingiye ku miryango. Habaga Umuryango mugari (clan) uhuriwemo n'imiryango myinshi (abacyaba, abungura, ababanda, abega, abashambo, abasinga, abanyiginya, abatsobe,...). Ryari ihuriro ry'umuryango ndetse ufite umukuru cyangwa umuyobozi n'ikiwuranga rusange (tôtème), akenshi cyabaga ari inyamaswa cyangwa inyoni. Amenshi muri ayo mazina y'imiryango yabaga ahuriweho n'abahutu n'abatutsi. Imyizerere n'imyemerere ndetse n'ururimi rumwe byarabahuzaga.

Ibyo ni byo Bernard LUGAN yagaragaje ubwo yandikaga ko u Rwanda rwihariye muri Afurika. Ni igihugu cyuzuye kandi imbibi zacyo ntizashyizweho n'ubukoroni. Amoko abiri ni yo yiganje, abahutu n'abatutsi kandi yose avuga ururimi rumwe, akanahurira ku gihugu kimwe bemera bose. Mu by'ukuri ibibatandukanya ntibishingiye ku moko, ahubwo ku mibanire ishingiyeye ku ngoma ya cyami. Yagize ati:

« Le Rwanda constitue une exception en Afrique. Il s'agit en effet d'un authentique Etat-nation multiséculaire dont les frontières historiques n'ont pas été créées par la colonisation.

De plus, le pays n'est divisé en une multitude d'ethnies. Ses deux composantes humaines, les Tusi (environ 20% de la population) et les Hutu (environ 80%) parlent la même langue et ont conscience d'appartenir à une seule et unique nation. Leurs différences ne sont donc pas ethniques. Il s'agit en revanche de deux populations différentes fondées culturellement dans le creuset étatique et national de la monarchie tutsi, mais qui ont préservé leurs principaux caractéristiques morphotypiques ».\*

---

\* (Bernard LUGAN, 1997, *Histoire du Rwanda, de la préhistoire à nos jours*, Bartillat, P68-69)



- **APROSOMA:** Association pour la Promotion Sociale de la Masse yashinzwe mu 1957 n’abapadiri bera (b’abazungu) i Save, ubu ni muri Gisagara. Iri shyaka ryari rihuriwemo cyane n’ubwoko bw’Abahutu.
- **MDR PARMEHUTU:** Parti du Mouvement pour l’Emencipation Hutu ryashinzwe mu 1957 i Gitarama, rikaba ryari ryiganjemo abahutu.
- **UNAR: Union Nationale Rwandaise** yashinzwe mu mwaka wa **1959:** N’ubwo ryashinzwe n’abatutsi bari bagamije ko riba ishyaka rihuza abanyarwanda bose, abahutu n’abatutsi. Hifuzwaga ko rihuriramo abanyarwanda bose.
- **RADER: Rassemblement Democratique Rwandais,** naryo ryashinzwe mu mwaka wa **1959:** Iri shyaka ryashinzwe n’Ababirigi bagamije gusenya imigambi ya UNAR no gucamo ibice abahutu n’abatutsi, haza kuvamo ivangura rikomeye ryatumye haba ubwicanyi n’ubuhunzi mu 1959.

Nyuma yo kubona ubwigenge mu mwaka wa 1962, ayo mashyaka yaje kvanwaho n’ubutegetsi bwariho muri Repubulika ya mbere, hasigaraho ishyaka rimwe rukumbi rya **MDR Parmehutu**. Iryo naryo ryaje kvanwaho nyuma y’ihirikwa ry’ubutegetsi (Coup d’Etat) mu mwaka wa 1973. Mu mwaka wa 1975 hashyizweho irindi shyaka rimwe rukumbi rya **MRND: Mouvement Révolutionnaire National pour le Developement**.

Mu mwaka wa 1990 hagarutse impinduramatwara n’inkubiri y’amashyaka menshi. Ayigaragaje cyane ni aya akurikira: **MRND** (Mouvement Révolutionnaire National pour le Développement), **MDR** (Mouvement Démocratique Républicain), **PSD** (Parti Social Démocrate, **RPF** (Rwanda Patriotic Front) ariko ikorera hanze y’u Rwanda, **PL** (Parti libéral), **PDC** (Parti Démocrate chrétien), **PSR** (Parti Social Rwandais), **RTD** (Rassemblement des Travailleurs Démocrates) , **CDR** (Coalition pour la Défense de la Démocratie au Rwanda) na **PDI** (Partie Démocrate Islamique).

Ayo mashyaka menshi no mu makomini ya Gisagara yari ahari, ariko ayari azwi cyane akanitabirwa n’abaturage benshi yari **MDR, MRND, PSD** na **PL**. Yagaragaraga mu masegiteri yose igize Komini, abaturage barayayobotse ku mpamvu zitandukanye. icyagaragaraga ariko, abaturage bajyaga mu mashyaka kugira ngo bagire aho babarizwa gusa kuko abenshi batari basobanukiye n’ingabitekerezo (idéologie) yayo.

Biranyobeye: Iby’amashyaka, ntacyo mbiziho. Ndamenya njya murihe? Ndanyura iyihe nzira?



N’ubwo bitoroheye abakoroni gutandukanya abanyarwanda bitewe n’imibanire yabo, ariko babigezeho kandi bigira ingaruka mbi mu mibanire n’imibereho yabo. Urwango rushingiye ku moko ruturutse kuri politiki mbi rwagiye rwenyegzwa hagati mu banyarwanda, rubyara icyicwa n’ihunga ry’abatutsi mu 1959, 1963, 1973, 1993, rubyara jenoside yakorewe Abatutsi yeruye yo muri Mata 1994.

Mu gihe cya Repubulika ya mbere n’iya kabiri abanyarwanda bafatwaga mu moko atatu: Abahutu (rubanda nyamwinshi), abatutsi, n’abatwa batakundaga kwibukwa. Ya moko ya kera yahuzaga abanyarwanda aribagirana, asimburwa n’ayahawe agaciro n’abazungu.

Mu 1959 abatutsi batangiyeye guhigwa no kwirukanwa mu gihugu bahereye ku bakomeye: abashefu, abasushefu, n’abandi bakomeye.

Mu mwaka wa 1963 Uburyo bwo gutoteza abatutsi bwarahindutse hashingiwe ku mvururu zabaye i Burundi na Uganda, Abatutsi birukanywe bashatse kugaruka ku ngufu biranga, icyo gihe biswe **“Inyenzi”** (cancrelats) n’ubutegetsu bwariho mu rwego rwo kubambura agaciro. Uko bateraga, abategetsu b’u Rwanda batangiraga guhiga no kwica abatutsi basigaye mu Rwanda.

Mu mwaka wa 1990, abana b’abatutsi bahunze mu 1959-1963 batangiyeye urugamba rwo kugaruka mu gihugu cyabo barangajwe imbere n’umutwe wa gisirikari **“FPR-Inkotanyi” (Front Patriotique Rwandais-Inkotanyi)**.

Mu 1991 niho Perezida w’u Rwanda **HABYARIMANA Juvénal** yemeye ko mu gihugu habamo amashyamba menshi nk’uko twayagaragaje haruguru.

Mu mwaka wa 1992 havutse amashyamba mashya: ARD (Alliance pour le Renforcement de la Démocratie) na CDR, yaje agera ikirenge mu cya MDR Parmehutu, atangira kuba umuvugizi w’abahutu akoresheje ibitangamakuru bya “rutwitsi” nka radiyo **RTL**M (Radio Télévision Libre des Mille collines), ikinyamakuru cyanditse **“Kangura”** hagamijwe kwerekana ku mugaragaro ko umwanzi w’abahutu ari umututsi **“inyenzi” (Umututsi)**.\*

Gutera kw’Inkotanyi mu Rwanda mu 1990 byabaye urwitwazo rwo gutegura no gushyira mu bikorwa Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994. Batangiye bica abatutsi babita ibyitso by’Inkotanyi kugeza ubwo umugambi wo gushyira kubica bose ushyizwe mu bikorwa muri Mata 1994.

Kuwa 06 Mata 1994 nyuma y’amasaha make habaye urupfu rw’uwari Umukuru w’Igihugu **HABYARIMANA Juvénal** hatangiye ubwicanyi

---

\* Bernard LUGAN, 1997, Histoire du Rwanda: De la préhistoire à nos jours, Bartillat, p. 483

butari mu ibanga buherekejwe n'inkongi y'umuriro n'isahura mu mazu y'Abatutsi. Kuwa 07 Mata 1994 hatangiye kwicwa abayobozi bakuru b'Igihugu batavugaga rumwe n'abicanyi.

Kuwa 08 Mata 1994 muri Kigali ubwicanyi bwavuzaga ubuhaha kuko intoranwa z'Interahamwe ziraye mu baturage bahera kubo bari baratoranyije batavugaga rumwe.

Kuwa 07 no kuwa 08 Mata hagiyeho Guverinoma y'inziyacuho yiswe "Guverinoma y'abatabazi" iyobowe na **SINDIKUBWABO Théodor** wari Perezida w'Inteko Ishinga Amategeko (CND), akaba n'umuturage wa Gisagara, igakorana cyane na RTLM yakorwagaho na Kantano nawe uvuka muri Gisagara kandi akaba no mu bayobozi bayo.

Kuwa 23/4/1994 inama y'abaminisitiri yarateranye igamije kohereza intumwa z'abaminisitiri mu maperefegitura n'amakomini yayo gukurikirana ibikorwa by'ubwicanyi bwakorwaga no gukangurira abaturatione kubwitabira. NYIRAMASUHUKO Pauline, uvuka ku Gisagara, wari Minisitiri w'Umuryango, ni we woherejwe muri Perefegitura ya Butare n'amakomini yayo kuko yari ahatuye n'umuryango we. \*

Kimwe no mu gihugu hose, mu Karere ka Gisagara Jenocide yahageze ifite ubukana bwinshi kuko imyiteguro yari yarashyizwemo imbaraga zidasanzwe. Gusa muri Perefegitura ya Butare, bitandukanye n'ahandi, abaturatione ntibahise bayitabira bitewe n'imibanire myiza abaturatione baho bari basanganywe, itararangwaga n'amoko. Kuwa 21/4/1994 Perezida wa Guverinoma y'abatabazi, SINDIKUBWABO Theodore, nawe uvuka muri Gisagara mu Murenge wa Save, ahahozwe ari Komini Shyanda, yaje gukora ubukangurambaga ku cyicaro cya Superefegitura ya Gisagara, ahagarara ku kabaraza ko hejuru k'icyumba cy'inama (balcon en étage) ahirengewe cyane, aho abaturatione bamurebaga bose, avuga mugambo acyaha abaturatione batitabiriye ubwicanyi agira ati: **"Baturage ba Gisagara ntikumigire ba Ntibindeba, muhaguruke mukore"**. Abaturage ba Gisagara binjira muri Jenocide ubwo.

Mu Karere ka Gisagara hishwe abatutsi benshi bo muri ako gace n'ab'ahandi bahahungiraga kuko mbere hasaga n'ahari ituze kandi

---

\* ..... Rwanda 1994 Les politiques du génocide à Butare, p. 320-330

bari bizeye ubuhungiro kuko hegereye igihugu cy'u Burundi aho bashoboraga kugera mu gihe gito. Ikindi bari hafi ya Superefegitura, bibwira ko bari burengerwe n'ubuyobozi. Si ko byagenze ariko, kuko mu gihe gito cyane hafashwe ingamba mbi, baratangatangwa bicirwa hagati, dore ko abarundi bo ku mipaka nabo, bafatanyije n'impunzi z'abarundi zabaga mu nkambi muri Gisagara, bafashije Interahamwe kubica.

Nyuma ya Jenocide, muri Gisagara kimwe n'ahandi mu gihugu hashyinguwe mu cyubahiro imibiri y'Abatutsi bishwe muri Jenocide yashoye kuboneka, ubu hakaba harubatswe inzibutso 9.

***Imbonerahamwe ya 2: Inzibutso zubatswe, aho zubatswe n'umubare w'abazishyunguwe***

No	Urwibutso	Umurenge ruherereyemo	Umubare w'abashyunguye
1	Agahabwa	Kigembe	25.008
2	Kansi	Kansi	10.103
3	Kibilizi	Kibilizi	2.764
4	Mugombwa	Mugombwa	34.470
5	Kabuye	Ndora	43.354
6	Save	Save	3.084
7	Musha	Musha	2.538
8	Gikonko	Gikonko	27.324
9	Mamba	Mamba	30.407
<b>TOTAL</b>			<b>179.052</b>

*Inkomoko: Raporo z'ibikorwa by'Akarere ka Gisagara, 2006-2015*



*Urwibutso rwa Kansi*



*Urwibutso rwa Musha*



*Urwiutso rwa Kabuye/Ndora*



*Urwiutso rwa Mamba*



*Urwiutso rwa Mugombwa*



*Urwiutso rwa Kigembe*



*Urwiutso rwa Kibilizi*



*Urwiutso rwa Gikonko*



*Urwiutso rwa Save*

Hari abandi bashyinguye ahandi hatari mu nzibutso rusange, ndetse n'abajugunywe mu nzuzi n'ahandi hatarashobora kumenyekana, ibyo bigatuma imibare nyayo y'abishwe muri Jenoside itamenyekana neza.

Ku Kiyaga cya Cyamwakizi (Kansi/Gikore) harateganywa kubakwa ubusitani bwo kwibuka abatutsi bajugunywemo no mu zindi nzuzi muri rusange.



Ku bigo binyuranye hubatswe inzibutso (Monuments) zifasha kwibuka abari abakozi b'ibyo bigo bishwe muri jenoside.



*Urumuri rw'icyizere mu Karere ka Gisagara*



*Urwibutso rufasha kwibuka abari abakozi ba Superefegitura Gisagara*

### 1.2.6 Urugendo rwo kwiyubaka

Kubera Jenoside yakorewe abatutsi mu 1994, Umuryango nyarwanda wose wahuye n'ibibazo bikomeye kuko nta muntu n'umwe itagizeho ingaruka. Abanyagisagara nabo bahuye n'ibibazo byinshi. icyakora kumva ko ibibazo byatowe n'abanyarwanda ubwabo, ko ari nabo bagomba kubikemura binyuze mu mpinduka nyinshi, byatumye haba ubufatanye mu gushyira imbaraga zidasanzwe mu bikorwa bitandukanye bihindura ayo mateka. Hangijwe byinshi mu miyoborere n'imitegekere y'Igihugu, mu bukungu, mu mibereho myiza, imibanire n'umuco nyarwanda. Nyuma ya Jenoside Abanyagisagara kimwe n'abanyarwanda muri rusange basigaranye ibikomere ku mutima no ku mubiri.

Icyakozwe ni ukwerekana buri wese ko Jenoside ariyo nkomo y'ishyamba n'ibyago byabaye ku munyarwanda, bamwe bagasigara ari incike, imfubyi, abapfakazi, abafite ubumuga, imfungwa, abana birera, abagore bibana n'abandi. Bityo mu bufatanye bwabo baharanira kugarura umuco w'amahoro, ubwumvikane n'imibanire myiza kuko ari byo byagombaga gutuma bongera kubaka umuryango nyarwanda uganu ku iterambere rirambye. Ibyo rero byasabaga ubuyobozi busobanutse kandi bufite imbaraga.

Ni byo koko uruhare rw'abayobozi rwagombaga kuba runini cyane, kandi n'abaturage nabo bakabigiramo uruhare runini mu kwakira ibyago byabaye, kwemera uruhare babigizemo, kwihana, gusaba, gutanga no kwakira imbabazi. Inzira y'ubumwe n'ubwiyunge yabaye ndende cyane, inyura muri gahunda za Leta zitandukanye ziganisha ku kwiyubaka.

- **Kubakira abacitse ku icumu rya jenocide amacumbi (1995):** Iyi gahunda yo kubaka amacumbi abanyarwanda bose bayigizemo uruhare, bituma abacitse ku icumu bagarura icyizere cyo kubaho no kubana n'abandi.
- **Ubumwe n'ubwiyunge (1996):** Intego nkuru yari “Kunga umuryango nyarwanda”, guhuza abarokotse jenocide, ababiciye n'abandi banyarwanda. Clubs z'ubumwe n'ubwiyunge mu bigo binyuranye, inama n'ibiganiro byashyizweho hagamijwe kurwanya ingengabite-kerezo ya jenocide.
- **Ingando (1996):** Guhuza abanyarwanda no kubamenyesha icyerekezo gishya. Iyi gahunda yari igamije guhumuriza abanyarwanda, kugarura ituze mu mitima no kubatoza kwigarurira icyizere.
- **Kwibuka Jenocide yakorewe Abatutsi (1996):** Iyi gahunda yashyizweho igamije kwibuka ibyabaye hafatwe ingamba kugira ngo bitazongera ukundi, ahubwo twibuke twiyubaka, tugana ku iterambere rirambye, rizira ingengabitekerezo ya jenocide n'ivangura iryo ari ryo ryose.
- **Gusezerera no gusubiza mu buzima busanzwe abari abasirikare (1996):** Iyi gahunda yafashije guhuza ingabo za kera n'iz'ubu kandi mbere zari abakeba n'abanzi, ariko ubu babanye neza. Ntitwakwiyibagiza ko urugero rwiza rutangwa n'ingabo z'igihugu mu rwego rw'ubumwe n'ubwiyunge hahuzwa ingabo zahoze zihangana byabaye isomo rikomeye ryo kongera guhuza abanyarwanda bari baratandukanyijwe n'amoko, imiyoborere mibi na jenocide. Gusubiza mu buzima busanzwe abari abasirikare n'ababaga mu mitwe ya gisirikare bakagarurwa mu muryango nyarwanda byashimangiye ubumwe n'ubwiyunge na gahunda ya “Ndi umunyarwanda”.

- **Inkiko Gacaca** (2004): Kugaragaza ukuri ku byabaye mu banyarwanda muri jenocide yakorewe abatutsi, guca umuco wo kudahana, kwirega no kwemera icyaha, gusaba imbabazi no kubabarira, byose bigamije kunga umuryango nyarwanda. Iyi gahunda, n’ubwo wari umuti ushaririye, yagaruye imibanire y’abanyarwanda: Abireze kandi bakemera icyaha barababariwe abandi bagabanyirizwa ibihano kugeza ubwo gufungwa burundu cyangwa imyaka myinshi byavuyemo gukora imirimo nsimburagifungo (TIG) mu gihe gito. Abagaragayeho ibyaha barahanwe kandi byose bikorwa mu gihe gito. Muri iyi gahunda, hagaragaye uruhare runini rw’abaturage mu kwikemurira ibibazo.
- **Inteko y’abunzi** (2004): Ni gahunda leta yashyizeho igamije kunga abaturage bagiranye ibibazo. Iyo gahunda yubatse abanyarwanda mu kumenya amategako, kwigirira icyizere no kwikemurira ibibazo kandi byagabanyije amakimbirane y’abaturage no gusiragira mu nkiko.
- **Girinka munyarwanga** (2006): N’ubwo iyo gahunda yari igamije kandi kuzahura ubukungu bushingiye ku buhinzi n’ubworozi n’imibereho myiza, yagize uruhare runini mu bumwe n’ubwiyunge bw’abanyarwanda: Kunga umuryango nyarwanda binyuze mu muco wo gusabana, guhana inka mu miryango (kugabirana) no kwiturana. Uruhererekane rwo kugabirana inka rwagaruye umuco wo kubana, gukundana no gusangira.
- **Itorero** (2007): Itorero ni gahunda yo gutoza abanyarwanda uburere mboneragihugu, umuco wo gukunda igihugu himakazwa indangagaciro na kirazira by’umuco nyarwanda, kwigira no kwihangira imirimo.
- **Ubudehe** (2007): bwafashije abaturage gushyira hamwe. Guhurira ku gikorwa kimwe, umushinga umwe byigishije abaturage ubufatanye, gusabana no gusangira.
- **Guhuza ubutaka** (2007): ku bwumvikane bw’abaturage, iyi gahunda yafashije guhindura imyumvire ku mihingire hahuzwa ubutaka bugahingwamo igihingwa cyumvikanyweho kandi kiberanye n’ubutaka. N’ubwo iyi gahunda ifite intego rusange

yo kuzamura ubukungu, ariko ifite n’ingaruka nziza yo guhuza abanyarwanda uhereye ku baturanye badikanyije amasambu.

- **Inteko rusange z’abaturage** (2008): ni umwanya abaturatione b’Akagali cyangwa umudugudu baturira hamwe bagakemurirana ibibazo by’amakimbirane bigaragara iwabo, bakagena gahunda rusange z’iterambere ryabo, bigatuma bibona mu bikorwa by’iterambere, bakanabigiramo uruhare uhereye mu igenabikorwa, ishyirwa mu bikorwa n’isuzuma ryabyo.
- **Umugoroba w’ababyeyi** : Ni gahunda ababyeyi baturira hamwe nimugoroba bakitse imirimo, bakaganira ku iterambere ry’imibereho myiza y’ingo zabo, bagahuzza ibitekerezo ku igenamigambi rihurije hamwe, kunenga no gucyaha abatitwara neza mu muryango nyarwanda.
- **Gahunda ya ndi Umunyarwanda** (2013): ni gahunda yashyizweho na Leta y’Ubumwe yo kwigisha abanyarwanda gushyira imbere ibibahuza kurusha ibibatanya, bakumva ko mbere ya byose ari abanyarwanda, bese kimwe. Iyi gahunda yashimangiye imibanire y’abanyarwanda no kutishishanya.

## 2. IVUGURURA RY’INZEGO Z’IBANZE

### 2.1. INTANGIRIRO

Nyuma ya Jenocide yakorewe Abatutsi mu mwaka wa 1994 n’isenyuka ry’inzeho z’ubuyobozi n’ubushobozi, Guverinoma y’Ubumwe bw’Abanyarwanda yagiye ishyiraho uburyo bunyuranye bu kubaka igihugu n’imiyoborere yacyo. Ni muri urwo rwego hashyizweho gahunda y’ivugurura ry’inzeho z’ibanze hagamijwe kwegereza ubuyobozi n’ubushobozi abaturatione “Decentralization”.

Nk’uko bigaragara mu ijamba ry’ibanze ry’ *“Igitabo gikubiyemo amwe mu mategeko ashya mu bikorwa politiki yo kwegereza ubuyobozi n’ubushobozi abaturatione”* cyanditswe na Minisitari y’Ubutegetsi bw’Igihugu, Amajyambere Rusange n’Imibereho Myiza y’Abaturatione, gahunda yo kwegereza ubuyobozi n’ubushobozi abaturatione ni inzira abanyarwanda bahisemo mu rwego rwo kwiyubaka no kubaka igihugu cyabo.

***“Politiki yo kwegereza Ubuyobozi n’Ubushobozi Abaturage ni umurongo Igihugu cy’u Rwanda cyahisemo gukurikiza kuva muri Gicurasi 2000.***

***Iyo politiki igamije guteza imbere imiyoborere myiza, ikaba iha umuturage uburenganzira n’ububasha bwo kugira uruhare mu buyobozi n’amajyambere y’Igihugu cye”.***

Iyo gahunda yasohotse mu Itegeko No 43/2000 ryo kuwa 29/12/2000 rigenga Imitunganyirize n’Imikorere by’Intara, Itegeko No 04/2001 ryo kwa 13/01/2001 rishyiraho Imitunganyirize n’Imikorere y’Akarere nk’uko ryasohotse mu Igazeti ya Leta No 4 yo kuwa 15 Gashyantare 2001, Itegeko Ngenza No 29/2005 ryo kuwa 31/12/2005 rigena inzego z’imitegekere y’Igihugu cy’u Rwanda nk’uko ryasohotse mu Igazeti ya Leta No idasanze yo kuwa 31/12/2005, Itegeko No 01/2006 ryo kuwa 24/01/2006 rigenga imitunganyirize n’imikorere by’Intara nk’uko ryasohotse mu Igazeti ya Leta No idasanze yo kuwa 24 Gashyantare 2006 n’Itegeko No 08/2006 ryo kuwa 28/ 01/2006 rigena imiterere, imitunganyirize n’imikorere y’Akarere nk’uko ryasohotse mu Igazeti ya Leta No idasanze yo kuwa 24/02/2006.

Nk’uko bigaragara mu gitabo gikubiyemo **“Ingamba zihariye zo kwegereza abaturage ubuyobozi n’ubushobozi”** (Rwanda Decentralization Strategic Framework, P. 9-10), iyo gahunda yari iteganyijwe gukorwa mu byiciro 3.

- Ivugurura ry’inzego z’ibanze rya I: 2001-2005
- Ivugurura ry’inzego z’ibanze rya II: 2006-2010
- Ivugurura ry’inzego z’ibanze rya III: 2011-2015

## **2.2. IVUGURURA RY’INZEGO Z’IBANZE RYA I: 2001-2005**

Nk’uko bigaragara mu gitabo cyasohowe na Minisiteri y’Ubutegetsi bw’Igihugu mu mwaka wa 2008, **Rwanda Decentralization Implementation Program 2008-2012 (DIP)**, muri Gicurasi 2000 Guverinoma y’u Rwanda yemeje Politiki yo kwegereza abaturage ubuyobozi n’ubushobozi. Mu mwaka wa 2001 mu kwezi kwa Mutarama ni bwo iyo gahunda yatangiye gushyirwa mu bikorwa (Decentralization I). Amakomini yagiye ahurizwa

hamwe yubaka Uturere, u Rwanda rukatwamo Uturere 106 ariko Perefegitura n'amasegiteri ntacyahindutse. Segiteri yayoborwaga na konye w'umukorerabushake ariko ikagira Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge w'umukozi wa Leta wahembwaga.

Mu gitabo cyanditswe n'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe ibarura (Service National de Recensement) mu mwaka wa 2005, **3<sup>ème</sup> Recensement Général de la Population et de l'Habitat du Rwanda au 15 Août 2002, Monographie de la Province de Butare**, ku rupapuro rwa 1-2 handitse ngo: *«La Province de Butare est l'une des plus anciennes du Rwanda. Les régions naturelles, au nombre de 7 aujourd'hui, comprenaient également, avant 1963, celles de Bufundu et du Buyenzi et après 1963, celles de Busanza et du Mayaga après la disparition du territoire de Nyanza.*

*La loi de 1963 créa la Prefecture de Butare et la subdivisa en 20 communes équitablement réparties sur toutes les régions naturelles. Il s'agissait des communes de: Gishamvu, Kigembe, Huye, Kibayi, Maraba, Mbazi, Muganza, Mugusa, Muyaga, Ndora, Ngoma, Nyabisindu, Nyakizu, Ntyazo, Nyaruhengeri, Ruhashya, Runyinya, Rusatira, Shyanda.*

*La loi de 2000 portant réforme administrative a créé 10 nouveaux districts urbains et ruraux à partir des anciennes communes. Ces nouveaux districts sont: Ville de Butare, Save, Mugombwa, Kibingo, Nyakizu, Maraba, Kiruhura, Ville de Nyanza, Nyamure et Gikonko.*

*L'administration de la Province est désormais assurée par un préfet nommé par le Gouvernement. Il est assisté de Directeurs de départements. Le district est dirigé par un maire élu au suffrage universel, assisté de conseillers également élus et par des secrétaires exécutifs».*

Iryo vugurura ryatumye ubuyobozi bwegera abatwaga. Akarere kahawe abakozi n'inzego zifata ibyemezo, ariko hari hakiri ibyo kunoza. Abakozi bari bakiri bake, ubushobozi bw'umutungo bwari butaramanuka kuko wasangaga Minisiteri arizo zishyura ibikorwa byakorerwaga ku Karere, amasoko yatangwaga na za Minisiteri, Akarere kakurikiranaga gusa ishyirwa mu bikorwa ry'igikorwa cyangwa umushinga ariko ntikabaga kawuteguye, ndetse ntikanishyuraga. icyo cyiciro cy'ivugurura cyamaze imyaka 5 nk'uko byari biteganyijwe maze kirangirana n'umwaka wa 2005. Kuva Mutarama 2006 hatangiye icyiciro cya II cy'ivugurura.

## 2.3 IVUGURURA RY'INZEGO Z'IBANZE RYA II: 2006-2010

### 2.3.1 Uko ivugurura ryakozwe

Muri Mutarama 2006 hatangiye ivugurura ry'inzego z'ibanze rya II nk'uko byari bikubiye mu Itegeko **No 29/2005** ryo kuwa 31/12/2005, Itegeko **No 01/2006** ryo kuwa 24/01/2006 n'Itegeko **No 08/2006** ryo kuwa 28 Mutarama 2006. icyo cyiciro cyari kigamije kwegereza ubuyobozi n'ubushobozi abaturage kurushaho no gukosora ibitari binoze mu ivugurura rya mbere. Uturere twarahujwe hashyirwaho utundi Turere dushya, Perefegitura zivanwaho hashyirwaho urwego rw'Intara rubumbye Perefegitura zirenze 1. U Rwanda rwari rufite Perefegitura 11 rwakaswemo Intara 4 (Intara y'Amajyepfo, Amajyaruguru, Iburasirazuba n'iy'Iburengerazuba) n'Umujyi wa Kigali, Uturere 30, Imirenga 416 Utugari 2.148 n'Imidugudu 14837.

### Ikarita y'Intara y'Amajyepfo



Intara y'Amajyepfo yahuje iyari Perefegitura ya Butare, Gikongoro na Gitarama, icyicaro cyayo gishyirwa mu Karere ka Nyanza. Intara yakaswemo Uturere 8 dukurikira: Gisagara, Huye, Nyamagabe, Nyaruguru, Nyanza, Ruhango, Muhanga na Kamonyi.

Akarere ka Gisagara kahuje Uturere twa Save, Mugombwa, Kibingo (igice kinini: Amasegiteri 15/25) na Gikonko (igice kinini: amasegiteri 9/15).

***Imbonerahamwe ya 3: Uturere twahujwe tukaba Akarere ka Gisagara n'abatuyoboraga***

No	Akarere	Amakoni kahuje	Izina ry'Umuyobozi w'Akarere	Igihe bayoboze
1	KIBINGO	Kigembe, Nyaruhengeri na Gishamvu.	Bizumuremyi Antoine	2001-2004
			Masabo Martin	2004-2005
2	MUGOMBWA	Kibayi, Muganza	Rusagara Steven	2001-2004
			Charles Nshimyukiza	2004-2005
			Cyprien Nsengimana na Kayiranga Muzuka Eugene	2005
3	SAVE	Shyanda, Ndora	Mukandutiye Speciose	2001-2003
			Ntakirutimana Corneille	2004-2005
4	Gikonko	Mugusa na Muyaga	Semanyenzi Justin	2001-2004
			Hategekimana Hesron	2004-2005

Amasegiteri nayo yarahunze hakatwa Imirenge mishya 13, Utugari 59 n'Imidugudu 524.

Muri icyo cyiciro, ubushobozi n'ubuyobozi byegerejwe abatwaga kurushaho, ibyiciro bifata ibyemezo ku nzego zose z'ibanze byashyizweho, ibyemezo bigaturuka hasi ku mudugudu bizamuka ku Kagari, Umurenge, Akarere, Intara n'Igihugu, aho guturuka hejuru bimanuka. Amasoko ya Leta, gukurikirana abakora imirimo y'ibikorwa by'iterambere no guhamba abayikora bikorwa n'Akarere. Gushyiraho, guhamba no gukurikirana abakozi ku nzego zose nabyo bikorwa n'Akarere.

## Abaturage batanga ibitekerezo ku biyuhirwa mw'iterambere ryabo



Inyandiko z'ibyangombwa by'ibanze zose zitangirwa ku murenge, kandi ni urwego rushyira mu bikorwa gahunda za Leta.

Inama Njyanama y'Akarere yongerewe imbaraga n'ubushobozi mu gufata ibyemezo no gukurikirana ibikorwa by'Akarere, ihabwa umukozi ushinzwe gukurikirana umunsi ku wundi ibikorwa byayo.

## Umuyobozi agaragariza abaturage ibyakozwe mu gushyira mu bikorwa ibyifuzo byabo



N’ubwo iryo vugurura ryakemuye ibibazo byagaragaraga mu ivugurura rya I, byari bikigaragara ko abakozi ku rwego rw’Akarere, Imirenge n’Utugari badahagije. Kubera ko ibikorwa byinshi byari ku nzego za Minisiteri n’ibigo byo ku rwego rw’Igihugu byamanutse ku Karere, abakozi babaye bake cyane. Umurenge nk’urwego rushyira mu bikorwa ibyemezo kandi rukemura ibibazo by’abaturage, abakozi 5 ntibari bahagije. Byaragaragaye ko Akagari nako umuntu umwe atashoboraga gukurikirana ibihakorerwa, gukora ubukangurambaga bukenerwa no gukemura ibibazo by’abaturage wenyine.

### 2.3.2 Manda ya mbere y’ubuyobozi bw’Akarere ka Gisagara: 2006-2010

Muri Mutarama 2006, ubwo Uturere twashyirwagaho twahawe Abanyamabanga Nshingwabikorwa ari nabo batuyoboraga by’agateganyo mu gihe hategerejwe amatora y’abayobozi, duhabwa n’abakozi b’ibanze. Akarere ka Gisagara kayobowe by’agateganyo n’Umunyamabanga Nshingwabikorwa KAYIRANGA MUZUKA Eugene. Ihererekanyabubasha hagati y’abayobozi b’Uterere twa mbere n’Umunyamabanga Nshingwabikorwa w’Akarere ka Gisagara ryakozwe kuwa 05/01/2006, imbere y’intumwa yo ku rwego rw’Igihugu.

			
<b>HATEGEKIMANA Hesron</b> Umuyobozi w’Akarere ka Gikonko	<b>MASABO Martin</b> Umuyobozi w’Akarere ka Kibingo	<b>NTAKIRUTIMANA Corneille</b> Umuyobozi w’Akarere ka Save	<b>Cyprien NSENGIMANA</b> Intumwa ya Perezida wa Repubulika mu Karere ka Mugombwa

Amatora ya Komite Nyobozi y’Akarere ka Gisagara yabaye kuwa 28/02/2006, hatorwa abayobozi bakurikira:

1. **KAREKEZI Leandre:** Umuyobozi w’Akarere
2. **HATEGEKIMANA Hesron:** Umuyobozi w’Akarere wungirije ushinzwe Imari, Ubukungu n’Iterambere

**3. UWINGABIYE Donatille:** Umuyobozi w'Akarere wungirije ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage

**Komite Nyobozi 2006-2010** ni iyi ikurikira:

		
<b>KAREKEZI Léandre:</b> Umuyobozi w'Akarere	<b>HATEGEKIMANA Hesron:</b> Umuyobozi w'Akarere wungirije ushinzwe Imari, Ubukungu n'Iterambere	<b>UWINGABIYE Donatille:</b> Umuyobozi w'Akarere wungirije ushinzwe Imibereho myiza y'Abaturage

Ihererekanyabubasha hagati y'Umuyobozi w'Akarere mushya n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere ryabaye kuwa 06/03/2006 imbere y'intumwa y'Igihugu.

REPUBLIKA Y'U RWANDA  
INTARA Y'AMAJYEPFO  
AKARERE KA GISAGARA

INYANDIKO Y'HEREREKANYABUBASHA HAGATI  
Y'UBUYOBOZI BW'INZIBACYUHO BUHAGARARIWE NA  
BWANA MUZUKA Eugène N'UMUYOBOZI W'AKARERE KA  
GISAGARA BWANA KAREKEZI Léandre

BIKOREWE IMBERE Y'INTUMWA YA GUVERINOMA:  
BWANA/MADAMU ..... *MITALI Prêtis mes/minicom* .....

BITANZWE NA: BYAKIRIWE NA:  
BWANA KAYIRANGA MUZUKA Eugène BWANA KAREKEZI Léandre

BIHAGARARIWE NA:  
BWANA/MADAMU: *Mitali Prêtis mes/minicom* .....

INTUMWA YA GUVERINOMA

*Mitali Prêtis*

**BIKOREWE I GISAGARA, 06/03/2006**

Hatowe kandi abagize Inama Njyanama y'Akarere ka Gisagara

**Biro y'Inama Njyanama 2006-2010**

		
<b>NTAKIRUTIMANA Corneille:</b> Perezida w'Inama Njyanama	<b>UMBEREYIMFURA Marie Goretti:</b> Visi Perezida w'Inama Njyanama	<b>MURERWA Jean Pierre:</b> Umunyamabanga w'Inama Njyanama

***Imbonerahamwe ya 4: Urutonde rw'abagize Inama Njyanama y'Akarere 2006-2010***

No	UMUJYANAMA	UMWANYA YATOREWE	UMURENGE AHAGARIYE
1	NTAKIRUTIMANA Corneille	Perezida	Save
2	UMBEREYIMFURA Marie Goretti	Visi Perezida	Kibilizi
3	MURERWA Jea Pierre	Umunyamabanga	Mugombwa
4	KAREKEZI Leandre	Umujyanama, akaba n'Umuyobozi w'Akarere	Muganza
5	HATEGEKIMANA Hesron	Umujyanama, akaba n'Umuyobozi w'Akarere wungirije ushinzwe ubukungu, imari n'iterambere	Gikonko
6	UWINGABIYE Donatille	Umujyanama, akaba n'Umuyobozi w'Akarere wungirije ushinzwe imibereho myiza	Save

7	BYUKUSENGE Irene	Umujiyanama	Gikonko
8	KABARORE Vestine	Umujiyanama uhagarariye urubwiruko	Save
9	MANIRAHU Emmanuel	Umujiyanama	Gishubi
10	MASABO Martin	Umujiyanama	Nyanza
11	MBONIREMA Jerome	Umujiyanama	Ndora
12	MUKARUSINE Beatrice	Umujiyanama	Nyanza
13	MUNYENTWALI Thacien	Umujiyanama	Mugombwa
14	NGAYABOSHUA Gabriel	Umujiyanama	Kigembe
15	NGWIJE Alexis	Umujiyanama	Kansi
16	NISUBIRE Beatrice	Umujiyanama uhagarariye abagore	Ndora
17	GASAKURE Emmanuel, Yasimbuwe na NSHIMIIMANA Alphonse Marie	Umujiyanama	Kibirizi
18	NTAKIRUTIMANA Odette	Umujiyanama	Musha
19	NYIRANEZA Agathe	Umujiyanama uhagarariye abagore	Save
20	NYIRANSABIMANA Donatienne	Umujiyanama	Muganza
21	RUTAYISIRE JEAN Claude	Umujiyanama uhagarariye urubwiruko	Muganza
22	SEKAJONGA Gideon	Umujiyanama	Mukindo
23	SIKURIBO Augustin	Umujiyanama	Mamba
24	TWAGIRUMUKIZA Augustin	Umujiyanama uhagarariye urubwiruko	Mamba
25	UWANYIRIGIRA Solange	Umujiyanama uhagarariye abagore	Mamba
26	UWIHOREYE Olive	Umujiyanama uhagarariye abagore	Mugombwa

*Inkomoko: Raporo z'ibikorwa by'Inama Njyanama 2006-2010*

### 2.3.3 Urutonde rw'abakozi b'Akarere ka Gisagara muri Mutarama 2006

Akarere ka Gisagara gatangira muri Mutarama 2006 kahawe abakozi b'agateganyo bagombaga kwemezwa n'Inama Njyanama imaze gutorwa no kurahira nk'uko byasohotse mu igazeti n°..... yo kuwa.....

#### *Imbonerahamwe ya 5: Urutonde rw'Abakozi b'Akarere muri Mutarama 2016*

No	AMAZINA Y'UMUKOZI	ICYO YARI ASHINZWE
1	KAYIRANGA MUZUKA Eugene	Secrétaire Exécutif du District
2	KABALISA Alphonse	Dir. HR & Administration
3	TWIZEYIMANA J.M.V	Dir. des Finances
4	NZIBALIZA Naphtal	Dir de la Santé
5	BAGUMIRE SAKURE Augustin	Dir. de Plannification
6	NSORO Alphonse	Dir. de la Bonne Gouvernance
7	MUSENGAMANA Sylvestre	Dir. De l'Education
8	RWAMAHUNGU Antoine	Inspecteur du Travail
9	TWAHIRWA Ntare J. Claude	Chargé des taxes et Impots
10	NDAYAMBAJE Maurice	Chargé de Gestion du Personnel
11	HAKUZUMUREMYI Joseph	Chargé d'Approvisionnement
12	MUNYENTWALI Cyprien	Chargé du Guichet Unique
13	GATARI Eugene	Chargé des cooperatives
14	MUSAFIRI Jean pierre	Chargé des Affaires Jurdique
15	UWIMANA Pierre Claver	Chargé de l'Environement
16	SUKUMA Simeon	Chargé de la Bonne Gouvernance et des programmes spécifiques
17	MUKESHIMANA Nadine	Chargé du FARG et Groupe vulnérable
18	HEMERINTWALI jean	Chargé de l'agriculture et élevage

19	BIGIRA Alexis	Chargé de l'Education
20	NYIRAHAVUGIMANA Gaudence	Secrétaire du Maire
21	TWAMUGIZE Christine	Secrétaire du Secrétaire Executif du District

Mu mirenge naho hashyizweho abayobozi ku ikubitiro, maze Inama Njyanama imaze kubarahiza irabemeza kandi yihutira gushyiraho Abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Utugari ku buryo bukurikira:

***Imbonerahamwe ya 6: Abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Imirenge n'Utugari muri Mutarama 2016***

No	Umurenge	Amazina y'Abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Imirenge	Utugari tugize Umurenge	Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akagari
1	GIKONKO	NSENGIMANA Emmanuel	CYIRI	NYIRAMINANI Seraphine
			GASAGARA	MUKAMBAYIRE Berthilde
			GIKONKO	MUNANIRANZOVU Fred
			MBOGO	NYIRAMISIGARO Gloriose
2	GISHUBI	Elie NDAYISENGA	GABIRO	MUNYURWA Emmanuel
			NYABITARE	RUKUNDO Jean Paul
			NYAKIBUNGO	SINAYIGAYE Theogene
			NYERANZI	NDAYISENGA Ferdinand
3	KANSI	NYILIMANZI GAKWANDI Vincent	AKABOTI	GISA Marie Claire
			BWIZA	NDAMAGE Jules
			SABUSARO	YANKURIJE Prudence
			UMUNINI	KAYIRANGA Antoine

4	KIBIRIZI	BASINGA Alphonsine	DUWANI	MPAYIMANA Eric
			KIBIRIZI	MUHAWENIMANA Donatille
			MUYIRA	NGENZI Innocent
			RUTURO	MUSENGAYIRE Jean Claude
5	KIGEMBE	NDIMURWA- NGO Jean Bosco	AGAHABWA	RUZIRAGUHUNGA Athanase
			GATOVU	KARENTERA Etienne
			IMPINGA	NZIGIYIMANA Vincent
			NYABIKENKE	NTAGANDA Antoine
			RUBONA	MUTSINZI Silvestre
			RUSAGARA	NYIRAKAMANA Antoinette
6	MAMBA	HABIYARE- MYE Jean de Dieu	GAKOMA	NYIRAGABIRO Marcelle
			KABUMBWE	UWAMBAJE Alice
			MAMBA	RUKUNDO Aimable
			MUYAGA	KAYUMBA Eustache
			RAMBA	MUKABUGINGO M. Josee
7	MUGANZA	BEDE John	CYUMBA	MUHAYEMARIYA Valerie
			REMERA	KABARANGA Jeanine
			RWAMIKO	TWARIBU Haruna
			SAGA	HASINGIZWEYEZU Celestin
			MUGANZA	MUSAFIRI Ezechiel
8	MUGOMBWA	MUSAFIRI Aimable	BAZIRO	NYIRAMINANI Berthe
			KIBAYI	BUGIRIMFURA John
			KIBU	NDAYAMBAJE Joseph
			MUGOMBWA	MUSHIMIYIMANA Berthe
			MUKOMACARA	BUGIRUBUNDI Albert

9	MUKINDO	NSABIMANA Gaspard	GITEGA	KABOYI Silvestre
			MUKIZA	NTAMBABAZI Triphon
			NYABISAGARA	Tito NDINDIYAHO
			RUNYINYA	RUTAYISIRE Felicien
10	MUSHA	BIGIRIMANA Augustin	BUKINANYANA	HABUMUGISHA Egide
			GATOVU	MUKARWEGO CLOTILDE
			KIGARAMA	MUKAGABIRO Soline
			CYIMANA	HAVUGIMANA Albert
11	NDORA	KABOGORA Jacques	BWEYA	NZABANDORA Augustin
			CYAMUKUZA	KAWERA Placidia
			GISAGARA	MUNEZE Joyeuse
			DAHWE	KAMPIRE Sandrine
			MUKANDE	MUKAMUSONERA Egidie
12	NYANZA	BUCUMI Innocent	HIGIRO	NIWEBASA Assumpta
			NYAMUGARI	HAKUZIYAREMYE Annonciata
			NYARUTEJA	NKURIKIYE Innocent
			UMUBANGA	RWEGEREZA Manasse
13	SAVE	HAKIZIMANA François	GATOKI	MUSHIMIYIMANA Marie Goretti
			MUNAZI	NYINAWUMUNTU Agathe
			RWANZA	NZABAMWITA Jean Bosco
			SHYANDA	NYANDWI Deo
			ZIVU	NKUNDANYIRAZO Justin

### 2.3.4. Incamake y'imiterere y'Akarere muri Mutarama 2006

Mu mwaka wa 2006, n'ubwo Guverinoma y'Ubumwe bw'Abanyarwanda yari imaze gukora byinshi mu rwego rwo kubaka Igihugu nyuma ya Jenocide n'isenyuka ry'ubutegetsu n'ubukungu by'Igihugu, urugendo rwari rukiri rurerure. Mu Karere ka Gisagara, manda ya mbere (2006-2010) ya Komite Nyobozi itangira, Akarere kari gafite ibibazo by'ingutu mu nzego zose: Iterambere, imibereho myiza, imiyoborere myiza n'ubutabera.

**Mu rwego rw'iterambere,** nta muhanda mwiza wahabaga, usibye umuhanda umwe wahuzaga Igihugu cy'u Burundi n'u Rwanda binyuze aho bita Akanyaru Bas. N'ubwo wagaragaraga ari nyabagendwa, amateme yari ibiti gusa, bisaba isana rya hatu na hatu. Nta muhanda mwiza wundi wari uhari, haba ihuza Akarere ka Gisagara n'utundi Turere ndetse n'ihuza imirenge. Kuva ku cyicaro cy'Akarere ugera mu Karere ka Huye hari urugendo rwa 15km, ariko ni kenshi ibinyabiziga byatindaga cyangwa bikarara mu nzira bitewe n'ububi bw'umuhanda cyane cyane mu bihe by'invura. Kugera mu mirenge byo byari ikibazo gikomeye.

**Amashanyarazi:** Mu Karere kose, Imirenge 2 kuri 13 ni yo yagerwagamo n'umuriro w'amashanyarazi: Save na Gikonko, nabwo yagarukiraga ku misiyozi n'ibigo by'abihaye Imana (Save), ku biro by'Akarere ka Gikonko n'uruganda rw'umuceri rwa Gikonko gusa. Ahandi hose ndetse no ku cyicaro cy'Akarere ka Gisagara, inzozo z'umuriro w'amashanyarazi zari kure. Imirimo igendanye n'amashanyarazi abaturage ba Gisagara bayibonaga bakoze urugendo rurerure bajya Huye n'ahandi.

**Ubuhinzi:** Ibihingwa bya kijyambere nk'urutoki rwa FIA, ibigori, byari inkuru zumvikana kuri radiyo gusa. Mu bworozi, inka za kijyambere kuzibona byasabaga gushakisha mu bigo by'abihaye Imana bimwe na bimwe. Umaturage wavugaga ngo "ndatunze", yabaga afite umubare munini w'indatamahembe gusa.

**Mu rwego rw'imibereho myiza,** amazi meza mu Karere kose yabonekaga mu mibande ku makano, usibye mu bigo by'abihaye Imana by'i Save ahabonekaga amarobine. Abaturage hirya no hino bavomaga kuri ayo makano munsu y'imisozi abandi bakavoma mu

nzuzi n’imigezi. Kubanza kuyateka cyangwa kuyashyiramo imiti yica udukoko byo ntibyabagaho.

**Imiturire:** Mu Rwanda hose, Gisagara ni ko Karere kari gafite nyakatsi nyinshi. Imiturire ku midugudu yo ntiyabagaho, usibye udusantere tw’ubucuruzi n’ahubakiwe abarokotse Jenoside yakorewe abatutsi mu 1994. Ikibazo cy’abarokotse Jenoside badafite amacumbi nacyo cyari ingutu.

**Indyo yuzuye** mu rwego rw’imibereho myiza ntiyatekerezwaga kuko bwaki n’izindi ndwara zishingiye ku mirire mibi zari izisanzwe, hamwe na hamwe bakazitiranya n’amarozi.

**Amavuriro:** N’ubwo hari ibigo nderabuzima 12 n’ibitaro bya Gakoma gusa, serivisi zahatangirwaga zari nkene. Kugeza umurwayi cyangwa umubyeyi ku kigo nderabuzima hari ah’ingobyi ya Kinyarwanda ya kera nabwo bigoranye kubera amayira atoroshye. Ingobyi y’abarwayi (ambulance) yabonwaga n’uwifite.

**Kuboneza urubyaro :** ntibyatekerezwaga keretse kubyumva. Bakundaga kwita amazina ya “Habyarimana, Harelimana, Hakuzimana, Hatungimana, bagaragaza ko nta ruhare bagira mu kubyara no kurera, uretse Imana.

**Mu rwego rw’imiyoborere myiza:** Inzego zashyizweho ntizari zarahawe ubushobozi bwo gufata ibyemezo, byakomeje guturuka hejuru nk’uko byari byaramenyereye. Ibisigisigi bya Jenoside, ibikomere n’ingengabitekerezo yayo byari byinshi. Ibihuha byari byeze, abaturage barahungiyeye i Burundi ari benshi. Kubagarura, kubakundisha ubuyobozi no kubashishikariza umurimo ntibyari byoroshye.

**Mu rwego rw’ubutabera:** Inkiko gacaca, nk’imwe muri gahunda z’ubumwe n’ubwiyunge, zarimo imyumvire inyuranye, imwe n’imwe yenyeyeza ingengabitekerezo ya Jenoside. Kurangiza imanza zaciwe n’Inkiko Gacaca byasaga n’intambara idafite igisubizo hafi. Igihano nsimburagifungo cy’imirimo ifitiye Igihugu akamaro TIG (Travaux d’Interets Generaux) nacyo ntiyavugwagaho rumwe.

Ubuyobozi bwatowe muri manda ya 2006-2010 bwari bufite inshingano zo gukemura ibibazo abaturage bafite, bukihutisha iterambere ry'abaturage n'imibereho myiza no gukomeza gushimangira imiyoborere myiza n'ubutabera mu baturage.

## **2.4. IVUGURURA RY'INZEGO Z'IBANZE RYA III: 2011-2015**

### **2.4.1 Uko ivugurura ryakozwe**

Nk'uko byari biteganyijwe muri gahunda yo kwegereza ubuyobozi n'ubushobozi abaturage, **icyiciro cy'Ivugurura ry'inzego z'ibanze cya III** cyatangiywe muri Mutarama 2011. Nticyari kigamije guhindura imbibi z'imitgekere y'Igihugu nk'uko byakozwe mu mavugururwa yabanje (I na II). Ahubwo cyari kigamije gukomeza kunoza icyiciro cyabanje no kongerera abakozi n'ubushobozi urwego rw'Akarere, Umurenge n' Akagari. Akarere kongerewe abakozi bava kuri 32 bagera kuri 45, Umurenge nawo wongerewe abakozi bava kuri 5 bagera kuri 11, no ku rwego rw'Akagari hashyizwe umukozi wa 2 (A2) wunganira Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akagari akaba ashinzwe imibereho myiza n'iterambere.

Hashyizweho urwego rw'ihuriro ry'abafatanyabikorwa mu iterambere JADF (Joint Action Development Forum) mu rwego rwo guhuza imbaraga no gusaranganya ibikorwa by'iterambere n'imibereho myiza mu Karere hose hashingiwe ku byo abaturage bakeneye byihutirwa nk'uko bigaragara muri gahunda y'imihigo y'Akarere, iteganyabikorwa na gahunda y'iterambere ry'Akarere (DDP). Ibikorwa by'abafatanyabikorwa bigomba kuza ari ibisubizo by'ibyifuzo by'abaturage.

Mu rwego rwo kwihutisha ibikorwa by'iterambere, imibereho myiza n'imiyoborere myiza umuturage agizemo ijambo, mu Karere ka Gisagara, kimwe n'ahandi mu Gihugu hose, gahunda yo gukorera ku mihigo ishingiywe ku byifuzo by'abaturage, igatangirira ku rugo igakomereza ku mudugudu, Akagari, Umurenge n'Akarere yatangiye muri 2007 yaranogejwe kandi

yongererwa imbaraga. Ibigo bikorera mu Karere nabyo bikorera ku muhigo, buri rwego rugahigira imbere y'urwisumbuyeho. Ku nzego zose, hashyizweho uburyo bwo kugenzura ishyirwa mu bikorwa ry'imihigo iba yahizwe. Ubu buryo bwagize impinduka ikomeye yihuse kandi nziza ku nzego zose z'imibereho y'umuturage.

Icyo leta yateganyije mu mugambi wayo w'icyerekerezo 2020, EDPRS 1 & 2, cyafashe umurongo mwiza wo kugira ngo iterambere ryihute.

**2.4.2 Manda ya kabiri y'ubuyobozi bw'Akarere ka Gisagara: 2011-2015**

Kuva muri Mutarama 2011 hatangiye icyiciro cy'ivugurura ry'inzego z'ibanze cya 3 mu rwego rwo kwegereza abaturage ubuyobozi n'ubushobozi. Muri Gashyantare 2011 hakoze amatora y'Abagize Inama Njyanama nshya na Komite Nyobozi by'Akarere ka Gisagara. Nyuma y'amatora, Komite Nyobozi yari icyuye igihe yarongeye igirirwa icyizere n'abaturage igaruka yose uko yari iri kandi kuri ya myanya bahoranye mbere.

Kugeza mu mpera z'umwaka wa 2015, iyi Komite Nyobozi ntiyigeze ihinduka mu gihe cy'imyaka 10 (manda 2), mu gihe Inama Njyanama yo yahindutse mu byiciro byayo byose mu matora yo mu kwezi kwa Gashyantare 2011.

**Abagize Komite Nyobozi y'Akarere 2011-2015**

No	AMAZINA	UMWANYA YATOREWE
1	KAREKEZI Leandre	Umuyobozi w'Akarere
2	HATEGEKIMANA Hesron	Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu
2	UWINGABIYE Donatille	Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza

		
<b>KAREKEZI Léandre:</b> Umuyobozi w'Akarere	<b>HATEGEKIMANA Hesron:</b> Umuyobozi w'Akarere wungirije ushinzwe Imari, Ubukungu n'Amajambere	<b>UWINGABIYE Donatille:</b> Umuyobozi w'Akarere wungirije ushinzwe Imibereho myiza y'Abaturage

Uwari Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere **KAYIRANGA MUZUKA Eugene** yatorewe kuba Umuyobozi w'Akarere ka Huye muri Gashyantare 2011 asimburwa kuri uwo mwanya na **MVUKIYEHE Innocent** kuva mu kwezi kwa Kamena 2011.

	
<b>KAYIRANGA Muzuka Eugene:</b> E/S w'Akarere 2006-2010	<b>MVUKIYEHE Innocent:</b> E/S w'Akarere 2011-2015

### **Biro y'Inama Njyanama y'Akarere 2011-2015**

Mu ntangiriro biro y'Inama Njyanama y'Akarere yari igizwe n'aba bakurikira: **Kubumwe Célestin** (perezida), **Uwimana Innocent** (visi perezida), **Ahishakiye Médiatrice** (umunyamabanga). Kubumwe Célestin yayoboye amezi 2 gusa, asimburwa kuri uwo mwanya na Uwimana Innocent wari Visi Perezida, **Uwamariya Valentine** atorerwa kuba visi perezida w'Inama Njyanama.

		
<b>UWIMANA Innocent:</b> Perezida w'Inama Njyanama	<b>UWAMALIYA Valentine:</b> Visi Perezida w'Inama Njyanama	<b>AHISHAKIYE Mediatrice:</b> Umunyamabanga w'Inama Njyanama

***Imbonerahamwe ya 7: Urutonde rw'abatorewe Inama Njyanama y'Akarere 2011-2015***

<b>No</b>	<b>UMUJYANAMA</b>	<b>UMWANYA</b>	<b>UMURENGE</b>
1	KUBUMWE Celestin	Perezida	Ndora
	UWIMANA Innocent	Perezida	Kansi
2	UWAMALIYA Valentine	Visi perezida	Ndora
3	AHISHAKIYE Mediatrice	Umunyamabanga	Musha
4	KAREKEZI Leandre	Umujyanama (Mayor)	Muganza
5	HATEGEKIMANA Hesron	Umujyanama (V/M FED)	Gikonko
6	UWINGABIYE Donatille	Umujyanama (V/M ASOC)	Save
7	BAKUNDUKIZE Elisé	Umujyanama	Kibilizi
8	DUSABE NTAMUTI Julienne	Umujyanama	Nyanza
9	FURAHA Josephine	Umujyanama	Kigembe
10	GASENGAYIRE Clémence	Umujyanama	Gikonko
11	KABARORE Vestine	Umujyanama	Save
12	MBONIREMA Jérôme	Umujyanama	Gishubi
13	MINANI Protogène	Umujyanama	Musha
14	MUKANTAGANDA Josée	Umujyanama	Mugombwa

15	MUSABYIMANA Joselyne	Umujyanama	Ndora
16	MUTESAYIRE Claudine	Umujyanama	Muganza
17	MUTWARASIBO Ernest	Umujyanama	Kigembe
18	NSHIMIYIMANA Alphonse	Umujyanama	Kibilizi
19	NTEGEYIMFURA Protogène	Umujyanama	Musha
20	NTIREGANYA Déogratias	Umujyanama	Mukindo
21	NTIRUSHWA Aimée Donatien	Umujyanama	Mamba
22	RUKUNDO Noël	Umujyanama	Muganza
23	RUTEMBESA Guillaume	Umujyanama	Mugombwa
24	SEMACUMI John	Umujyanama	Nyanza
25	UWIMANA M.Rose	Umujyanama	Gishubi
26	UWIRAGIYE Solange	Umujyanama	Mamba
27	BIKOLIMANA François (yacyuye igihe asimburwa na Mfashingabo F. Xavier)	Umujyanama (private sector)	Ndora
	MFASHINGABO F. Xavier		

*Inkomoko: Raporo z'ibikorwa by'Inama Njyanama, 2011-2015*

### 2.4.3. Abakozi b'Akarere kugeza Ukuboza 2015

Hashingiwe ku mabwirizaya Minisitri N°01/19.23 yokuwa 01/08/2014 yerekeye uburyo bwo gushyira abakozi mu myanya nyuma y'ivugurura ry'inzego z'imirimo ya Leta ryakozwe mu mwaka wa 2014, hakoze ivugurura mu bakozi b'inzego za Leta, urwego rw'Akarere, Umurenge n'Utugari bigenerwa abakozi ku buryo bukurikira:

#### ***Imbonerahamwe ya 8: Abakozi bateganyijwe nyuma y'ivugurura***

Ikigo	Umubare w'ibigo	Abakozi bateganyijwe kuri buri kigo	Abakozi bose bateganyijwe
Akarere	1	85	85
Umurenge	13	15	115
Akagari	59	2	118
Igiteranyo cy'abakozi			398

Kugeza mu kwezi k'Ukuboza 2015, Akarere ka Gisagara gafite abakozi **325** nk'uko bagaragara ku rutonde ruri ku mugereka n'imibare mu mbonerahamwe ikurikira:

**Imbonerahamwe ya 9: Imibare y'abakozi b'Akarere kugeza Ukuboza 2015**

Abakozi bakorera ku rwego rw'Akarere		Abakozi bakorera ku rwego rw'Imirenge		Abakozi bakorera ku rwego rw'Utugari		Abakozi bose hamwe	
Abateganyijwe	Abashyizwe mu myanya	Abateganyijwe	Abashyizwe mu myanya	Abateganyijwe	Abashyizwe mu myanya	Abateganyijwe	Abashyizwe mu myanya
85	46	195	103	118	113	398	<b>325</b>

**3. IBYAGEZWEHO MU ITERAMBERE RY'UBUKUNGU: 2006-2015**

Gisagara ni Akarere k'icyaro. Abaturage batunzwe ahanini n'ubuhinzi n'ubworozi. Ni Akarere kahoze inyuma mu rwego rw'amajyambere bifitanye isano n'amateka yaranze igihugu cyacu kuko ubukungu wasangaga budasaranganyijwe ku buryo buboneye, kuko na bike mu bikorwa by'iterambere byari muri Perefegitura ya Butare byagarukiraga mu Mujyi wa Butare (ariwo Mujyi wa Huye muri iki gihe). Ibi bigaragaza ko Akarere ka Gisagara katangiye kari ku rwego rwo hasi mu iterambere ry'ubukungu n'imibereho y'abaturage.

Mu rwego rwo kuzahura urwego rw'ubukungu n'imibereho y'abaturage b'Akarere ka Gisagara, hitawe ku buhinzi, ubworozi, ibikorwa remezo, imiturire, ibidukikije n'ishoramari muri rusange.

**3.1. UBUHINZI**

Ubukungu bw'u Rwanda bushingiye cyane ku buhinzi, aho 80% by'abaturage batunzwe n'ubuhinzi. Kuri 79% by'ubutaka mu Rwanda bukorerwaho ubuhinzi 11% gusa nibwo buhingwa mu buryo buhuje. *(Fast Facts, January 2011, NISR; USAID 2010 Country profile: Rwanda)*

Nka kamwe mu Turere tw'icyaro, abarenga 90% by'abaturage b'Akarere ka Gisagara batunzwe n'ubuhinzi n'ubworozi budasagurira amasoko *(subsistence farming)*. Ku bucucike bw'abaturage 475/km<sup>2</sup>, Akarere

ka Gisagara ni kamwe mu Turere dutuwe cyane mu Rwanda nk'uko byagaragajwe n'ibarura rusange ry'Abaturage n'imiturire ryakoze n'Ikigo cy'Igihugu cy'ibarurishamibare mu Rwanda mu mwaka wa 2012 (*NISR, Ibarura rusange 2012*). Uko guturwa cyane bigabanya ubuso bugenewe guhingwa bungana na ha 32,560 (*MINAGRI, crop assessment season 2013B*).

Mu rwego rwo guteza imbere ubuhinzi no kongera umusaruro, kugabanya ubukene, guhashya inzara no kunoza imiturire, Guverinoma y'u Rwanda yashyizeho politiki yo guhuza ubutaka (***Land Use Consolidation***). Iyi gahunda irimo inkingi zinyuranye: guhuza ubutaka nk'inkingi y'ingenzi, kwegera abahinzi serivisi z'ubujyanama mu buhinzi, gukwirakwiza imbuto n'ifumbire mu bahinzi no kwita ku musaruro, ubwanikiro n'ubuhunikiro (*PRSP 1 na EDPRS 1*).

Muri iyi gahunda yo guhuza ubutaka, ibihingwa by'ingenzi byatoranyijwe mu Karere ka Gisagara ni ibishyimbo, urutoki, imyumbati, ibigori, umuceri n'ikawa nk'igihingwa ngengabukungu. Uretse imyumbati, ikawa n'urutoki bihingwa mu gihembwe kimwe mu mwaka, umuceri uhingwa mu bihembwe bibiri, ibigori n'ibishyimbo bihingwa mu bihembwe bitatu mu Karere ka Gisagara.

### 3.1.1. Ibigori



Mbere ya 2006, ibigori cyari igihingwa abaturage bateraga bakivanze n'ibishyimbo cyangwa amasaka, aho wasangaga ibigori bifatwa nk'ibyunganira ibyo kurya babyotsa gusa. Ariko guhera 2006, igihingwa cy'ibigori ni kimwe mu bihingwa byitaweho mu Karere ka Gisagara. Buri mwaka, ubutaka buhujwe bwagiye bwiyongera mu rwego rwo kongera umusaruro w'igihingwa cy'ibigori.

#### ***Imbonerahamwe ya 10: Ubuso n'umusaruro w'ibigori.***

Umwaka		2006	2007	2008	2009	2010	2011/ 2012	2012/ 2013	2013/ 2014	2014/ 2015
Ibigori	ha	600	800	830	1420	1938	3450	5227.6	6522	6506
	Umusaruro (T)	1080	1440	1826	4526.96	5814	10350	19342.12	24131.4	24072.2

*Inkomoko: Raporo z'ibikorwa by'Akarere ka Gisagara, 2006-2015*

**Ishusho ya 1: Ubuso n'umugaruro w'ibigori.**



*Ubuhinzi bw'ibigori, haba mu mibande n'imusozi*



*Mu rwego rwo gufata neza umugaruro hubatswe ubwanikiro bw'ibigori mu mibande n'imusozi*

Ubuhinzi n'umugaruro w'ibigori byagiye byiyongera buri mwaka. Ubuhinzi bw'ibigori bwavuye kuri ha 600 muri 2006 bugera kuri ha 1938 muri 2010 na ha 6506 mu mwaka wa 2014/2015. Umugaruro wavuye kuri Toni 1080 mu mwaka wa 2006, ugera kuri Toni 5814 mu mwaka wa 2010 no kuri toni 24072.2 mu mwaka wa 2014/2015.

Ubuhinzi bw'ibigori bwatumye kandi havuka amakoperative menshi y'abahinzi b'ibigori :

### ***Imbonerahamwe ya 11: Koperative zihinga ibigori***

<b>N°</b>	<b>Izina rya Koperative</b>	<b>Umurenge iherereyemo</b>
1	CTPMH	Save
2	GARUKURORE AKABOTI	Kansi
3	KOJYAMUGI	Mamba
4	CCM MUGANZA	Muganza
5	KOABIRWIKI	Kansi
6	NYAMACOO	Nyanza
7	KABOGOBOGO	Mukindo
8	COAMANYA	Gishubi
9	KOAMAGI	Gishubi
10	TURWANYINZARA	Save
11	KOREBIKI	Kibilizi
12	KOABINYA	Kibilizi
13	KOPAGEKA	Kansi
14	KODUBAIMU	Mukindo

#### **3.1.2. Gutunganya umusaruro w'ibigori**

N'ubwo abatwage bakanguriwe kwita ku buhinzi bw'ibigori, nta buryo bunozwe bwari buraho bwo kwita no gutunganya umusaruro kugeza 2010. Wasangaga ibigori bigurishwa kubajya kubitunganyiriza ahandi, ifu ivuyemo ikagaruka ihenze abatwage.

Mu rwego rwo gushaka ifu y'ibigori "akawunga" ku buryo bworoshye, abahinzi babiseshega ku mashini zisanzwe ari nazo zisya amasaka, ariko ugasanga ifu idatunganye neza. Ababishoboraga babisekuraga mu isekuru cyangwa bakabirya ari impungure. Ibi byatumye ku bufatanye bwa Leta, abikorera n'abahinzi hashakwa uburyo bwo kongera agaciro k'umusaruro w'ibigori.

Ni muri urwo rwego Akarere ka Gisagara kihutiye kubaka ubwanikiro bw'ibigori kugira ngo umusaruro uboneke umeze neza kuko mbere wasangaga byanikwa ku ngo cyangwa hasi. Kuva 2010 kugeza 2015, hamaze kubakwa ubwanikiro 12 mu Mirenge inyuranye. Mu rwego kandi rwo gutunganya no kongera agaciro k'umusaruro w'ibigori, ku bufatanye n'Akarere, abikorera n'abahinzi hubatswe inganda eshatu

(3) zitunganya umusaruro w'ibigori hakaboneka akawunga keza n'ibiryo by'amatungo.

**Imbonerahamwe ya 12: Ubwanikiro n'inganda nto zitunganya umusaruro w'ibigori**

Ubwanikiro			Inganda		
Umurenge	Akagari n'umubare	Igihe bwubakiwe	Aho uruganda rwubatse	Urucunga	Igihe rwubakiwe
Kibilizi	Duwani(1)	2011/2012			
Mamba	Muyaga (1)	2013/2014	Uruganda rwa Mamba	COCAMUGI JYAMBERE MUHINZI	2011/2012
	Ramba (1)	2011/2012			
	Kabumbwe (2)	2011/2012			
	Gakoma (2)	2011/2012			
Muganza	Rwamiko (1)	2013/2014			
Kigembe	Agahabwa(1)	2013/2014			
Kansi	Akaboti (2)	2012/2013 na 2014/2015	Uruganda rwa Kigembe	KOZAKI: Koperative Zamuka Kigembe	2014/2015
Gishubi	Nyakibungo (1)	2014/2015			
Save	-	-	Uruganda rwa Save	Uwikorera: NIYIBIZI Joseph	2014/2015



**Ubwanikiro bw'ibigori bwa Muganza**



**Ubwanikiro bw'ibigori bwa Duwani/  
Kibilizi**



*Uruganda rutunga umusaruro w'ibigori rwa Mamba*

### **3.1.3. Umuceri**

Mu Karere ka Gisagara, umuceri wahoze uribwa n'abifite n'uwawuhingaga yabaga agambiriye kubona icyo kurya gusa ariko atagambiriye ubucuruzi n'amafaranga. Wasangaga imibande myinshi ihingwamo ibijumba. Kugeza mu mwaka wa 2006, abahinzi b'umuceri bo mu gishanga cya Cyili nibo bawitagaho nk'igihingwa kizana amafaranga kubera uruganda rw'umuceri rwa Gikonko rwubatswe mu mwaka w' 1982.

Kuva 2006, Leta y'u Rwanda yavuguruye ubuhinzi, mu Karere kose abaturage bakangurirwa guhinga umuceri nk'igihingwa gitunga urugo ariko kandi kikanazana amafaranga. Icyo gihingwa cyaritabiriwe cyane, imibande yahingwagamo ibijumba ihingwamo umuceri, aho utera bakahahinga ibigori. Umuceri wagezeho utoranywa mu bihingwa byo kwitaho mu Karere, bituma hongerwa ubushobozi bw'uruganda rwa Gikonko kuko umusaruro wari ubaye mwinshi. Rutunganya umusaruro wa toni enye n'igice ku isaha (4.5T/h), rusohora umuceri mwiza n'ubwoko bunyuranye kandi ufite ubushobozi bwo guhangana n'uri ku isoko uturuka imbere mu gihugu ndetse no hanze yacyo.

#### **3.1.3.1. Ibishanga bihingwamwo umuceri**

Mu rwego rwo kongera ubuso buhingwaho umuceri, ibishanga bitandukanye byaraturanyijwe mu Karere ka Gisagara nk'uko bigaragara mu mbonerahamwe iri hasi. Hubatswe kandi ikidimbizi (Etang) kinini mu mahuriro y'Akarere ka Gisagara na Huye kigaburira igishanga cya Cyiri bigatuma gihingwa ibihe byose.

**Imbonerahamwe ya 13: ibishanga bihingwamwo umuceri mu Karere ka Gisagara**

No	Igishanga	Umubare w'Abahinzi	Ubuso bw'igishanga (ha)	Ubuso bwatunganyijwe (ha)	Ubuso buhingwaho (ha)	Igihe cyatunganyijwe	Ubwanikiro	Ububiko	Uwatunganiye igishanga
1	Cyili	1447	250	200	223	2013-2014	8	4	RSSP
2	Nyiramageni	1107	243	180	180	1992	7	3	MINAGRI
3	Ngiryi	867	150	134	145	1993	6	1	MINAGRI
4	Akanyaru	2500	360	180	180	1993	8	2	MINAGRI
5	Mirayi	1434	525	100	160	1992	8	2	MINAGRI
6	Akabogobogo	5950	600	0	200		2	1	
7	Mushaduka (Gatare)	1000	115	95	100	2010-2011	2	2	MINAGRI
8	Akaboti	1600	70	67	67	2012-2013	0	2	MINAGRI
9	Migina	598	100	40	100	2010-2011	0	0	MINAGRI
10	Agatare	470	80	59	30	2014-2015	0	0	MINAGRI
11	Kibugazi	647	108	70	70	2010-2011	0	0	MINAGRI
<b>Igiteranyo</b>		<b>17620</b>	<b>2601</b>	<b>1125</b>	<b>1455</b>		<b>41</b>	<b>17</b>	

Inkomoko: Raporo z'ibikorwa by'Akarere ka Gisagara, 2006-2015



Nyuma yo gukangurira abahinzi kwitabira igihingwa cy'umuceri, ibishanga binyuranye byaratunganyijwe, ubuso buhingwaho umuceri buriyongera ndetse n'umugaruro wawo uriyongera cyane.

**Imbonerahamwe ya 14: Ubuso n'umugaruro w'umuceri.**

Umwaka		2006	2007	2008	2009	2010	2011/ 2012	2012/ 2013	2013/ 2014	2014/ 2015
Igihingwa	Umuceri ha	750	750	835	2054	2390	2403	2420.2	2420	2421
	Umugaruro (T)	2400	2850	3423.5	9448.4	11950	12015	12585	15730	15736.5

*Inkomoko: Raporo z'ibikorwa by'Akarere ka Gisagara, 2006-2015*

**Ishusho ya 2: Ubuso n'umugaruro w'umuceri.**



**Ubuhinzi n'umugaruro w'umuceri mu gishanga cya Ngiriyi/Musha**

Mu Murenge wa Rusatira (Huye) hafi na Gikonko hubatswe urugomero runini rw'amazi yo kuhira umuceri mu gishanga cya CYILI gihereye mu mirenge 3 ya RUSATIRA, GIKONKO (Gisagara) na NTYAZO (Nyanza) ku buryo umuceri uhingwa bihagije mu bihembwe byombi by'ihinga. Ibyo byongereye umugaruro w'umuceri. Urundi rugomero rwatangiye

kubakwa mu Murenge wa Musha rukazuhira umuceri wo mu gishanga cya NYIRAMAGENI na NGIRYI.



*Urugomero rw'amazi yo kuhira umuceri mu gishanga cya CYILI*

Ubuhinzi n'umugaruro w'umuceri byagiye byiyongera buri mwaka. Ubuhinzi bw'umuceri bwavuye kuri ha 750 muri 2006 bugera kuri ha 2421 mu mwaka wa 2015. Umugaruro wavuye kuri Toni 2400 mu mwaka wa 2006, ugera kuri toni 15736.5 mu mwaka wa 2015. Ubuso buhingwa bwiye byongereye biturutse ku bishanga byatunganyijwe, umugaruro wongerwa n'inyongeramugaruro ndetse n'imbuto z'indobanure byakoreshwaga buri mwaka.

### **3.1.3.2. Gutunganya umugaruro w'umuceri**

Mu rwego rwo kwita ku mugaruro w'umuceri no kuwongerera ubwiza, hongere umubare w'ubwanikiro n'ubuhunikiro buva kuri burindwi (7) muri 2006, bugera kuri mirongo itanu n'umunani na kamwe (58) muri 2015. Hongere kandi ubushobozi bw'uruganda rw'umuceri rwa Gikonko (Gikonko Rice), aho muri 2006 rwatunganyaga 0.6T ku isaha, naho muri 2015 rufite ubushobozi bwo gutunganya 4.5T ku isaha.

Mu rwego rwo kongera ubwiza bw'umuceri, utumashini twifashishwaga twavanyweho ubu umuceri utunganyirizwa gusa mu ruganda.



*Uruganda rutunganya umuceri rwa Gikonko*

### 3.1.4. Ibishyimbo


Mu rwego rwo kugabanya ubukene no guhashya inzara mu Karere ka Gisagara, igihingwa cy'ibishyimbo nka kimwe mu bihingwa ngandurarugo cyitaweho cyane. Buri mwaka, ubutaka buhujwe buhingwaho ibishyimbo bwagiye bwiyongera kandi bigahingwa mu bihembwe bitatu mu mwaka. Abaturage bakanguriwe kwitabira guhinga ibishyimbo bya mushingiriro kuko byera cyane kandi hakoreshejwe ubutaka buto.

#### ***Imbonerahamwe ya 15: Uburyo ubuso n'umusaruro w'ibishyimbo wagiye wiyongera.***

Umwaka Ibishyimbo	2006	2007	2008	2009	2010	2011/ 2012	2012/ 2013	2013/ 2014	2014/ 2015
Ubuso (ha)	1150	1200	12670	12683	13200	15600	21371	21969	31764
Umusaruro (T)	1035	1080	11403	13951.3	11880	14040	38467.8	39544.2	57175.2

*Inkomoko: Raporo z'ibikorwa by'Akarere ka Gisagara, 2006-2015*

#### ***Ishusho ya 3: Ubuso n'umusaruro w'ibishyimbo.***



***Ibishyimbo bya Mushingiriro***



***Ibishyimbo bigufi***

Ubuhinzi n’umusaruro w’ibishyimbo byagiye byiyongera buri mwaka. Ubuhinzi bw’ibishyimbo bwavuye kuri ha 1150 muri 2006 bugera kuri ha 31764 mu mwaka wa 2014/2015. Umusaruro wavuye kuri Toni 1035 mu mwaka wa 2006, ugera kuri toni 57175.2 mu mwaka wa 2014/2015. Kugeza mu mwaka wa 2012, umusaruro w’ibishyimbo wari ukiri muke aho wari munsu ya toni imwe kuri hegitari (ha). Umusaruro watangiye kwiyongera nyuma ya 2012 ugera kuri toni imwe n’ibice umunani (1.8T) kuri ha. Ibi byatewe n’imyumvire yari imaze kuzamuka kuri gahunda yo guhuza ubutaka, gukoresha amafumbire n’imbuto nziza y’ibishyimbo.

### 3.1.5. Imyumbati

Igihingwa cy’imyumbati nacyo ni igihingwa cyatoranyijwe mu Karere ka Gisagara. Hongerewe ubuso n’umusaruro w’imyumbati, hanubakwa ibyiniko bya kijyambere n’ubwanikiro mu Murenge ya Mamba na Ndora. Hubatswe inzu y’ibyiniko 5 bya kijyambere mu Murenge wa Ndora ku bufatanye na FAO, n’inzu y’ibyiniko 6 mu Murenge wa Mamba ku bufatanye na PPMER/MINICOM, RSSP na PASNVA.





*Ibyiniko by’imyumbati bya kijyambere mu Murenge wa Mamba*

### **Imbonerahamwe ya 16: Ubuso n’umusaruro w’imyumbati.**

Umwaka \ Imyumbati	2006	2007	2008	2009	2010	2011/2012	2012/2013	2013/2014	2014/2015
Ubuso(ha)	2600	3800	5100	10814	9628	8233	8558	10008	3066
Umusaruro (T)	41600	62700	84150	194652	180043.6	157250.3	171160	200160	61320

*Inkomoko: Raporo z’ibikorwa by’Akarere ka Gisagara, 2006-2015*

**Ishusho ya 4: Ubuso n’umusaruro w’imyumbati.**



***Ubuhinzi bw'imyumbati mu Murenge wa Gikonko***

Ubuso n’umusaruro by’imyumbati byatangiye kwiyongera mu mwaka wa 2009. Ubuhinzi bw’imyumbati bwavuye kuri ha 2600 muri 2006 bugera kuri ha 10814 muri 2009 na ha 10008 mu mwaka wa 2013/2014. Mu mwaka wa 2014/2015, imyumbati yafashwe n’indwara ya “Kabore”, imbuto irabura bitera kugabanuka k’ubuso bwahingagwaho imyumbati bugera kuri ha 3066. Umusaruro wavuye kuri Toni 41600 mu mwaka wa 2006, ugera kuri Toni 194652 mu mwaka wa 2009 no kuri toni 200160 mu mwaka wa 2013/2014, ariko mu mwaka wa 2015 kubera igabanuka ry’ubuso bwahinzwe, umusaruro nawo waramanutse ugera kuri toni 61320.

### 3.1.6. Urutoki

Kuruvanga n’indi myaka no guhinga imbuto idatanga umusaruro nibyo byaranze ubuhinzi bw’urutoki rwo hambere mu Karere ka Gisagara. Mu mwaka ya 2006 n’iyawubanjirije, urutoki rwa Gisubi n’intuntu ni rwo rwari rwiganje mu Karere ka Gisagara. Uru rutoki rwarangwaga no kwera igitoki gito cyane ndetse no gufatwa n’indwara mu buryo bworoshye. By’umwihariko, mu myaka ya 2003, 2004 n’uwa 2005, indwara y’urunyo na kirabiranya zibasiye urutoki mu Karere ka Gisagara, rugera hafi yo gucika.

Ni muri urwo rwego, Guverinoma y’u Rwanda yafashije abaturage kubona imbuto nshya y’urutoki kandi itanga umusaruro mwishi. Imbuto itanga umusaruro imaze kuboneka, abaturage bihuriye gusimbuza ubwoko bw’urutoki bahingaga.

Mu Karere ka Gisagara, ubuhinzi bw’urutoki bwakomeje kwitabwaho. Buri mwaka hahingwaga urutoki rushya, hakanavugururwa urusanzwe.

#### ***Imbonerahamwe ya 17: Urutoki rushya n’urwavuguruwe.***

Umwaka Urutoki	2006	2007	2008	2009	2010	2011/ 2012	2012/ 2013	2013/ 2014	2014/ 2015
Rushya (ha)	17.4	22	28.7	36.5	217	102	118.2	155.5	253
Kuvugurura (ha)	102	157	200.2	274	228	863	1120	3996	4002

*Inkomoko: Raporo z’ibikorwa by’Akarere ka Gisagara, 2006-2015*



***Hirya no hino mu Mirenge, urutoki rwaravuguruwe***



*Abahinzi bishimiye umusaruro bagezeho*

Ubuhinzi bw'urutoki rushya no kuvugurura urusanzwe byagiye biyongera buri mwaka. Urutoki rushya rwa kijyambere ruhinzwe rwavuye kuri ha 17.4 muri 2006 rugera kuri ha 253 mu mwaka wa 2015. Kuvugurura urutoki byavuye kuri ha 102 mu mwaka wa 2006, bigera kuri ha 4002 mu mwaka wa 2015.

Mu rwego rwo kwita no gutunganya umusaruro w'urutoki, mu mwaka wa 2015 hubatswe uruganda rutunganya ibikomoka ku rutoki "Banana processing plant" mu Murenge wa Kibirizi mu Kagali ka Muyira. Uru ruganda rufite ubushobozi bwo gutunganya Toni eshanu (5T) z'inzoga n'umutobe "Juice, Banana beer and banana wine" ku munsu.



*Inyubako y'uruganda rutunganya ibikomoka ku rutoki*



*Imashini zamaze kugezwa mu ruganda*

### 3.1.7. Ikawa

Ikawa nicyo gihingwa ngengabukungu kiboneka mu Karere ka Gisagara. Ikawa yitaweho muri aka Karere ku buryo ubuso n'ubwiza bw'umusaruro wa kawa byagiye byiyongera buri mwaka. Hahinzwe kawa nshya buri mwaka, izisanzwe zirakorera.

#### ***Imbonerahamwe ya 18: Ubuso n'umusaruro wa kawa.***

Umwaka Ikawa	2006	2007	2008	2009	2010	2011/ 2012	2012/ 2013	2013/ 2014	2014/ 2015	Igiteranyo
Nshya (ha)	16.8	23.4	39.7	176.2	208.4	281.8	305	289.7	101.64	<b>1442.64</b>
Umusaruro (T)	63	87.75	148.8	881	1042	1409	*	*	*	

*Inkomoko: Raporo z'ibikorwa by'Akarere ka Gisagara, 2006-2015*

Ubuso buhinzeho kawa bwagiye buhindagurika buri mwaka aho kuva 2006 kugeza 2015 hahinzwe ha 1442.64 za kawa. Mu guhinga kawa, hashingirwa ku butaka buhari bwahingwaho hanitabwa kuri kawa ziba zarahinzwe mbere. Umwaka ubuso bwagabanukagamo byabaga byatewe n'ubuso buhari bwo guhingwaho na gahunda zo kwita ku buso bwahinzwe mbere.

\* Umusaruro nturatangira kuboneka

Ubuso buhinzeho kawa bwavuye kuri ha 16.8 mu mwaka wa 2006, bukagera kuri ha 281.8 mu mwaka wa 2011/2012, ha 305 mu mwaka wa 2012/2013, ha 289.7 mu mwaka wa 2013/2014 na ha 101.64 mu mwaka wa 2014/2015.

Mu rwego rwo kwita no gutunganya umusaruro wa kawa, hubatswe aho gutunganyiriza umusaruro wa kawa (Coffee washing station). Hari Kigembe Coffee (Kigembe), TWAGIRA Coffee (Kigembe), Buhanga Coffe (Musha), Mukindo Coffee (Mukindo), BARICOFFEE (Mugombwa), KOAKAGI (Mamba), Gisagara Agro Coffee (Ndora), SDL Gikonko (Musha), COCAMUGI (Mukindo), COPROKAKI (Nyanza).



*Umuhinzi wa kawa i Kigembe*



*Ubuhinzi bwa kawa i Mugombwa*



*Uruganda batunganyirizamo kawa i Mugombwa*

## 3.2. UBWOROZI

Mu Karere ka Gisagara, Ubworozi, nka kimwe mu bigize inkingi y'ubukungu, ntibwasigaye inyuma. Gahunda ya Girinka Munyarwanda, ubudehe, umushinga wa APEL n'abandi bafatanyabikorwa bagiye bashyigikira ubworozi. Ubworozi bwiganje ni ubw'inka, ihene, ingurube, inkoko, inkwavu, intama n'inzuki.

### 3.2.1. Gahunda ya Girinka Munyarwanda

Gahunda ya Girinka (One cow for one family) yatangiye ari igitekerezo cya Nyakubahwa Perezida wa Repubulika y'u Rwanda cyo koroza inka buri rugo kugira ngo rubashe kwihaza mu biribwa, cyane cyane ku ntungamubiri ziva ku bikomoka ku matungo, ubwo byari bimaze kugaragara ko 43% by'abana mu gihugu bafite hasi y'imyaka itanu bari bafite ibibazo by'imirire mibi. Iyi Gahunda ishingiyeye kandi ku cyerekezo n'ingamba bikubiye muri Vision 2020, muri EDPRS no kuri IDP. Yemejwe n'inama y'Abaminisitiri yo kuwa 12/04/2006 ari nayo yayihaye icyerekezo cyo gufasha buri rugo rukennye rw'Umunyarwanda kubona no korora inka ya kijyambere, hagamijwe ko iyo nka izatanga umukamo, nawo ugafasha urugo kuvugurura imirire yarwo, kongera umusaruro ukomoka ku buhinzi no gusagurira isoko amata azongera amafaranga mu mufuka, bityo iyo nka ikazageza abagize umuryango ku bukire. Iyi Gahunda yahise ishyirwa mu bikorwa, itangira ifite inzira ebyiri zuzuzanya ari zo: **Girinka y'inguzanyo na Girinka y'ingabirano.**

Girinka y'inguzanyo cyangwa Girinka banki; yari ishingiyeye ku bukangurambaga bugamije gushishikariza Umunyarwanda kugira inka binyuze mu nguzanyo za banki. icyo gihe Leta yashyizeho ikigega cy'ingwate (fond de garantie) cyatumaga banki iha abatwaga inguzanyo yo kugura inka.

Girinka y'ingabirano yatangiye mu mwaka wa 2006, Nyakubahwa Perezida wa Repubulika agabira inka abaturage mu Turere twagaragayemo ibibazo bikabije by'imirire mibi mu bana. Mu Turere icyenda (9) twatangiriyemo iyi gahunda ya Girinka y'ingabirano, n'Akarere ka Gisagara kari karimo. Utundi Turere 8 ni Huye, Nyaruguru, Nyamagabe, Nyanza, Ngororero, Karongi, Rutsiro na Gicumbi. Muri

2007 na 2008, iyi Gahunda ya Girinka yagejejwe mu Turere twose (30) tw'Igihugu.

Uko imyaka yatambukaga, haziyemo gahunda ya Girinka y'injuritano. Iyo inka y'ingabirano yabyaraga, uwagabiwe yituraga iyayo igahabwa undi muryango wabaga waratoranyijwe n'abaturage mu nteko rusange y'abaturage.


Kubufatanye bwa Leta, abikorera, imiryango itegamiye kuri Leta, sosiyete sivile n'abaturage, iyi gahunda ya Girinka yakomeje gushyirwa mu bikorwa mu Karere ka Gisagara.

### ***Imbonerahamwe ya 19: Gahunda ya Girinka Munyarwanda***

NO	Umurenge	Umwaka									Igite-ranyo
		2006	2007	2008	2009	2010	2011/ 2012	2012/ 2013	2013/ 2014	2014/ 2015	
1	Gikonko	4	8	28	25	52	71	82	107	70	<b>447</b>
2	Gishubi	7	131	94	37	36	126	86	99	95	<b>711</b>
3	Kansi	3	10	41	17	49	71	125	144	105	<b>565</b>
4	Kibirizi	3	13	13	23	23	50	82	121	63	<b>391</b>
5	Kigembe	0	28	30	22	53	92	90	122	101	<b>538</b>
6	Mamba	0	14	230	36	38	147	94	109	115	<b>783</b>
7	Muganza	24	24	21	41	23	90	128	99	95	<b>545</b>
8	Mugombwa	18	27	24	12	34	81	84	113	85	<b>478</b>
9	Mukindo	6	11	38	35	45	123	88	99	103	<b>548</b>
10	Musha	0	16	44	31	26	101	85	108	93	<b>504</b>
11	Ndora	4	49	31	9	11	97	89	85	86	<b>461</b>
12	Nyanza	4	3	12	23	51	103	108	115	85	<b>504</b>
13	Save	5	4	17	12	28	96	125	101	95	<b>483</b>
<b>Igiteranyo</b>		<b>78</b>	<b>338</b>	<b>623</b>	<b>323</b>	<b>469</b>	<b>1248</b>	<b>1266</b>	<b>1422</b>	<b>1191</b>	<b>6958</b>

*Inkomoko: Raporo z'ibikorwa by'Akarere ka Gisagara, 2006-2015*

## Ishusho ya 5: Girinka Munyarwanda mu Karere ka Gisagara



*Girinka mu Murenge wa Kansi*

Kuva muri 2006 kugeza Kamena 2015, mu Karere ka Gisagara hamaze gutangwa inka 6958 muri gahunda ya Girinka Munyarwanda. Gahunda ya Girinka ntiyongereye umubare w'inka gusa, yanatumye horrorwa inka za kijyambere zitandukanye n'indatamahembe zororwaga mbere. Umusaruro w'ibikomoka ku matungo wariyongereye n'uw'ibihingwa uriyongera bitewe no gukoresha ifumbire y'imborera. Imibereho myiza y'abaturage yarazamutse, imirire yitabwaho ndetse haboneka amafaranga aturutse ku igurishwa ry'ibikomoka ku matungo. Girinka Munyarwanda ikomeje no gushyigikira gahunda y'ubumwe n'ubwiyunge kuko abahana inka baba bagiranye igihango.

Mu rwego rwo gutunganya umusaruro ukomoka ku nka, hubatswe ikusanyirizo ry'amata mu Murenge wa Ndora, aho atunganyirizwa mbere y'uko agemurwa ku bayakeneye.

Akarere ka Gisagara karashima uruhare rwa Leta y'Ubumwe n'Abafatanyabikorwa batandukanye barimo DCDP, FARG, PADEBL, RARDA, IOM, RAB, SEND COW, CARE, Action AID, Croix Rouge, ZOE Ministry, Reseaux des Femmes, BENIMPUHWE, CNF, ARTCF, FFP, Association DUHOZANYE, n'abandi.

### 3.2.2. Ubworozi muri rusange


Ubworozi bwiganje mu Karere ka Gisagara ni inka, ihene, ingurube, inkoko n'inkwavu. Ubwo bworozi bwakomeje kwitabwaho, hongerwa umubare n'ubwiza bwa buri bwoko bw'amatungo.

#### *Imbonerahamwe ya 20: Ubworozi muri rusange mu Karere ka Gisagara*

Itungo	Ubwoko	Kugeza 2010		2011 - 2015	
		Umubare	Ijanisha (%)	Umubare	Ijanisha (%)
Inka	Frisian	14	0.08	273	1.1
	Imvange	1330	7.71	7671	31.0
	Inyarwanda	15902	92.19	16529	66.8
	Jersey	3	0.02	254	1.0
<b>Igiteranyo</b>		<b>17249</b>	<b>100</b>	<b>24727</b>	<b>100.0</b>
Ihene	Inyarwanda	50525	98.15	57435	95.3
	Boer	5	0.01	417	0.7
	Imvange	947	1.84	2401	4.0
<b>Igiteranyo</b>		<b>51477</b>	<b>100</b>	<b>60253</b>	<b>100.0</b>
Intama	Inyarwanda	2191	100	1030	89.0
	Merinos	0	0	54	4.7
	Imvange	0	0	73	6.3
<b>Igiteranyo</b>		<b>2191</b>	<b>100</b>	<b>1157</b>	<b>100.0</b>
Ingurube	Inyarwanda	13328	91.3	17856	70.9
	Landrace	1080	7.4	3858	15.3
	Large white	0	0	609	2.4
	Imvange	336	2.3	2323	9.2
<b>Igiteranyo</b>		<b>14598</b>	<b>100</b>	<b>25192</b>	<b>100.0</b>
Inkoko	Inyarwanda	54349	100	66925	99.8
	Imvange	0	0	147	0.2
<b>Igiteranyo</b>		<b>54349</b>	<b>100</b>	<b>67072</b>	<b>100.0</b>
Inkwavu	Exotic	11	0.05	1772	6.7
	Inyarwanda	21077	96.06	20659	77.9
	Imvange	854	3.89	4073	15.4
<b>Igiteranyo</b>		<b>21941</b>	<b>100</b>	<b>26505</b>	<b>100.0</b>
Imizinga	Inyarwanda	2455	91.8	3288	87.8
	Longs	0	0	0	0.0
	Kenyan	219	8.2	457	12.2
<b>Igiteranyo</b>		<b>2674</b>	<b>100</b>	<b>3745</b>	<b>100.0</b>

*Inkomoko: Raporo z'ibikorwa by'Akarere ka Gisagara, 2006-2015*

## Ishusho ya 6: Ubworozi muri rusange mu Karere ka Gisagara



Imbonerahamwe ya 20 n'ishusho ya 6 bigaragaza ishusho y'ubworozi muri rusange mu Karere ka Gisagara kugeza muri 2015. Ubwoko bw'amatungo bwariyongereye cyane nyuma ya 2010 hanitabwa cyane ku ivugurura ryayo. Kugeza 2010, umubare w'inka wari 17249, zikaba zariyongereyeho inka 7478 mu myaka itanu gusa (2011-2015) zigera ku nka 24727. Hitawe kandi ku ivugurura ry'inka hagamijwe kongera umukamo binyuze muri gahunda yo kuzitera intanga. Inka z'inyarwanda zaragabanutse ziva kuri 92% y'inka zose muri 2010 zigera kuri 67% y'inka zose muri 2015. Ubwoko bw'imvange bwariyongereye buva kuri 7.7% y'inka zose muri 2010 bugera kuri 31% y'inka zose muri 2015.

Amatungo magufi nayo yariyongereye haba mu mubare no mu bwiza. Ingurube zavuye ku 14598 muri 2010 zigera kuri 25192 mu mwaka wa 2015. Ingurube z'inyarwanda zaragabanutse ziva kuri 91% y'ingurube zose muri 2010 zigera kuri 70% y'ingurube zose muri 2015. Ingurube za "landrace" zariyongereye ziva kuri 7% zigera kuri 15%, imvange zavuye kuri 2.3% muri 2010 zigera ku 9.2% y'ingurube zose muri 2015.



*Ikiraro rusange cy'inka/ Kibilizi*



*Ikiraro rusange cy'ingurube/Muganza*



*Ubworozi bw'inkoko/Kansi*

### 3.2.3. Gutera intanga no gukingira inka


Mu rwego rwo kongera umusaruro w'ibikomoka ku matungo, kuvugurura amaraso yayo no kwita ku buzima bwayo, inka zaringiye zinaterwa intanga.

#### *Imbonerahamwe ya 21: Umubare w'inka zakingiwe n'izatewe intanga*

Umwaka \ Igikorwa	2006	2007	2008	2009	2010	2011/2012	2012/2013	2013/2014	2014/2015
Gutera intanga	93	188	264	376	1820	2360	2602	3009	3153
Gukingira inka	2041	2706	4297	6032	9563	10734	11783	12500	14946

*Inkomoko: Raporo z'ibikorwa by'Akarere ka Gisagara, 2006-2015*

#### *Ishusho ya 7: Inka zatewe intanga n'izakingiwe*



Imbonerahamwe ya 21 n'ishusho ya 7 bigaragaza umubare w'inka zatewe intanga n'izakingiwe, bikanerekana ukwiyongera kwa buri mwaka. Ukwiyongera cyane kwatangiye mu mwaka wa 2010, aho inka zatewe intanga zageze ku 1820, mu gihe mu mwaka wa 2006 zari 93 gusa. Mu mwaka wa 2014/2015, inka zatewe intanga zageze ku nka 3153.

Inka zakingiwe zageze ku 9563 mu mwaka wa 2010, mu gihe mu mwaka wa 2006 zari 2041. Inka zikingiye zakomeje kwiyongera nyuma ya 2010 aho zageze ku nka 14946 mu mwaka wa 2014/2015.



*Gutera inka intanga*



*Gukingira inka*

### **3.3. IBIKORWA REMEZO**

Mu iterambere ry'ubukungu, Akarere ka Gisagara kitaye cyane ku bikorwa remezo. Imihanda yarahanzwe iratunganywa byoroshye kugeza umusaruro ku isoko binagabanya igiciro cy'urugendo. Amashyamba n'amazi meza byegerezwa abaturage, imirimo idashingiye ku buhinzi iriyongera n'imibereho myiza y'abaturage irazamuka.

#### **3.3.1. Imihanda**

Mu mwaka wa 2006 na mbere yawo, imihanda yari ikibazo gikomeye mu Karere ka Gisagara. Imihanda yahuzaga Gisagara n'utundi turere n'imihanda yahuza Imirenge yari mibi cyane, kuyigendamo bigoye ariko mu gihe cy'imvura bikagora kurushaho.

Kugira ngo iterambere ry'Akarere ka Gisagara rishoboke, hihutiwe gukora imihanda kugira ngo mu Karere hose hashobore kugendwa. Hifashishijwe uburyo bunyuranye burimo TIG, Umuganda rusange, VUP, Rwiyemezamirimo n'ubundi.

Ibyo byatanze umusaruro ushimishije ku buryo ubu 2015 imihanda ihuza Akarere n'utundi Turere n'ihuza Imirenge ari myiza, iragendwa no mu gihe cy'imvura kandi gutunganya imihanda ni igikorwa gihoraho ni n'itege ikomeza mu Karere ka Gisagara.

### 3.3.1.1. Ubwoko bw'imihanda n'uburebure bwayo

Imihanda yose yo mu Karere ka Gisagara, ni imihanda y'igitaka. Nubwo bimeze bityo, imihanda yose ihuza Akarere n'utundi Turere n'ihuza Imirenge yose ni nyabagendwa kandi imeze neza. Iyo mihanda irimo amoko atatu:

- Umuhanda wo ku rwego rw'Igihugu “National road”: Ni umuhanda wa km 68 uhuza u Rwanda n'u Burundi uvuye Akanyaru bas (Umurenge wa Nyanza)-Umurenge wa Gikonko.
- Imihanda y'Akarere yo ku rwego rwa mbere “District roads class I”: Ni imihanda ya km 121.7 ihuza Akarere ka Gisagara n'Uturere duturanye; Huye, Nyanza na Nyaruguru, ikanahuza Imirenge y'Akarere ka Gisagara.
- Imihanda y'Akarere yo ku rwego rwa kabiri “District roads class II”: Ni imihanda y'imigenderano ya km 232 ihuza Utugari tw'Akarere ka Gisagara.

### 3.3.1.2. Imihanda yatunganyijwe kuva 2006 -2015

*Imbonerahamwe ya 22: Imihanda yahanze/yatunganyijwe n'uburebure bwayo*

No	Imihanda	Uburebure (km)	Umwaka	Uburyo bwakore-shejwe
1	Muganza-Remera	3	2008	TIG
2	Cyamukuza-Rwasave-Huye	13	2007 na 2013/14	Rwiyemeza-mirimo
3	Gikonko-Save	14	2010 na 2015	TIG/ Rwiyemezamirimo
4	Mukindo-Mugombwa-Kansi-Kibirizi-Huye	33	2010 na 2015	Rwiyemeza-mirimo
5	Kibirizi-Kansi	6	2008	TIG
6	Kansi-Kigembe-Nyaruteja- Akanyaru bas	25	2008	TIG
7	Save-Musha-Mamba-Akanyaru	43	2010 na 2015	TIG/ Rwiyemezamirimo
8	Gishubi-Nyagahuru	28	2009	VUP
9	Kirarambogo-Nyabitare	14	2009	VUP

10	Gishubi-Gabiro	2	2009	VUP
11	Gishubi-Nyeranzi	2.5	2009	VUP
12	Gikore-Kansi	12	2010	TIG
13	Kigembe-Agatovu	5	2012	VUP
14	Nyanza-Rubona -Gikore	5.7	2010	TIG
15	Ruhuha-Gatongo	5	2010	TIG
16	Ndora-Muganza-Mugombwa	14	2007 na 2014	TIG
17	Ndora-Gishubi	8	2009	TIG/VUP
18	Kibirizi-Mugombwa	17	2014/2015	Rwiyemezamirimo
19	Cyamukuza-Giseke-Save	6	2009	TIG
20	Ndora-Musha-Gikonko	23	2011/12	TIG
21	Nyaruteja-Migina	3.5	2008	TIG
22	Nyaruteja-Nyaruguru	4	2009	TIG
23	Rwanza-Cyezuburo-Huye	2	2014	Rwiyemezamirimo



*Umuhanda Gisagara-Huye*



*Umuhanda Gikonko-Save*



*Umuhanda Mamba-Musha-Save-Huye*



*Umuhanda Mugombwa-Kibilizi-Huye*

### 3.3.2. Amateme

Gukora imihanda bijyana no gukora amateme, ariko hari n'ubwo amateme akorwa atari uko imihanda yakozwe ahubwo hari ayasenyutse cyangwa ay'ibiti asimubuzwa ay'ibikoresho biramba. Amateme y'ingenzi yakozwe ni agaragara mu mbonerahamwe ikurikira:

#### *Imbonerahamwe ya 23: Amateme yubatswe mu Karere ka Gisagara*

No	Izina	Umurenge	Umwaka
1	Nyange	Kansi	2007
2	Senyange	Nyanza	2007
3	Musa	Nyanza	2007
4	Mukuge	Nyaruteja-Nyaruguru	2007
5	Urukungu	Nyanza	2007
6	Giseke	Ndora-Save	2008
7	Ngiryi	Ndora-Musha	2008
8	Rwabisemanyi	Kigembe-Nyaruguru	2008
9	Migina	Kigembe	2008
10	Duwani 1	Kibirizi	2009
11	Nyeranzi-Gabiro	Gishubi	2009
12	Gasenyi	Gishubi-Ndora	2009
13	Gatongo I	Kigembe	2009
14	Gatongo II	Kigembe	2009
15	Nkomane I	Kigembe	2009
16	Nkomane II	Kigembe	2009
17	Duwani 2	Kibirizi	2010
18	Nyiramageni	Gikonko-Mamba	2010 na 2015
19	Cyezuburo	Save-Huye	2014
20	Gishubi	Gishubi	2014
21	Cyihene	Kansi-Huye	2014
22	Nyabuyogera	Save	2015



*Iteme rya Nyiramageni rihuza Mamba na Gikonko*



*Iteme rya Kihene rihuza Kansi (Gisagara) na Mukura (Huye)*

### 3.3.3. Imiyoboro y'amazi meza

Nk' Akarere gaherereye mu gice cy'amayaga, amazi meza yahoze ari ingume mu Karere ka Gisagara. Abaturage bavomaga mu mibande, ku makano, mu nzuzi n'imigezi. Mu rwego rwo kwita ku mibereho myiza y'abaturage b' Akarere ka Gisagara, amazi meza yegerejwe abaturage. Hubatswe imiyoboro y'amazi mishya hanasanwa iyari ishaje bituma ijanisha ry'abaturage begereye amazi meza riyongera buri mwaka. Abaturage begerejwe amazi meza bageze kuri 76.4% mu mwaka wa 2015 aho bari kuri 65% mu mwaka wa 2010 nk'uko bigaragara mu mbonerahamwe ikurikira.

#### *Imbonerahamwe ya 24: Ijanisha ry'abaturage begerejwe amazi*

Umwaka	2006	2007	2008	2009	2010	2011/ 2012	2012/ 2013	2013/ 2014	2014/ 2015
Abaturage begerejwe amazi meza (%)	39	39	44	55	65	68	73	75.6	76.4

*Inkomoko: Raporo z'ibikorwa by'Akarere ka Gisagara, 2006-2015*

**Ishusho ya 8: Abaturage begerejwe amazi meza**



Mu Karere ka Gisagara hari imiyoboro y’amazi 24 ifite uburebure bwa km 349.55; yubatswe inavugururwa mu bihe bitandukanye nk’uko bigaragara mu mbonerahamwe ikurikira.

**Imbonerahamwe ya 25: Imiyoboro y’amazi yubatswe n’iyasanwe**

No	Amazina	Uburebure (km)	Igihe wubakiwe	Igihe wasaniwe	Imirenge ugaburira
1	Nyakagezi	22.793	2000	2011	Gikonko, Musha
2	Mayaga Sud	75	1981	2007	Gikonko, Musha, Mamba, Save
3	Cyumba-Rwagica	24.420	1975	2011	Muganza, Gishubi
4	Nyagahuru-Rwakayeye	16.726	1987	2011	Muganza, Gishubi
5	Rwimpisi	18.777	2013	-	Kigembe, Kansi
6	Kansi	13.17	2011	-	Kansi
7	Rwabahinda-Nyange	13	2005	-	Kansi, Kibirizi
8	Gikore	4.744	2011	-	Kansi
9	Kibilizi-Kansi	17	2001	2007	Kibirizi, Kansi
10	Agaseke	30.9	2008	-	Kibirizi, Ndora
11	Akabilira	20	2006	2015	Ndora
12	Murambi-Save	20	2006	-	Save, Kibirizi
13	AEP des Frères	2	1959	1996	Save

14	Nyabuhoro	38	2008	-	Save, Musha
15	Agatare	10.882	2011	-	Musha
16	Urwongorwe	8.648	1987	2011	Mugombwa
17	Karuhenga	1.5	1988	2003	Mugombwa
18	AEP Mugombwa	4	2014/15	-	Mugombwa
19	Kabasaga	5.325	1983	2011	Mukindo
20	Musasa	1.548	1982	2011	Mukindo
21	Nyampinja	3.222	1986	2011	Mukindo
22	Buhoro	1.900	2010	-	Mukindo
23	Kabilira-Gishubi	11.68	2013	-	Ndora, Gishubi
24	AEP Rukoko-Gisunzu	10.600	2015	-	Nyanza

*Inkomoko: Raporo z'ibikorwa by'Akarere ka Gisagara, 2006-2015*

Imiyoboro myinshi yubatswe/yasanwe nyuma ya 2006. Yaba iyubatswe/iyasanwe kera n' iyubatswe/iyasanwe vuba, yose yatumye umubare w'abaturage begerejwe amazi meza wiyongera. Mu miyoboro yubatswe ikanasanwa kera twavugamo nk'umuyoboro wa AEP des Frères Mariste w'I Save wubatswe mu mwaka 1959 ugasanwa mu mwaka wa 1996 n'umuyoboro wa Karuhenga i Mugombwa wubatswe mu mwaka 1988 ugasanwa mu mwaka wa 2003.



*Amavomero y'amazi meza yarubatswe hirya no hino mu mirenge*



### 3.3.4. Amashanyarazi

Mu mwaka wa 2006, umuriro w'amashanyarazi wari mu Mirenge 2 gusa (Gikonko na Save), nabwo ugarukira ku bigo bya Leta n'iby'amadini na centre ya Gikonko gusa yagaburirwaga n'umuyoboro wa Mugogwe-Gikonko wubatswe mu 1984. Kugeza mu mwaka 2015, Imirenge 12 kuri 13 yagejwemo umuriro w'amashanyarazi.

Mu rwego rwo kwegereza amashanyarazi abaturage, hihutiwe igikorwa cyo kubaka imiyoboro migari y'amashanyarazi igera mu Mirenge, gahunda yo kuwukwirakwiza mu baturage igenda ikorwa buhoro buhoro. Imiyoboro yubatswe yongereye umubare w'ingo zifite umuriro w'amashanyarazi, uva kuri 2% muri 2012 (*Ibarura rusange rya 2012*) ugera kuri 11.85% (ingo 9156) mu mwaka wa 2015 (*Raporo y'Imihigo 2014/2015*).

Mu Karere ka Gisagara hari imiyoboro y'amashanyarazi ikurikira:

#### ***Imbonerahamwe ya 26: Imiyoboro y'amashanyarazi yubatswe***

No	Umuyoboro	Uburebure (km)	Igihe wubakiwe
1	Mugogwe-Gikonko	12	1984
2	Save-Kibilizi	15	2007
3	Duwani-Ndora	10	2010
4	Gikonko-Musha-Mamba	15	2012
5	Ndora-Gishubi	6	2013
6	Kibilizi-Kansi-Kigembe-Nyanza	32	2014
7	Ndora-Muganza-Mugombwa	12	2015

Kuri iyo miyoboro migari hiyongereyeho ikwirakwiza (extensions) mu Mirenge ya Gikonko, Ndora, Kibilizi, Musha, Save, Kansi, Kigembe, Nyanza na Mamba. Ibi byongereye imirimo idashingiye ku buhinzi, amasaha y'akazi ariyongera, inganda nto eshatu zitunganya umusaruro w'ibigori zirubakwa, umutekano urabungwabungwa n'ibindi.

Akarere karateganya kubaka umuyoboro w'amashanyarazi ugera mu Murenge wa Mukindo muri 2015/16 no gukomeza gukwirakwiza amashanyarazi ku mu midugudu.

Mu rwego rwo kunoza imiturire, kwita ku mutekano no kongera amasaha yo gukora, mu miji ya Ndora na Save hashyizwe amatara yo

ku muhanda (public lighting) amurika nijoro. Amatara yo ku mihanda amurika nijoro ari kuri km 4 i Ndora na km 5 i Save.



*Umuyoboro mugari w'amashanyarazi Save-Kibilizi-Kansi- Kigembe-Nyanza*



*Amatara yo ku muhanda wa Save*

### 3.4. IMITURIRE

Imiturire y'abaturage b'Akarere ka Gisagara yaranzwe n'ibi bikurikira:

- Nyakatsi: Akarere ka Gisagara niko kari kubatsemo nyakatsi nyinshi mu Gihugu cyose, zanganaga n'ibihumbi cumi na kimwe Magana umunani na cumi n'ebyiri (11812) mu mwaka wa 2010.
- Ntuye nabi: Hari abaturage benshi bari batuye mu manegeka, ku manga z'imisozi na hafi y'ibishanga kandi ari nabo hafi ya bose batuye muri nyakatsi.
- Imiturire itatanye: abaturage bari batuye intatane ku misozi ku buryo kubagezaho ibikorwa rusange by'iterambere butashobokaga kandi bikabangamira ubuhinzi n'ibidukikije.

Mu rwego rwo kunoza imiturire, gutura heza no kurengera ibidukikije, abaturage b'Akarere ka Gisagara bakomeje kwitabira gutura ku midugudu. Umwaka wa 2014/15 warangiye imiryango 62463 ku miryango 74872 (83.4%) ituye mu midugudu ugereranyije n'imiryango 2482/65024 (3.8%) yari ituye mu midugudu mu mwaka wa 2006.

Imiryango 11812 yo mu Karere Gisagara yari ituye muri nyakatsi yafashijwe kubona inzu cyangwa icumbi, aho kugeza mu mwaka wa 2012 nta muryango wo mu Karere ka Gisagara wari ugituye muri Nyakatsi. Kunoza imiturire byazamuye imibereho myiza y'abaturage, isuku, ubuhinzi bwitaweho n'ibidukikije birabungwabungwa.

Hamaze kubakwa imidugudu y'icyitegererezo ine (4) (IDP model

village) mu Karere ka Gisagara; Umudugudu wa Kivugiza mu Murenge wa Gishubi, umudugudu wa Akabakene mu Murenge wa Nyanza, umudugudu wa Zihare mu Murenge wa Kibizizi n'umudugudu wa Ruhuha n'Akatera mu Murenge wa Kigembe.

**Imbonerahamwe ya 27: Imiturire mu Karere ka Gisagara**

Umwaka Icyiciro	2006	2010	2011/ 2012	2012/ 2013	2013/ 2014	2014/ 2015
Nyakatsi		11812	0	0	0	0
Gutura ku midugudu (%)	3.8% (2482/65024)	54.5	62.4	74.5	80.02	83.4% (62463/74872)
Imidugudu y'icyitegererezo (IDP Model Village)	0	0	0	1	2	1

**Imbonerahamwe ya 28: Imiryango yavuye muri Nyakatsi**

Umurenge	Imiryango yabaga muri nyakatsi	Abahawe ubufasha bakubaka	Abiyubakiye	Abagicumbitse bakeneye ubufasha ngo bubake
Kigembe	543	244	155	144
Save	646	294	159	193
Mukindo	796	399	314	83
Mamba	727	214	329	184
Mugombwa	520	207	189	124
Muganza	1509	1061	448	0
Kansi	397	145	163	89
Kibirizi	1354	286	1000	68
Ndora	922	289	624	9
Gishubi	1206	741	384	81
Musha	980	657	264	59
Nyanza	639	290	257	92
Gikonko	932	489	329	114
<b>Igiteranyo</b>	<b>11171</b>	<b>5316</b>	<b>4615</b>	<b>1240</b>

*Inkomoko: Raporo z'ibikorwa by'Akarere ka Gisagara, 2006-2015*

Inzu za nyakatsi zari mu Karere ka Gisagara zari 11812 ariko 641 zari nyakatsi zari zituwemo n'abapagasi b'abarundi n'urubyiruko rukennye rwirwanagaho rukarundarunda akazu ko kubamo. Abarundi baratashye abandi nyuma babana n'iwabo mu nzu nshya bimukiyemo bavuye muri nyakatsi.



*Kuwa 17.01.2011, hakoze umuganda wo gutangiza igikorwa cyo guca nyakatsi mu Karere ka Gisagara*



*Umuganda wo guca nyakatsi mu Mudugudu wa Cyivugiza/Gishubi 17/01/2011*



*Umudugudu wa Cyivugiza, mu Murenge wa Gishubi 2012*

Mu kunoza imiturire kandi ku bufataye n'Ikigo cy'Igihugu cy'Imiturire, RHA, hakoze igishushanyo mbonera cy'imiturire mu Karere ka Gisagara.

### *Igishushanyo mbonera cy'imiturire*



### 3.5. IBIDUKIKIJE

Mu rwego rwo kurengera ibidukikije, mu Karere ka Gisagara hakoze ibikorwa bitandukanye nk'uko bigaragara mu mbonerahamwe ikurikira:

#### ***Imbonerahamwe ya 29: Ibikorwa byo kurengera ibidukikije mu Karere ka Gisagara***

<b>Ibikorwa</b>	<b>Ibyateganyijwe</b>	<b>Ibyagezweho</b>
Kuba indashyikirwa mu kubungabunga ibidukikije (Green District)	<ul style="list-style-type: none"> <li>- Kwita ku bikorwa byo kubungabunga ibidukikije harwanywa isuri</li> <li>- Gutera amashyamba</li> <li>- Gufata amazi ava ku mazu</li> </ul>	<ul style="list-style-type: none"> <li>- Imyumvire mu Kubungabunga Ibidukikije yazaratumutse</li> <li>- Akamaro ka « Green Family » (Umuryango utoshye) kasakajwe mu baturage.</li> <li>- Akarere ka Gisagara kegukanye ibikombe 2 ku rwego rw'Igihugu mu marushanwa yo kubungabunga ibidukikije (National Environmental awards) ryateguwe na REMA mu mwaka wa 2012-2013 n'Umwaka wa 2013-2014; Akarere kandi kahembwe Moto 2 n'Ibigega by'amazi 4</li> </ul>
AKANYARU WATERSHED	<p>Umushinga uzarangira hakoze:</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>- ha 800 z'amaterasi y'indinganire</li> <li>- ha 4000</li> </ul>	<ul style="list-style-type: none"> <li>- Abantu basaga 11000 bahawe akazi</li> <li>- Ubuso buhingwa bwariyongereye</li> <li>- Isuri yararwanyijwe mu masambu n'imisozi.</li> <li>- Amaterasi y'indinganire 508/800 ha yarakozwe</li> <li>- Imirwanyasuri 2626/4000 ha yaratunganijwe</li> <li>- Ibiti bivangwa n'imyaka byatewe kuri 1655/4800 ha</li> <li>- Ibiti by'ishyamba byatewe kuri 141/200 ha</li> <li>- Imigano, urubingo n'iminyinya byatewe kuri 37,5/53 km</li> <li>- Nyaruteja/Nyanza hubatswe ikigega gifata amazi.</li> </ul>

<p>Kubaka ibigega bya BIYOGAZI</p>	<p>Ibigega 239 bya biogas bimaze kubakwa kandi iki gikorwa kirakomeza</p>	<ul style="list-style-type: none"> <li>- Isuku mu gikoni yariyongereye</li> <li>- Inkono zishya vuba bigatanga umwanya wo gutekereza ku mishinga y'urugo</li> <li>- Inkwi zikoreshwa mu guteka zaragabanutse mu ngo zikoresha biyogazi,</li> <li>- Abana batashyaga inkwi babona umwanya wo kwiga uhagije kuko batagikenera inkwi nka mbere</li> </ul>
<p>Gukoresha Rondereza</p>	<p>Ingo zikoresha rondereza zigeze kuri 96.78%</p>	<ul style="list-style-type: none"> <li>- Inkwi zikoreshwa mu guteka zaragabanutse mu ngo zikoresha rondereza, kandi</li> <li>- Abana batashyaga inkwi babona umwanya wo kwiga uhagije kuko batagikenera inkwi nka mbere</li> </ul>
<p>Amaterasi y'indinganire n'imirwanyasuri</p>	<p>Hamaze gukorwa amaterasi y'indinganire kuri ha 1031,6; hari na ha 250 z'amaterasi agomba gukorwa muri 2015/2016. Hamaze kandi gukorwa imiringoti kuri ha 7357</p>	<ul style="list-style-type: none"> <li>- Isuri yararwanyijwe mu masambu y'abaturage no ku misozi</li> <li>- Ubuso bwakozweho amaterasi burwanyijweho isuri</li> <li>- Ubwo buso bubyazwa umusaruro kandi ukiyongera</li> <li>- Amazi y'imvura arafatwa mu materasi ndetse n'ifumbire igakwira hose, bigatuma umusaruro wiyongera</li> </ul>
<p>Kurimbisha imbuga (Greening and beautification)</p>	<p>Ibigo bigera kuri 203 byarimbishijwe (amashuri, Ibitaro, Inyubako z'inzezo z'ibanze, insengeru, ....)</p>	<ul style="list-style-type: none"> <li>- Byazamuye imyumvire yo kubungabunga ibidukikije ku bigo bya Leta n'iby'igenga</li> <li>- Ibi byatumye n'abaturage babona ubwiza bwo kurimbisha babikora mu ngo zabo</li> </ul>

Mu kurengera ibidukikije kandi, mu Karere ka Gisagara hanaterwa amashyamba buri mwaka. Haterwa amashyamba ku misozi ndetse n'ibiti bivangwa n'imyaka. Imbonerahamwe ya 19 igaragaza ubuso (ha) bwatewe ho amashyamba buri mwaka. Kugeza mu mwaka wa 2015, mu Karere ka Gisagara hari ha 3378 ziriho amashyamba ya Leta, ay'Akarere n'ay'abaturage.

***Imbonerahamwe ya 30: ubuso (ha) bwatweho amashyamba mu Karere ka Gisagara***

Umwaka	Kugeza 2008	2009/ 2010	2010/ 2011	2011/ 2012	2012/ 2013	2013/ 2014	2014/ 2015
Ha zateweho ibiti	ha 2340.8	ha 119.9	ha 114	ha 165.3	ha 310	ha 151	ha 177
Igiteranyo	ha 2340.8	ha 2460.7	ha 2574.7	ha 2740	ha 3050	ha 3201	ha 3378



***Amaterasi y'indinganire, gutera amashyamba***



***Biyogazi mu Murenge wa Gikonko***



*Ibikorwa byo kubungabunga icyogogo cy'uruzi rw'Akanyaru biterwa inkunga na FONERWA*



*Igikombe cyo kubungabunga ibidukikije*

### **3.6. ISHORAMARI, KOPERATIVE, IBIGO BY'IMARI N'AMASOKO**

Mu rwego rwo gushyigikira ishoramari no kwiteza imbere, ibigo by'imari byarongerewe mu Karere ka Gisagara n'abakorana nabyo bariyongera. Abaturage bitabiriye gukorera muri koperative kugeza naho koperative yishingira ikigo cy'imari.

#### ***Imbonerahamwe ya 31: Ishoramari n'ibigo by'imari mu Karere ka Gisagara***

Urwego	Umwaka	
	2006	2015
Banki y'Abaturage	Banki y'Abaturage sub-branch ya Gikonko, Kigembe, Kibilizi, Migina, Mugombwa, Gisagara	Banki y'Abaturage b'u Rwanda: Sub-branches 3: Gikonko (Guichet 3:Gikonko, Mamba na Musha), Gisagara (Guichet 2: Gisagara na Save) na Rango (Guichet 3: Kibilizi, Kigembe Migina na Mugombwa)
Umwalimu SACCO	Ntayo	Umwalimu SACCO i Kibilizi
Udushami twa banki	Ntatwo	Udushami twa banki zigenga, KCB, BK, Urwego Opportunity Bank, DUTERIMBERE IMF na EQUITY Bank

Ibigo by'imari biciriritse	COOPEC 2 (COOPEC Iwacu na COOPEC Inkingi) zafunze imiryango na CAPEC Rango yari ifite udushami I Nyanza, Kibirizi, Kigembe, Kansi na Gishubi, yaje guhuzwa n' Imirenge SACCO muri Nzeri 2009	Ibigo by'imari 14 biciriritse: Imirenge SACCO 13 na COOPEC IMPAMBA y'Abahinzi b'umuceri Gikonko.
Koperative	Koperative 9 z'ubuhinzi	Koperative 183: 110 y'ubuhinzi n'ubworozi, 23 y'ubucuruzi, 9 y'ubukorikori, 6 zitanga serivisi, 5 zo gutwara abantu n'ibintu, 2 z'ubwubatsi na koperative 13 z'ubuzima.
Koperative zishyize hamwe	Ntazo	Koperative 3 zishyize hamwe: <b>UCORIBU</b> y'abahinzi b'umuceri, <b>UCOOCUMAGI</b> y'abahinzi b'imyumbati na <b>UCOCAGI</b> y'abahinzi ba kawa.

Kugeza mu mpera z'umwaka w'ingengo y'imari wa 2014/15, Abakorana n'ibigo by'imari: 50.6% (98,639/194924); harimo abanyamuryango b'Imirenge SACCO 80049, Abanyamuryango ba Banki y'Abaturage 9068 n'banyamuryango ba COOPEC Impamba 9522.

Raporo y'Imirenge SACCO 2014/15 igaragaza ubwitabire mu kwaka no kubona inguzanyo mu Mirenge SACCO; aho Abagabo ari 1202, Abagore 451, n'Amatsinda 55. Amatsinda menshi agizwe n'abagore kandi n'abagabo benshi bafata inguzanyo mu izina ry'umuryango, niyo mpamvu umubare w'abagore batse inyuzanyo ku giti cyabo ari

bake ugereranyije n’abagabo. Inguzanyo zose zatanzwe mu mwaka wa 2014/15 ni 544,890,076 Frw, abanyamuryango b’Imirenge SACCO zose babikije (deposit) 1,203,590,240 Frw naho umutungo w’Imirenge SACCO zose ubarirwa muri Frw 2,134,234,085.



**UMURENGE SACCO  
ITEGANIRIZE-MUSHA**



**UMURENGE SACCO  
NYANZA DUKIRE**



**UMURENGE SACCO  
ISHYAKA-KANSI**



**UMURENGE SACCO  
TEKISA-KIBILIZI**



**UMURENGE SACCO  
INDASHYIKIRWA-MUGANZA**



**UMURENGE SACCO  
INDATWA-KIGEMBE**

Mu mwaka wa 2014 kandi, mu Karere ka Gisagara huzuye “Guest House” icyiciro cya mbere inatangira gukorerwamo, mu mwaka wa 2015 hatangira kubakwa “Guest House” icyiciro ya kabiri igizwe n’inyubako y’amagorofa atatu n’urwogero “piscine” hagamijwe gutanga serivisi nziza muby’amahoteri.

Mu rwego rwo guteza imbere amakoperative y’ubukorikori no guhanga imirimo idashingiye ku buhinzi, mu mwaka wa 2013 hubatswe Agakiriro mu Murenge wa Save mu Kagali ka Rwanza. Agakiriro ka Rwanza gakorerwamo na Koperative ebyiri, iyo kubaza (COMESA: Cooperative des Menuisiers de Save) n’iyo gusudira (SAWECO: Save Welding Cooperative), aho abantu 102 bakorera muri ako gakiriro, 45 mu bubaji na 57 mu gusudira.



*Gisagara Guest house icyiciro cya I*



*Agakiriro ka Rwanza/Save*

Mu rwego rw’ubukungu kandi, nyuma yo kwita ku buhinzi n’ubworozi no kongera umusaruro ubikomokaho, mu Karere ka Gisagara hubatswe amasoko hanagurwa ayari asanzwe mu rwego rwo kongerera agaciro uwo musaruro.

***Imbonerahamwe ya 32: Amasoko ya kijyambere yubatswe/yaguwe***

No	Amasoko	Umwaka
1	Isoko rya Musha (kwagura)	2005/2006
2	Isoko rya Nyaruteja	2006/2007
3	Isoko rya Migina	2006/2007
4	Isoko rya Rwanza (kwagura)	2008/2009
5	Isoko rya Ndora	2009/2010



*Isoko rya kijyambere rya Ndora*



*Isoko rya kijyambere rya Nyaruteja/Nyanza*



*Isoko rya kijyambere rya Rwanza/Save*

### 3.7. INGENGO Y'IMARI YAKARERE

Muri gahunda yo kwegera ubuyobozi abaturage “Decentralization”, n’ubushobozi ntibwasigaye. Ingengo y’imari y’Akarere ka Gisagara yagiye yiyongera nk’uko bigaragara mu mbonerahamwe ikurikira.

#### *Imbonerahamwe ya 33: Ingengo y’Imari y’Akarere ka Gisagara*

Ingengo y’Imari	2006	2007	2008	2009 (MINI)	2009/10	2010/11	2011/12	2012/13	2013/14	2014/15	2015/16
Amafuranga yinjizwa n’Akarere	113,324,515	172,202,168	233,209,266	171,424,433	309,316,869	401,837,746	351,847,431	443,930,131	242,918,415	271,021,603	341,406,031
Aturuka MINECOFIN	358,890,845	1,781,144,461	1,439,130,342	2,526,275,277	2,044,175,148	3,383,119,732	5,572,923,899	6,723,683,454	7,672,925,440	8,316,106,908	8,977,914,987
Aturuka mu Minisiteri zibandukanye n’ibindi bigo	438,368,168	1,441,018,490	566,527,188	465,802,979	1,862,911,283	2,284,001,903	1,117,107,610	1,345,471,899	1,445,642,138	2,275,210,761	2,348,431,584
Inkunga	201,205,471	274,000	8,751,667	11,081,847	259,571,591	37,846,829	63,964,716	9,610,469	919,000	1,926,000	0
Ayatutse mu Turere twahujwe	54,736,659	0	0	0	0	0	0	0	0	0	0
<b>Yose hamwe</b>	<b>1,166,525,658</b>	<b>3,394,639,119</b>	<b>3,354,763,398</b>	<b>2,087,439,901</b>	<b>5,290,276,267</b>	<b>5,667,121,635</b>	<b>6,680,827,157</b>	<b>8,522,695,973</b>	<b>9,362,386,993</b>	<b>10,864,265,272</b>	<b>11,667,752,602</b>

*Inkomoko: Raporo z’ibikorwa by’Akarere ka Gisagara, 2006-2015*

Nk'uko bigaragara mu mbonerahamwe iri hejuru, ingengo y'imari y'Akarere yavuye ku mafaranga **1,166,525,658** mu mwaka wa 2006 igera ku mafaranga **11,667,752,602** mu mwaka wa 2015/2016. Amafaranga yinjizwa n'Akarere yavuye kuri **Frw 113,324,515** mu mwaka w'2006 agera kuri **frw 341, 406,031 mu mwaka 2015/2016**. Ibi byatewe n'ibikorwa remezo byagiye byiyongera bityo n'umubare w'abakora ibikorwa by'ubucuruzi bibyara inyungu uriyongera (Imihanda, amasoko yubakiye, amashanyarazi, inganda zitunganya umusaruro,...).

#### **4. IBYAGEZWEHO MU MIBEREHO MYIZA**

Mu Karere ka Gisagara hakoze ibikorwa byinshi byo kuzamura imibereho y'abaturage, bijyanye no kwita ku buzima, uburezi, gufasha abatishoboye, n'ibindi.

Mu rwego rw'ubuzima hibanzwe ku bikorwa byo kubaka no kwagura amavuriro n'ibitaro, gutanga serivisi nziza no gufasha abaturage kubona serivisi z'ubuzima. Mu burezi hitaweho kubaka amashuri mashya no gusana ibyumba by'amashuri bishaje, kugarura abana mu ishuri no gufasha abana bo mu miryango itishoboye kwiga kubufatanye n'abafatanyabikorwa, ikigega cya Leta mu rwego rw'uburezi kuri bose na FARG.

Mu rwego rwo gufasha abatishoboye, hibanzwe ku bikorwa byo kububakira amacumbi, kuvana abaturage muri nyakatsi, muri "ntuye nabi" n'ahantu h'amanegeka bagatura mu midugudu, kubafasha kubona amatungo magufi n'amaremare, kubona ubwisungane bwo kwivuzza, kubona inkunga y'ingoboka mu rwego rwo kubafasha kwifasha, gutanga indyo yuzuye ku bana bagaragara imirire mibi n'ibindi.

#### **4.1. UBUZIMA**

##### **4.1.1. Kongera inyubako zitangirwamo serivisi z'ubuzima**

Mu mwaka wa 2006, Akarere ka Gisagara kari gafite ibitaro 2 bya Gakoma na Kibilizi, ariko ibya Kibilizi byari bicyubakwa kuko byatangiyeye kubakwa mu mwaka wa 2005 byuzuzwa kandi bitahwa mu mwaka wa 2006. Ibitaro bya Gakoma byo byubatswe mu mwaka wa 1981 bikaba byarongerewemo serivisi byaburaga n'izitari zihagije: Kuboneza urubyaro n'inzu yo gusuzumiramo indwara (Laboratoire).

Mu mwaka wa 2006 mu mirenge 13 igize Akarere ka Gisagara, Imirenge 11 niyo yari ifite Ibigo Nderabuzima ariko byinshi bishaje, hari na serivisi zitabonekamo kandi zikenerwa n'abaturage. Imirenge ibiri Kigembe na Gishubi ntiyagiraga Ibigo Nderabuzima, mu gihe Umurenge wa Kansi wo wari ufite Ibigo Nderabuzima 2 (Ikigo Nderabuzima cya Gikore n'Ikigo Nderabuzima cya Kansi). Mu mwaka wa 2010-2011 hubatswe Ikigo Nderabuzima cya Gishubi, mu mwaka wa 2013-2014 hubakwa Ikigo Nderabuzima cy'Agahabwa mu Murenge wa Kigembe n' Ikigo Nderabuzima cya Ruturo mu Murenge wa Kibilizi mu mwaka wa 2013, iki kikaba cyarubatswe n'abaturage ubwabo, ubu kikaba gitanga serivisi z'ubuzima z'ibanze.

Ibigo Nderabuzima 11 byari bisanzwe ntibyari bimeze neza kuko hari serivisi nyinshi zitabonekagamo ndetse bifite n'inyubako zishaje. Ibyo bigo byose byaraguwe ibindi birasanwa.

Mu mwaka wa 2015, Akarere ka Gisagara gafite Ibigo Nderabuzima 15 n'ibitaro bibiri, nk'uko bigaragara mu mbonerahamwe ikurikira:

***Imbonerahamwe ya 34: Ibigo Nderabuzima n'Ibitaro by'Akarere ka Gisagara 2015***

No	Ikigo Nderabuzima / Ibitaro	Umurenge gihereyemo	Abagikurikirana
1	Gakoma	Mamba	Kiriziya Gaturika
2	Gikore	Kansi	Kiriziya Gaturika
3	Kansi	Kansi	Kiriziya Gaturika
4	Gisagara	Ndora	Kiriziya Gaturika
5	Gikonko	Gikonko	Kiriziya Gaturika
6	Kibayi	Mukindo	Leta
7	Kibilizi	Kibilizi	Leta
8	Kigembe	Nyanza	Leta
9	Kirarambogo	Muganza	Kiriziya Gaturika
10	Mugombwa	Mugombwa	Kiriziya Gaturika
11	Musha	Musha	Leta

12	Save	Save	Kiriziya Gaturika
13	Gishubi	Gishubi	Leta
14	Agahabwa	Kigembe	Leta
15	Ruturo	KibiLizi	Abaturage
16	Ibitaro bya KibiLizi	KibiLizi	Leta
17	Ibitaro bya Gakoma	Mamba	Kiriziya Gaturika



*Ikigo Nderabuzima cya Gishubi 2011*



*Ikigo Nderabuzima cy'Agahabwa 2013*



*Ibitaro bya kibilizi 2006*



*Inzu y'ababyeyi (Maternité) muri C.S.Musha 2013*



*Ikigo Nderabuzima cya Kigembe/Nyanza cyaraguwe*



*Imirimo yo gusana Ikigo Nderabuzima cya Musha irakomeje 2015-2016*

Mu mwaka wa 2013 Ibitaro bya Kibilizi byaraguwe kugira ngo byongerwemo serivisi zaburagamo kandi zikenerwa n’abaturage dore ko bihuza Ibigi Nderabuzima 9 by’igice cy’Akarere cy’amajyepfo. Hongeweho inzu yakirirwamo indembe, inzu y’abarwayi bafite indwara zihariye, inzu basuzumiramo indwara (Laboratoire), inzu yo kubyariramo (Maternité) n’aho batwikira imyanda.



*Inzu y’Indembe*



*Inzu y’Uburwayi bwihariye  
(isoloire)*



*Inzu ya “Laboratoire”*

Mu bitaro byombi bya Kibilizi na Gakoma hashyizwemo serivisi ya GBV (Gender Based Violence). Mu rwego rwo kwegereza abaturage serivisi yo kuboneza urubyaro, hubatswe ibyumba bikorerwamo imirimo yo kuringaniza urubyaro (P F) hafi y’amavuriro y’abihayimana.

Mu rwego rwo gukemura ikibazo cy’abaturage bakoraga ingendo ndende bajya ku ivuriro, hubatswe inzu zitangirwamo serivisi z’ubuzima z’ibanze (Postes de santé) hirya no hino mu mirengi nk’uko bigaragara mu mbonerahamwe ikurikira.

***Imbonerahamwe ya 35: Inzu zitangirwamo serivisi z’ubuzima z’ibanze (Postes de santé)***

No	Postes de santé	Umurenge	Akagari	Umwaka y’ubatswemo
1	Byiza	Muganza	Remera	2013
2	Nyamugari	Nyanza	Nyamugari	2014
3	Kitenko	Kibirizi	Duwani	2014
6	Nyakibungo	Gishubi	Nyakibungo	2014
4	Mukomacara	Mugombwa	Mukomacara	2015
5	Muyaga	Mamba	Muyaga	2015



*Iki ni igishanga cy'uruzi rw'Akanyaru abaturage b'Akagari ka Nyabibungo bambukaga bajyanye umurwayi kwa muganga mu bwato mu Murenge wa Gishubi*



*« Poste de santé » ya Nyakibungo yubatswe 2014 mu rwego rwo gukemura icyo kibazo*



*Poste de Santé Nyamugali mu Murenge wa Nyanza, 2014*



*Poste de Santé Mukomacara/Mugombwa 2015*



*Poste de Santé Muyaga/Mamba 2015*

Ku bufatanye n'umushinga «Global Fund» hubatswe inzu 14 zitangirwamo serivisi yo gupima ubwandu bw'agakoko gatera SIDA (VCT) n'inzu 15 zo kubyariramo (Maternité) mu Bigo Nderabuzima n'Ibitaro.

Mu rwego rwo kwegereza Ibitaro n'Ibigo Nderabuzima imiti, hubatswe farumasi y'Akarere akaba ari ho bavana imiti ikenerwa mu gihe mbere bajyaga kuyishakira i Kigali.



*Farumasi y'Akarere*

Mu rwego rwo kwegera abaturage cyane, ku bufatanye na Minisiteri y'Ubuzima hashyizweho **urwego rw'abajyanama b'ubuzima** muri buri mudugudu kugira ngo bafashe mu bukangurambaga bwo mu gupima abana, gukurikirana abagore batwite guhangana n'uburwayi bwa marariya no kwita buvuzi bw'ibanze mbere y'uko umurwayi agera kwa muganga.

Mu cyerekezo cyo gushyigikira urwo rwego, abajyanama b'ubuzima bagenerwa agahimbazamusyi, nabo bakaba barakabyaje umusaruro muri gahunda yo kwigira binyuze mu makoperative yabo bashyiraho ibikorwa bibyara inyungu.

***Imbonerahamwe ya 36: Ibikorwa by'abajyanama by'ubuzima***

No	Umurenge	Ibikorwa bashyizeho
1	Nyanza	Inzu y'ubucuruzi, ubworozi bw'Inzuki
2	Kigembe	Inzu y'ubucuruzi
3	Kansi	Inzu y'ubucuruzi, ubworozi bw'Ingurube, inkoko n'ubuhinzi bw'imboga
4	Kibilizi	Inzu z'ubucuruzi n'ubworozi bw'inka
5	Mugombwa	Ishyamba, ubuhinzi bw'urutoki n'inzu z'ubucuruzi
6	Mukindo	Inzu y'ubucuruzi, ubworozi bw'Inzuki
7	Muganza	Ubuhinzi bw'urutoki
8	Gishubi	Inzu y'ubucuruzi, ubworozi bw'Ingurube n'ubuhinzi bw'urutoki
9	Ndora	Ubuhinzi bw'urutoki
10	Save	Inzu y'ubucuruzi n'ubworozi bw'ingurube
11	Musha	Ubworozi bw'ingurube, Inzu z'ubucuruzi.
12	Gikonko	Ubworozi bw'ingurube, Inzu z'ubucuruzi
13	Mamba	Inzu z'amacumbi



*Inzu y'ubucuruzi y'abajyanama  
b'ubuzima muri Nyanza*



*Inzu y'amacumbi y'abajyanama  
b'ubuzima muri Mamba*

Mu rwego rwo kongera abaganga bafite ubushobozi, umubare w'abaganga warongerewe. Mu mwaka wa 2006, ku bitaro byombi bya Kibilizi na Gakoma hari abaganga 3 (Doctors), mu 2015 hari Abaganga 13: Kibilizi (7), Gakoma (5) n'Ikigo Nderabuzima cya Gikonko (1).

#### 4.1.2. Ubwisungane mu kwivuza

Mu rwego rwo kugira ngo abaturage bashobore kubona serivisi z'ubuzima, hashyizweho gahunda y'ubwisungane mu kwivuza (mutuelle de santé). Ubukangurambaga mu bwisungane mu kwivuza bwashyizwemo ingufu mu nzego zinyuranye mu rwego rwo kuzamura imyumvire y'abaturage kugira ngo abaturage bose bagire ubwisungane mu kwivuza. Ingamba nyinshi zarafashwe, zishyirwa mu bikorwa harimo kwibumbira mu bimina, amashyirahamwe , ubukangurambaga urugo ku rugo, ibiganiri kuri radiyo, ...

Ibyo byatumye umubare w'ubwitabire mu bwisungane mu kwivuza uzamuka nk'uko bigaragara mu mbonerahamwe ikurikira :

Umwaka	2006	2007	2008	2009	2010	2011/ 2012	2012/ 2013	2013/ 2014	2014/ 2015	Dec 2015
Ubwitabire	54%	64%	83%	85%	85%	74%	80.03%	77 %	83%	83%

#### 4.1.3. Imirire mibi

Mu Karere ka Gisagara hajyaga hagaragara abana barwaye bwaki ituruka ku mirire mibi, bituma hashyirwaho ingamba zinyuranye zo kuzahura imibereho myiza y'abaturage muri rusange n'abana by'umwihariko.

Mu rwego rwo kurwanya imiririre mibi, hashyizweho gahunda y'Akarere yo kurwanya imiririre mibi "DPEM" (District Plan to Eliminate Malnutrition), igikoni cy'umudugudu, umugoroba w'ababyeyi ukorerwamo ubukangurambaga, uturima tw'igikoni, gahunda y'urugo rutoshye "Green Houses", inkongoro y'umwana, guha abana amata mu bigo by'amashuri abanza no mu bigo nderabuzima, ...Ibi byatumye urwego rw'imibereho myiza, cyane cyane mu bana, ruhinduka cyane.



*Inkongoro y'umwana itangizwa mu Karere ka Gisagara*



*Akarima k'igikoni*



### **Imbonerahamwe ya 37: Abaturage bakanguriwe kwitabira serivisi z'ubuzima**

<b>Serivisi</b>	<b>2006</b>	<b>2015</b>
Kuringaniza urubyaro (PF)	2.4%	52%
Kubyarira kwa muganga	48%	95%
Ubwisungane mu Kwivuza (mituelle)	54%	83%
Gukingira abana	76%	96%
Kurwanya imiririre mibi	19%	0.5%

## **4.2. UBUREZI**

### **4.2.1. Intangiriro**

Mu mwaka 2006 mu Karere ka Gisagara hari abana benshi batigaga (batigeze bajya mu ishuri cyangwa baritaye). Mu mashuri abanza, icyo kibazo ahanini cyaterwaga n'imyumvire mibi mu babyeyi, mu gihe mu mashuri yisumbuye kuri icyo myumvire hiyongeragaho ikibazo cy'ubukene kubera ko byasabaga ubushobozi bw'inshi bwo kwiga kuko byasabaga ko biga bacumbikirwa. Nta mashuri y'incuke yariho kandi na gahunda yo kwigisha abakuze kwandika, gusoma no kubara ntiyabagaho.



#### 4.2.2. Gahunda yo kongera ibyumba by'amashuri

Kuva mu mwaka w'amashuri wa 2006-2007, hatangiye gahunda yo kongera ibyumba by'amashuri.

Kuva mu mwaka wa 2009 hatangijwe gahunda idasanzwe yo kongera umubare w'ibyumba by'amashuri mu rwego rwo gushyira mu bikorwa ihame ry'uburezi kuri bose, abana batangira kwiga imyaka icyenda y'ibanze (9YBE) hakomerezaho uburezi bw'ibanze bw'imyaka 12 (12YBE). Bivugako kuva mu mwaka wa mbere w'amashuri abanza kugeza mu mwaka wa gatandatu w'amashuri yisumbuye abana biga bataha, bikaba byarakemuye ikibazo cy'abana batigaga bitewe n'ubushobozi buke.

Kugeza mu mwaka wa 2016, mu Karere ka Gisagara hubatswe ibyumba by'amashuri 523 n'ubwiherero 861 nk'uko bigaragara mu mbonerahamwe ikurikira:

#### ***Imbonerahamwe ya 39: Ibyumba by'amashuri byubatswe mu buryo busanzwe 2006-2008***

Umwaka \ Inyubako	2006 - 2007	2007 - 2008	2008 - 2009	Yose hamwe
Ibyumba	10	11	25	46
Ubwiherezo	0	0	0	0

#### ***Imbonerahamwe ya 40: Ibyumba by'amashuri byubatswe muri gahunda y'uburezi bw'ibanze bw'imyaka 12***

Umwaka \ inyubako	2009/2010	2010/2011	2011/2012	2012/2013	2013/2014	2014-2015	2015-2016	Byose hamwe
Ibyumba	133	86	83	42	68	36	29	477
ubwiherero	306	78	227	48	94	72	36	861

*Inkomoko: Raporo z'ibikorwa by'Akarere ka Gisagara, 2006-2015*

**Amafoto amwe y'ibyumba by'amashuri byubatswe muri gahunda y'uburezi bw'ibanze (9 & 12YBE)**



*Ibyumba by'amashuri bigiragamo muri G.S. Gikonko*




*Amashuri mashya G.S. Gikonko*



*Ibyumba by'amashuri bigiragamo/ Nyanza*



*Amashuri mashya*



*Mu mirenge yose amashuri yarongerewe*



### 4.2.3. Imitsindire y'abanyeshuri

Izi ngamba zo kuzamura uburezi mu Karere zatumye haba impinduka ikomeye ku myigire n'imitsindire y'abanyeshuri. Kuva mu mwaka wa 2006 kugeza 2015 habaye impinduka mu myigire n'imyigishirize bituma imitsindire y'abanyeshuri igenda yiyongera buri mwaka nk'uko bigaragara mu mbonerahamwe igaragara hasi.

Mu cyiciro cya kabiri cy'amashuri yisumbuye, Akarere ka Gisagara kagize umwanya wa mbere ku rwego rw'Igihugu mu mitsindire y'abanyeshuri imyaka itatu ikurikirana ariyo 2011, 2012 na 2013;


Mu mwaka wa 2012, mu cyiciro cya mbere cy'amashuri yisumbuye (Tronc commun) umwana wa mbere ku rwego rw'Igihugu yari uwo mu Karere ka Gisagara, mu ishuri rya ryisumbuye ry'Umurenge wa Kanshi.

#### **Imbonerahamwe ya 41: Ubwitabire n'imitsindire y'abanyeshuri mu bizamini bya Leta**

Icyiciro Umwaka	Amashuri abanza			Amashuri yisumbuye T C (S 3)			Amashuri yisumbuye S 6		
	abakoze	abatsinze	ijanisha	abakoze	abatsinze	ijanisha	abakoze	abatsinze	ijanisha
2006	2833	416	14.6	1298	786	60.5	520	510	98
2007	2661	632	23.7	1307	502	38.4	550	494	90
2008	2520	192	75.5	1338	657	49.1	576	569	98.8
2009	3743	2406	63.6	1290	1143	88.6	600	593	98
2010	3705	3218	87	1527	1443	94.6	614	601	97.8
2011	3404	3034	89.1	1918	1746	91	618	591	95.63
2012	3435	3166	92.2	2130	1970	92.48	760	754	99.29
2013	3263	3075	94.24	2221	1945	87.57	415	412	99.9
2014	3073	2950	95.99	2008	1831	91.18	938	938	100

*Inkomoko: Raporo z'ibikorwa by'Akarere ka Gisagara, 2006-2015*

**Ishusho ya 9: Ubwitabire n'imitsindire y'abanyeshuri mu bizamini bya Leta**



**4.2.4. Amacumbi ya mwarimu**

Kubera ikibazo cy'abarimu bigisha mu mashuri ya 9YBE na 12YBE bakorera akazi kure y'iwabo bamwe bakabura amacumbi, hatekerejwe kubashakira amacumbi hafi y'akazi cyane cyane abakiri ingaragu mu rwego rwo guteza imbere uburezi. Ubu muri buri Murenge hubatswe icumbi rimwe ry'abarimu.



*Icumbi ry'abarimu mu Murenge Nyanza*



*Icumbi ry'abarimu mu Murenge wa Mukindo*



*Icumbi ry'abarimu mu Murenge Kansi*



*Icumbi ry'abarimu mu Murenge wa Musha*

### 4.3. KWITA KU BATISHOBOYE

Abatishoboye mu Karere bari mu byiciro binyuranye kandi baba bakeneye ubufasha bunyuranye, bamwe bakenera inkunga yo kubazahura bagashobora gutera intambwe mu rwego rwo kwigira, abandi bakeneye inkunga y'igihe kirekire kuko batagifite imbaraga zo gukora cyangwa bafite uburwayi n'ubumuga buhoraho, abandi bagakenera inkunga yihuse kuko baba batunguwe n'ikibazo cyangwa ikiza cy'akanya gato ariko ubundi basanzwe bashoboye kwirwanaho mu mibereho isanzwe.

Bimwe mu byiciro by'abaturage bahawe inkunga harimo :

- a) Abatishoboye muri rusange
- b) Abafashijwe kubona amacumbi
- c) Abasigajwe inyuma n'amateka
- d) Abatishoboye bafite ubumuga
- E) Abacitse ku icumu rya jenocide yakorewe Abatutsi
- F) Abirukanywe mu gihugu cya Tanzaniya
- G) Abana biga baturuka mu miryango itishoboye
- H) Abandi: abatishoboye bafashwa kubera impamvu zihariye

Zimwe mu nkunga zagenewe abatishoboye :

- Inkunga yo gufasha abatishoboye kubona amacumbi ku batayafite, abari batuye muri nyakatsi na "ntuye nabi"
- Inkunga y'amatungo maremare n'amagufi
- Ubufasha buhabwa abana biga (amafaranga n' ibikoresho by'ishuri)
- Inkunga y'ingoboka (amafaranga, ibyo kurya, ibikoresho binyuranye ,...)

#### 4.3.1 Kubonera amacumbi abatishoboye 2006-2010

Kuva mu mwaka wa 2006 kugera mu mwaka wa 2015, mu Karere ka Gisagara hubakiwe abatishoboye 8,688 hashingiwe ku batoranyijwe bakennye kurusha abandi mu byiciro byavuzwe haruguru. Kubonera amacumbi abatishoboye byanakemuye ikibazo cy'imiturire kuko abaturage benshi batishoboye bavuye mu miturire mibi (abari batuye mu manegeka na nyakatsi) batuzwa mu midugudu.

**Imbonerahamwe ya 42: Abatishoboye bubakiwe**

Ibyiciro	Igihe		Igiteranyo
	2006-2010	2011-15	
Abacitse ku icumu	2264	218	2482
Abahejwe inyuma n'amateka	102	187	289
Abavuye Tanzaniya	25	32	57
Abafite ubumuga	42	242	284
Abandi batishoboye	219	41	260
Abavuye muri nyakatsi	0	5316	5316
<b>Igiteranyo</b>	<b>2652</b>	<b>6036</b>	<b>8688</b>



Umuganda wo guca nyakatsi mu mudugudu wa Cyivugiza



Umudugudu w'abacitse ku icumu rya Jenoside/Bweya

Abatishoboye bavuye muri nyakatsi babonye ubufasha bangana na 5,316 kuri 11,171 bari muri nyakatsi. Hasigaye abangana na 1,240 bagicumbikiwe nk'uko imbonerahamwe ikurikira ibigaragaza:

**Imbonerahamwe ya 43: Abatishoboye bafashijwe kuva muri nyakatsi**

UMURENGE	Imiryango yari ifite nyakatsi	Abahawe ubufasha bakubaka	Abiyubakiye	Abagicumbitse bakeneye ubufasha bw'isakaro
Kigembe	543	244	155	144
SAVE	646	294	159	193
MUKINDO	796	399	314	83
Mamba	727	214	329	184
Mugombwa	520	207	189	124
Muganza	1509	1061	448	0
KANSI	397	145	163	89
Kibilizi	1354	286	1000	68

Ndora	922	289	624	9
Gishubi	1206	741	384	81
Musha	980	657	264	59
Nyanza	639	290	257	92
Gikonko	932	489	329	114
<b>Igiteranyo</b>	<b>11171</b>	<b>5316</b>	<b>4615</b>	<b>1240</b>

*Inkomoko: Raporo z'ibikorwa by'Akarere ka Gisagara, 2006-2015*



*Umudugudu wa Mbeho/Kansi*



*Umudugudu w'Akabakene/Nyanza*

Abaturage bafashijwe kurwanya nyakatsi yo ku buriri, binyuze mu bimina bakigurira matora (Matelas), bakazihana hagati yabo muri gahunda ya “**dusasirane**” cyangwa bakazihabwa n’abaterankunga.



#### **4.3.2. Gufasha abana baturuka mu miryango itishoboye kwiga**

Abana bakomaka mu miryango itishoboye batoranyijwe n’inteko rusange z’abaturage bafashwa n’Akarere ku bufatanye bwako n’Abafatanyabikorwa : MAP, FARG, GLOBAL FUND, Ikigega cy’Uburezi na Compassion Internationale.

### **Imbonerahamwe ya 44: Umubare w'abana bafashijwe kubona bikoresho n'amafaranga y'ishuri**

Icyiciro	2006	2007	2008	2009	2010	2011	2012	2013	2014	2015	Total
MAP	1207	1207	0	0	0	0	0	0	0	0	1207
FARG	591	542	635	507	507	459	427	408	297	141	4514
Global Fund	0	0	350	350	1202	1202	702	853	761	524	5944
Compassion	280	280	205	725	725	775	793	854	831	882	6350
Ikigega cy'uburezi	775	775	775	0	0	0	0	0	0	0	775
Igiteranyo	2853	2804	1965	1582	2434	2436	1922	2115	1889	1547	21547

*Inkomoko: Raporo z'ibikorwa by'Akarere ka Gisagara, 2006-2015*

#### **4.3.3. Inkunga y'ingoboka**

Abatishoboye bahawe inkunga y'ingoboka mu byiciro binyuranye:

- Inkunga igenewe abatishoboye bacitse ku icumu rya Jenoside,
- Inkunga ihabwa incike n'abasaza binyuze muri VUP/DS (Direct Support),
- Inkunga ihabwa abaturage bakennye cyane bafite ibibazo byihariye,
- Inkunga ya VUP inyuze mu nguzanyo (Financial Services) ihabwa umuturage ugifite imbaraga, ukennye, washoboye kugaragaza umushinga wo kwiteza imbere.

### **Imbonerahamwe ya 45: Abahawe inkunga y'ingoboka na FARG na VUP**

Umwaka / Icyiciro	2006	2007	2008	2009	2010	2011-2012	2012-2013	2013-2014	2014-2015	2015-2016
Ingoboka / FARG	4273	4020	3210	2117	1512	1512	1747	1747	1747	1533
Ingoboka / VUP	-	-	205	398	641	872	3498	2987	3015	3018

*Inkomoko: Raporo z'ibikorwa by'Akarere ka Gisagara, 2006-2015*

#### **Gahunda yo kwiyubaka no kwigira hifashishijwe inkunga y'ingoboka**

kuva muri 2012 kugeza 2014 abagenerwabikorwa b'inkunga ya VUP/DS (Direct Support) bakanguriwe kwibumbira hamwe (amatsinda) bategura imishinga y'iterambere rirambye, ibyara inyungu izajya

ibafasha kwifasha mu rwego rwo kwigira. Iyo mishinga bayise “Akabando k’abasaza”. Ni muri urwo rwego hubatswe amazu 7 mu mirenge : Save, Kansi, Kigembe, Nyanza, Muganza, Mugombwa na Mukindo.), umushinga wo korora ingurube (Gishubi), umushinga wo guhinga Imyumbati (Ndora). Mu mirenge ya Gikonko, Musha, Mamba na Kibirizi iyi gahunda y’ingoboka VUP yari itaragezwayo. Iyi mishanga ikaba yaratumye amafaranga angana **246,085,000 frw.**

***Imbonerahamwe ya 46: Imishinga y’abatishoboye yavuye ku nkunga ya VUP***

N°	Umushinga	Umurengere	Agaciro k’umushinga	Amafaraanga amaze kwinjira (Inyungu)
1	Inzu y’ubucuruzi na salle mberabyombi	Kansi	23,000,000	2,875,000
2	Inzu y’ubucuruzi irimo ibyumba bikodeshwa	Kigembe	23,500,000	550,000
3	Inzu y’ubucuruzi irimo ibyumba bikodeshwa	Muganza	26,500,000	370,000
4	Inzu y’ubucuruzi irimo ibyumba bikodeshwa	Mugombwa	53,030,500	160,000
5	Inzu y’ubucuruzi irimo ibyumba bikodeshwa	Nyanza	45,506,500	751,000
6	Inzu y’ubucuruzi irimo ibyumba bikodeshwa	Mukindo	35,000,000	675,000
7	Inzu y’ubucuruzi irimo n’ibyumba by’amacumbi	Save	24,000,000	616,200
8	Korora Ingurube	Gishubi	9,548,000	Batangiyeye koro- zanya ingurube (HHs 44)
9	Guhinga imyumbati	Ndora	6,000,000	Biyemeje umushinga w’ubuhinzi bahindura ibihingwa baku- rikikije igihe
	<b>IGITERANYO</b>	<b>9</b>		<b>5,997,200</b>

*Inkomoko: Raporo z’ibikorwa by’Akarere ka Gisagara, 2006-2015*



*Inzu y'ubucuruzi y'abahabwa inkunga y'ingoboka mu Murenge wa Mugombwa*



*Inzu y'ubucuruzi y'abahabwa inkunga y'ingoboka mu Murenge wa Kansi*



*Inzu y'amacumbi y'abahabwa inkunga y'ingoboka mu Murenge wa Save*



*Inzu y'ubucuruzi y'abahabwa inkunga y'ingoboka mu Murenge wa Nyanza*



#### **4.3.4. Gufasha abatishoboye binyuze muri gahunda y' ubudehe**

Ubudehe ni gahunda ya Leta ikangurira abaturage batuye Umudugudu guhura bagakora urutonde rw'ibibazo bafite bahuriyeho maze bakabishakira ibisubizo, haboneka inkunga ikaza ibunganira.

Uburyo ubudehe bwashyizwe mu bikorwa:

Abaturage mu midugudu yabo bakoze imishinga yo kubateza imbere iterwa inkunga nk’uko bigaragara mu buryo bukurikira:

- a) Imishinga y’abaturage muri buri mudugudu
- b) Imishinga y’abaturage bakennye batoranyijwe

**Imbonerahamwe ya 47: Imishinga y’ubudehe yatewe inkunga**

Imyaka Imishinga	2007/2008	2012/2013	2014/2015	Amafaranga yatanzwe ku mishanga
Imishinga a	?	238	121	188,120,000
Imishinga b	?	238	117	141,000,000

Mu bundi bufasha abatishoboye babonye hakurikijwe ibyiciro binyuranye harimo inkunga ya Girinka Munyarwanda no gutanga amatungo magufi. Hatanzwe inka zingana 6958 n’amatungo magufi agera kuri 8458 mu myaka itandukanye nk’uko bigaragara mu nbonerahamwe ikurikira:

**Imbonerahamwe ya 48: Ubufasha bw’amatungo yahawe abatishoboye**

Icyiciro	2006	2007	2008	2009	2010	2011-2012	2012-2013	2013-2014	2014-2015	igiteryano
Girinka	78	338	623	323	469	1248	1266	1422	1191	6958
Amatungo magufi	0	0	0	1200	2448	3275	294	0	1535	8458

*Inkomoko: Raporo z’ibikorwa by’Akarere ka Gisagara, 2006-2015*

**4.3.5. Ibyakozwe mu guteza imbere siporo**

Mu rwego rwa siporo, mu myaka inyuranye, Akarere ka Gisagara kitabiriye amarushwa anyuranye gatsindira ibikombe: “Volley ball, Sitball, sitting volley ball”. Mu mwaka wa 2008 na 2009 mu marushanwa ya “volley ball” ku bagabo, Akarere ka Gisagara kabaye aka mbere ku rwego rw’Igihugu gahabwa ibikombe.

Mu Karere ka Gisagara hashinzwe ikipe ya “sitball” n’iya “sitting volley ball” y’abafite ubunga bakaba bamaze guhesha Akarere ka Gisagara ibikombe inshuro 3 ku rwego rw’Igihugu n’inshuro 3 ku rwego mpuzamahanga.



## **5. IBYAGEZWEHO MU RWEGO RW'IMIYOBORERE MYIZA : 2006-2015**

### **5.1. INTANGIRIRO**

Imiyoborere myiza ni uburyo buboneye bwo guha uburenganzira n'ubwisanzure abaturage, abayobora n'abayoborwa, bese bakagira uruhare mu gufata ibyemezo no gutanga ibitekerezo bigamije iterambere n'imibereho myiza byabo. Imiyoborere myiza yimakaza demokarasi isesuye buri muturage wese yibonamo, ibikorwa bye bigahurizwa hamwe n'iby'abandi bikuzuzanya, bityo bikongera ubushobozi bwo kubaho neza kwa muntu. Imiyoborere myiza igira uruhare rutaziguye mu mibereho myiza y'abaturage kuko ibagezaho inzego z'ubuyobozi zikwiye n'uburyo, bituma ijwi ryabo ryumvikana, bakagira uruhare mu ifatwa ry'ibyemezo ku bibazo rusange bibareba.

Gahunda zikurikira zitaweho mu Miyoborere Myiza

- Kwegereza abaturage ubuyobozi bakagira uruhare mu kwihitiramo ababayobora, kwifatira ibyemezo kuri gahunda zibareba
- Guteza imbere ubufatanye hagati ya Leta, Abikorera na Sosiyete Sivire binyuze mu Ihuriro ry'Abafatanyabikorwa mu Iterambere JADF (Joint Action Development Forum)
- Gushyirwa ingufu mu guteza imbere Ubumwe n'Ubwiyunge by'Abanyarwanda;
- Guteza imbere ubutabera no gukemura ibibazo by'abaturage
- Gutanga serivisi nziza no kurwanya ruswa n'akarengane
- Guteza imbere ICT n'itangazamakuru

### **5.2. KWEGEREZA ABATURAGE UBUYOBOZI N'UBUSHOBOZI**

Mu rwego rwo kwegereza abaturage ubuyobozi n'ubushobozi inzego zinyunye ndetse n'abakozi bashyizwe mu myanya nk'uko byari biteganyijwe mu itegeko N° 29/2005 ryo kuwa 31/12/2005 n'itegeko N° 08/2006 ryo kuwa 28/01/2006.

#### **5.2.1. Gushyira mu myanya abakozi**

Muri gahunda yo kwegereza abaturage ubuyobozi n'ubushobozi (decentralisation) icyiciro cya kabiri muri 2006, Akarere ka Gisagara katangiranye abakozi bake ugereranyije n'abo gafite ubu.

- Ku rwego rw'Akarere kari gafite abakozi 24 barimo abagabo 20 n'abagore 4.
- Ku rwego rw'Umurenge kari gafite abakozi 36 barimo abagabo 25 n'abagore 11.
- Ku rwego rw'Akagari nta mukozi wari uhari.

Kugira ngo gahunda yo kwegereza abaturage ubuyobozi n'ubushobozi ishoboke, Akarere kihutiye gushyira abakozi mu myanya ku buryo umwaka wa 2006 warangiye Akarere gafite abakozi bangana na:

- 31 ku rwego rw'Akarere,
- 64 ku rwego rw'Umurenge,
- 59 ku rwego rw'Akagari (umwe muri buri Kagari).

Igikorwa cyo gushyira abakozi mu myanya cyarakomeje ku buryo kugeza Ukuboza 2015, Akarere gafite abakozi bagera kuri **235**: Ku rwego rw'Akarere: 46, Ku rwego rw'imirenge : 103, Ku rwego rw'Utugari: 113.

### 5.2.2. Kubaka ibiro by'ubuyobozi

Uko abakozi b'Akarere bagiyeye biyongera hashingiwe ku mavugurura yabaye, ibiro byabaye bike ku buryo byabaye ngombwa ko byongerwa ndetse n'ibyari bihari biravugururwa. Hubatswe inzu "One stop center" itangirwamo serivisi zijyanye n'ubutaka, imiturire, ibikorwa remezo n'ibidukikije.



*Ibiro by'Akarere byarongerewe biranavugururwa*

Nyuma y'ivugurura ry'inzeho z'ubuyobozi mu 2006, Imirenge myinshi ntiyari ifite aho ikorera. Ku mirengi 13 igize Akarere ka Gisagara, Imirenge 8 ni yo yari ifite aho ikorera, indi Mirenge 5 ntaho yari ifite: Umurenge wa Kigembe wakoreraga mu nyubako z'umushinga wo korora amafi mu Rwabisemanyi, Umurenge wa Kansi wari ucumbikiwe

mu nyubako y'Akagari k'Akaboti, Umurenge wa Mugombwa wakoreraga mu nyubako y'urukiko, Umurenge wa Gishubi wakoreraga mu nyubako idakwiye, Umurenge wa Musha wakoreraga mu nyubako y'Akagari ka Bukinanyana n'Umurenge wa Ndora wakoreraga mu nyubako y'Akagari ka Gisagara.

Ibyo byatumye gahunda yo kubaka no kuvugurura ibiro by'ubuyobozi yihutishwa kuva 2007, ku buryo mu 2009 imirenge yose yari imaze kubona aho ikorera uretse Umurenge wa Ndora wabonye inyubako yawo bwite muri 2015.



*Ibiro by'Umurenge Gishubi  
2006*



*Ibiro by'Umurenge Gishubi  
2008*



*Ibiro by'Umurenge Gishubi  
2013*



*Ibiro by'Umurenge wa Mukindo*



*Ibiro by'Umurenge wa Kansi*



*Ibiro by'Akagari ka Gisagara Umurenge  
wa Ndora wakoreragamo*



*Ibiro by'Umurenge wa Ndora 2015*

Utugari twinshi natwo ntitwari dufite aho dukorera. Kuva mu 2008 hatangiye gahunda yo kubaka ibiro by’utugari. Mu mwaka wa 2012-2013 hashyizwemo imbaraga ku buryo hubatswe utugari 12 mu mwaka umwe: Akagari ka Dahwe na Mukande mu Murenge wa Ndora, Akagari ka Gitega na Mukiza mu Murenge wa Mukindo, Akagari k’Agahabwa na Rubona mu Murenge wa Kigembe, Akagari ka Gisagara mu Murenge wa Gikonko, Akagari ka Cyumba, Rwamiko na Saga two mu Murenge wa Muganza, Akagari ka Bukinanyana na Gatovu mu Murenge wa Musha. Kugeza Ukuboza 2015, utugari twose uko ari 59 dufite inyubako zatwo bwite dukoreramo.



*Inzu y’umuturage Akagari ka Dahwe kari gacumbikiwemo: 2006-2012*



*Ibiro by’Akagari ka Dahwe 2013*



*Akagari ka Gitega 2013*



*Akagari ka Rwamiko 2013*

### 5.2.3. Inzego z’ubuyobozi

Hashingiwe ku itegeko N° 08/2006 ryo kuwa 28/01/2006 rigena imiterere, imitunganyirize n’imikorere y’Akarere, hatowe Inama Njyanama y’Akarere igizwe n’Abajyanama 26, muri bo 11 bangana na

42.3% ni abagore na ho 15 bangana na 57.7% bakaba abagabo nk'uko bagaragara mu mbonerahamwe ya 4.

Kugira ngo Inama Njyanama ikore neza hashyizweho komisiyo eshatu nk'uko biteganywa n'itegeko.

***Imbonerahamwe ya 49: Komisiyo z'Inama Njyanama n'abari bazigize - 2006***

<b>N°</b>	<b>Komisiyo y'ubuyobozi, amategeko na politiki</b>	<b>Komisiyo y'imibereho myiza y'abaturage</b>	<b>Komisiyo y'iterambere ry'ubukungu</b>
1	MBONIREMA Jérôme (Perezida)	MASABO Martin (Perezida)	NGAYABOSHYA Gabriel (Perezida)
2	NISUBIRE Béatrice (Umunyamabanga)	KABARORE Vestine (Umunyamabanga)	NTAKIRUTIMANA Odette (Umunyamabanga)
3	KAREKEZI Léandre	UMBEREYIMFURA M.Goretti	HATEGEKIMANA Hesron
4	BYUKUSENGE Irène	NGWIJE Alexis	SIKULIBO Augustin
5	MURERWA J.Pierre	MUKARUSINE Beatrice	RUTAYISIRE J.Claude
6	UWIHOREYE Olive	MANIRAHU Emmanuel	UWANYIRIGIRA Solange
7	TWAGIRUMUKIZA Augustin	N.nsabimana Donatienne	NSHIMIYIMANA Alphonse Marie
8	SEKAJONGA Gédéon	MUNYENTWALI Thacien	NTAKIRUTIMANA Corneille
9	NYIRANEZA Agathe	UWINGABIYE Donatille	

Mu byakozwe n'iyi Nama Njyanama (2006-2010) hafashwe imyanzuro myinshi. Kuva 2006 kugeza 2010, hateranye inama zisanzwe 20, inama zidasanzwe 18, inama za biro y'Inama Njyanama 33, inama z'Abaperezida ba za komisiyo 16 inama z'amakomisiyo 155 n'inama za biro y'Inama Njyanama na Komite Nyobozi 16 nk'uko bigaragara mu mbonerahamwe ikurikira:

**Imbonerahamwe ya 50: Inama z'Inama Njyanama zateranye 2006-2010**

Urwego	Umwaka					Igiteranyo
	2006	2007	2008	2009	2010	
Inama zisanzwe z'Inama Njyanama	4	4	4	4	4	20
Inama zidasanzwe z'Inama Njyanama	3	3	4	4	4	18
Inama za biro y'Inama Njyanama	6	8	8	7	6	33
Inama z'aba Perezida		2	5	6	3	16
Inama za Komisiyo ya Politiki, Ubuyobozi n'Amategeko	6	12	12	12	11	53
Inama za Komisiyo y'Imibereho Myiza	5	12	12	12	11	52
Inama za Komisiyo y'Iterambere n'Ubukungu	5	10	12	11	11	50
Inama za Biro na Komite Nyobozi		4	4	4	4	16
<b>Igiteranyo</b>	<b>29</b>	<b>55</b>	<b>61</b>	<b>60</b>	<b>54</b>	<b>258</b>

**Imbonerahamwe ya 51: Ibyemezo by'Inama Njyanama 2006 - 2010 n'uko byashyizwe mu bikorwa**

Ibyemezo	Umwaka					Igiteranyo
	2006	2007	2008	2009	2010	
Ibyemezo byafashwe byose	47	93	95	246	107	600
Ibyashizwe mu bikorwa	44	91	91	243	105	586
Ibitarashinzwe mu bikorwa	3	2	4	3	2	14
Ijanisha ry'ibyashyizwe mu bikorwa	94%	98%	96%	99%	98%	97%

Nk'uko biteganyijwe mu itegeko N° 08/2006 ryo kuwa 24/02/2006 ko manda y'Inama Njyanama ari imyaka 5, mu mwaka wa 2011 hatowe abagize Inama Njyanama y'Akarere nshya, hatorwa abajyanama 27 bagizwe n'abagabo 15 n'abagore 12, nk'uko bagaragara mu mbonerahamwe ya 7.

**Imbonerahamwe ya 52: Komisiyo z'Inama Njyanama 2011-2015**

N°	Komisiyo y'imiyoborere myiza	Komisiyo y'imibereho myiza y'abatwariye	Komisiyo y'imari n'iterambere ry'ubukungu	Komite Ngenzuzi (Audit committe)
1	MUTWARASIBO Ernest (Perezida)	GASENGAYIRE Clemance (Perezida)	NSHIMIYIMANA Alphonse Marie (Perezida)	NTIRENGANYA Déogratias (Perezida)
2	UWIMANA M.Rose (Umunyamabanga)	BYUKUSENGE Irène	MFASHINGABO François (Umunyamabanga)	MBONIREMA Jérôme
3	MINANI Protogène	FURAHA Joséphine	MBONIREMA Jérôme	
4	KABARORE Vestine	DUSABE NTAMUTI Julienne	NTIRENGANYA Déogratias	NSHIMIYIMANA Alphonse Marie
5	NTEGEYIMFURA Protogène	UWINGABIYE Donatille	HATEGEKIMANA Hesron	UWIMANA M.Rose
6	RUKUNDO Noël	NTIRUSHWA Aimé Donatien	MUTESAYIRE Claudine	
7	KAREKEZI Léandre	MUKANTAGANDA Josée	BAKUNDUKIZE Elysé	
8	UWAMARIYA Valentine	SEMACUMI John	AHISHAKIYE Médiatrice	
9	UWIRAGIYE Solange	RUTEMBESA Guillaume	UWIMANA Innocent	

Kuva 2011 kugeza 2015, hataranye inama zisanzwe 20, inama zidasanzwe 10, inama za biro y'Inama Njyanama 32, inama z'Abaperezida ba za komisiyo 11 inama z'amakomisiyo 180 n'inama za Biro y'Inama Njyanama na Komite Nyobozi 8 nk'uko bigaragara mu mbonerahamwe ikurikira:

**Imbonerahamwe ya 53: Inama z'Inama Njyanama 2011-2015**

Umwaka	2010-2011	2011-2012	2012-2013	2013-2014	2014-2015	2015-2016	Igiteranyo
Inama zisanzwe z'Inama Njyanama	2	4	4	4	4	2	20
Inama zidasanzwe z'Inama Njyanama	0	4	2	3	1	0	10

Inama za Biro	2	7	6	8	7	2	32
Inama z'aba perezida	1	4	4	0	0	2	11
Inama za Komisiyo y'Imiyoborere myiza	9	12	11	12	12	6	62
Inama za komisiyo y'Imibereho myiza	9	12	11	12	12	7	63
Inama za komisiyo y'imari n'iterambere ry'ubukungu	9	10	9	11	11	5	55
Inama za Biro na Komite Nyobozi	0	1	3	0	3	1	8
Inama za Audit committee	0	3	6	5	4	2	20
Igiteranyo	<b>32</b>	<b>57</b>	<b>56</b>	<b>55</b>	<b>54</b>	<b>27</b>	<b>281</b>

Mu matora ya Nyakubahwa Perezida wa Repubulika yo mu mwaka wa 2010, buri ntara yateganyirijwe ibikombe 2 byo gutora neza: icyo kurwanya imfabusa n'icyo kwitabira amatora. Ibikombe by'Intara y'Amajyepfo byombi byatashye mu Karere ka Gisagara.



### 5.3. URWEGO RW'ABAFATANYABIKORWA –JADF

Mu rwego rwo guhuza no kunoza iterambere ry'abaturage, kuva muri 2008 hashyizweho urwego rw'ihuriro ry'abafatanyabikorwa (JADF: Joint Action Development Forum). Urwo rwego rwaje kunganira ubuyobozi guhuza ibikorwa by'abafatanyabikorwa, bigakorwa hagamijwe gusubiza ibyifuzo by'abaturage mu buryo burambye.

Iryo huriro rifasha abafatanyabikorwa gukorera mu byiciro byose by'iterambere ry'abaturage hatabayeho kugonganira ku bikorwa bimwe cyangwa mu Mirenge imwe. Ibikorwa n'ingengo y'imari byabo byinjizwa mu bikorwa by'Akarere kandi bakabigiramo uruhare mu itegurwa, ishyirwa mu bikorwa n'ingenzura ryabyo. Uruhare rwabo mu bikorwa Akarere kagezaho ni munini cyane.

Kuva mu mwaka wa 2011 kugeza 2015 Urwego rw'abafatanyabikorwa rukora imurikabikorwa (Open Day/Public Accountability Day) kabiri mu mwaka mu rwego rwo kugaragariza abatwariye ibyabo bakora kandi bose bahuriye hamwe (Exposition).



*Imurikabikorwa 2014*



*Imurikabikorwa 2015*

### **Imbonerahamwe ya 54: Inama za JADF zateranye**

Urwego	Umwaka								Igiteranyo
	2008	2009	2010	2010-2011	2011-2012	2012-2013	2013-2014	2014-2015	
Inteko rusange	2	4	4	5	5	4	4	4	32
Inama za komite mpuzabikorwa	0	0	4	1	4	6	6	5	27
Inama za komite na Perezida b'amakomisiyo	0	0	2	0	0	1	3	2	7
Inama na komisiyo	0	0	2	0	0	14	8	2	26
<b>Igiteranyo</b>	<b>2</b>	<b>4</b>	<b>12</b>	<b>6</b>	<b>9</b>	<b>25</b>	<b>21</b>	<b>13</b>	<b>92</b>

## **5.4. GUTEZA IMBERE UBUMWE N'UBWIYUNGE**

### **5.4.1. Itorero ry'Igihugu**

#### **5.4.1.1. Incamake y'amateka y'Itorero ry'Igihugu n'icyerekezo cyayo**

Mbere y'umwaduko w'abakoroni, umuco nyarwanda wari ufite ibyiza byinshi. Muri ibyo twavugaga nk'indangagaciro na kirazira z'umuco nyarwanda zubakaga Umunyarwanda mu ubumuntu, ubunyarwanda n'ubutwari.

Mu mucu nyarwanda habagamo IRERERO ari ryo ryitwaga ITORERO RY'IGIHUGU. Ryari rishinzwe gutoza abanyarwanda indangagaciro na kirazira z'umuco nyarwanda zakomezaga ubumwe bwa bene kanyarwanda bigatuma bahorana imibanire myiza.

Abanyarwanda barangwaga n'umuco n'imigenzereze myiza, bakubahana, bakabana neza kandi mu mahoro nk'uko babitozwaga mu Itorero. Abanyarwanda bari barasobetse ubumwe butajegajega, bakarangwa n'ubutwari no gukunda Igihugu, ari nayo mpamvu mu gihe cy'abakurambere, mbere y'abakoroni, nta Jenocide yigeze ibaho mu Rwanda. Muri icyo gihe, u Rwanda rwari rufite ishema, icyubahiro n'igitinyiro imbere y'amahanga (ibihugu birukikije), ninaho havuye ibigwi bigira biti: u Rwanda rutemba amata n'ubuki, Imana yirirwa ahandi igataha i Rwanda, u Rwanda ruratera ntiruterwa,.... Ibindi bikorwa by'ingenzi Itorero ryakoraga:

- Bigishwaga kumenya kubana n'abandi, kumenya gusubiza vuba kandi neza mu kinyarwanda cyiza, ikinyabupfura, kumenya uko umuntu yitwara imbere y'abo aruta, urungano n'abamuruta, ibyivugo, kutaba igifura no kwihangana, ...
- Umuntu wabaga ataranyuze mu Itorero yabaga afite byinshi atandukaniyeho n'uwagiye mu Itorero ari we INTORE, cyane cyane mu rwego rw'imivugire, imyumvire, imyitwarire, imyifatire n'imigenzereze.
- Nyuma yo gutozwa imico myiza, Intore zatozwaga n'imyitozo ya gisirikari (kurasa ari byo bitaga kumasha no kwizibukira), ngororangingo (gukirana, kwiruka no gusiganwa, ...).
- Intore ni zo zavagamo abaturage beza, abayobozi n'ingabo z'Igihugu.

#### **5.4.1.2. Uko intore iba imeze nyuma yo gutozwa**

- Intore n'utaratozwa babaga batandukanye nk'uko bimeze ubu k'uwise n'utarize. Uwagiye mu Itorero yabaga ajijutse, ashize amanga, azi kuganira neza no gusobanura icyo abajijwe, afite uburere n'ikinyabupfura, arangwa n'isuku ku mubiri no ku myambaro (y'icyo gihe).
- Intore yirindaga kwirata ku bandi ahubwo ikihatira kugira umubano mwiza n'abandi no kwimakaza umuco w'amahoro. Cyakora, nk'uko

abanyarwanda babivuze ngo « nta byera ngo de », hari igihe bamwe bashoboraga guteshukwa, abo bakitwa “ibigwari”. Iyo baramukaga bemeye amakosa, bakayasabira imbabazi mu ruhame, bashoboraga kuvanwaho ubugwari.

- Abatorejwe hamwe wasangaga ari inshuti zikomeye, zishyize hamwe ku buryo na nyuma y’ubuzima bwo mu Itorero ubucuti bwakomezaga bitewe n’inyigisho bahabwaga zatumaga bumva ko ari abavandimwe.

#### **5.4.1.3. icyo Itorero ryibandaho muri iki gihe**

Itorero ry’Igihugu rije risanga hariho izindi nzego na gahunda bigamije gukangurira abanyarwanda uburere mboneragihugu hagamijwe kwimakaza uburenganzira bwa muntu, demokarasi, imiyoborere myiza no kwiteza imbere mu bukungu. Itorero ry’Igihugu rije gutanga umusanzu waryo mu gufasha kuzamura ku buryo bwihuse imyumvire, imyitwarire n’imikorere myiza y’abanyarwanda hashingiwe ku ndangagaciro na kirazira by’umuco nyarwanda. Kubera iyo mpamvu, gahunda z’Itorero ry’Igihugu ntizigomba gufatwa nka gahunda zisanzwe ziriho nk’amahugurwa gusa, kuko ryo rigamije gutoza umunyarwanda kuba umusemburo w’impinduka nziza kandi vuba.

Itorero ry’Igihugu rizafasha kuvoma mu muco nyarwanda ibyiza biwuranga kugira ngo impinduka Igihugu cyifuza zizagerweho ku buryo bwihuse. Itorero ry’Igihugu rizafasha Abanyarwanda kumenya no gushobora kubakira impinduka nziza ku ndangagaciro z’umuco nyarwanda, kandi bafite imyumvire imwe. Zimwe muri zo twavugaga:

- Umuco w’ Ubumwe bw’abanyarwanda
- Umuco wo kukunda Igihugu n’abagituye
- Umuco w’Ishyamba no guharanira ubutwari
- Umuco wo kwimakaza ubumuntu n’ubunyarwanda
- Umuco wo kurangwa n’ubupfura
- Umuco wo kwihesha agaciro
- Umuco wo gushishikarira umurimo
- Umuco wo kwimakaza kirazira
- Umuco wo kwimakaza amahoro n’ubworoherane
- Umuco w’imihigo: guhiga no kwesa imihigo

#### 5.4.1.4. Uko Itorero ry'Igihugu ryubatse

Itorero ry'Igihugu ni rimwe mu gihugu, rikagira «Imitwe y'Intore» 30 mu Turere tugize Igihugu. Iyo mitwe ikaba ingana n'uko Uturere tungana, ni ukuvuga umutwe w'Intore muri buri Karere. Intore za Gisagara zitwa IMBANZABIGWI. Iryo zina rikomoka ku muhigo Akarere ka Gisagara kesheje, kagatwara **igikombe cya mbere cy'imihigo** mu Ntara y'Amajyepfo mu mwaka wa 2007. icyo gikombe ubwacyo cyitwa IMBANZABIGWI. Mu Mbanzabigwi za Gisagara harimo ibyiciro byihariye, buri cyose gifite izina ryacyo nk'uko bigaragara mu mbonerahamwe ikurikira :



*Igikombe: IMBANZABIGWI 2007*

#### **Imbonerahamwe ya 55: Ibyiciro by'intore zatojwe 2007-2015**

Umwaka \ Ibyiciro	2007	2008	2009	2010	2011	2012	2013	2014/ 2015	2015/ 2016	Igitera- nyo
Inzego z'ibanze mu midugudu (abatoza b'intore)	688					25200				25888
Abanyamabanga Nshingwabikorwa b'imirenge (ISONGA)			10							10
Abarezi mu mashuri (abatoza b'intore)			1073							1073
Abaganga (IMBANGUKI-RAGUTABARA)			1532							1532
Urubwiruko rurangije amashuri yisumbuye (URUGERERO)			826	558	650	798	923	1112	1200	6067

Urubwiruko (INKOMEZAMIHIGO)								128		128
Mutimawurugo			64					29		93
Abafatanyabikorwa mu buhinzi bwa Kawa (INDOGOZI)			30							30
Abashinzwe ubuhinzi n'ubworozi (INGAMBURUZA- BUKENE)			28							28
Bafatanyabikorwa mu makoperative (INGERU- ZABAHIZI)				30						30
Abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Utugari ( RUSHINGWANGERERO)							59			59
Intisukirwa (abahejwe inyuma n'amateka)						17				17
Igiteranyo	688	0	3499	588	650	26015	982	1269	1200	34955



*Intore 2013*



*Intore 2014*

#### 5.4.2. Gahunda ya “Ndi Umunyarwanda”

Muri iyo gahunda y’Itorerero, hatekerejwe ibiganiro byafasha Abanyarwanda kwimakaza ibibahuza kurusha ibibatanya, hashyirwaho gahunda ya “Ndi Umunyarwanda”.

Amateka y’u Rwanda mu kinyejana gishize yiganjemo byinshi byabangamiye isano hagati y’abanyarwanda. Uko ubuyobozi bwagiye buhindagurika kuva mu gihe cy’abakoroni na nyuma yaho, imbaraga zabwo zakomeje kubakirwa ku macakubiri yagize ingaruka ku

mibereho n'imibanire y'abanyarwanda. Muri izo ngaruka twavugamo: ubuhunzi, guhezwa kwa bamwe ku byiza by'Igihugu, kwironda mu buryo butandukanye, ubwicanyi n'intambara byaje gusozwa na Jenocide yakorewe Abatutsi mu 1994.

Inzira ndende yo kongera kubaka ubumwe bw'Abanyarwanda yahereye ku kubohora Igihugu no guhagarika Jenocide. Ihame ry'ubunyarwanda ryahawe agaciro, hagiyeho Leta y'Ubumwe bw'Abanyarwanda, uburyo bw'imiyoborere busangiwe na bose, no kubaka inzego zishimangira kandi zigashyigikira ubumwe bw'abanyarwanda nk'uko biteganywa n'Itegeko Nshinga ryo muri Kamena 2003.

Muri urwo rugendo, Abanyarwanda banze kuba imbata y'amateka mabi barazwe n'abakoronu bimika umuco w'ibiganiro, bashaka ikibubaka nk'abantu, kikubaka n'Igihugu muri rusange. Urugero ni nk'Ibiganiro nyunguranabitekerezo byo m'Urugwiro byabaye muri Gicurasi 1998 kugeza Werurwe 1999, byatanze icyerekezo mu kubaka Igihugu (Nation), harimo Politiki y'Ubumwe n'Ubwiyege bw'Abanyarwanda, Imiyoborere myiza, Umutekano, Ubutabera, Inkiko Gacaca n'Icyerekezo 2020.

Uwo muco w'ibiganiro byubakakandi bifasha Abanyarwanda kwikemurira ibibazo wakomeje gushinga imizi no mu zindi nzego zinyuranye. Mu gukomeza guharanira ko ibyagezweho biramba, ni ngombwa gushingira ku ihame ndakuka ry'Ubunyarwanda (Rwandan Spirit).

Zimwe mu ngamba zo kubaka ubunyarwanda, ni gahunda ya "Ndi Umunyarwanda", igamije gutoza abanyarwanda kwiyumvamo ubunyarwanda mbere y'ibindi byose, kubana nta rwikekwe no gushyira inyungu rusange mbere y'inyungu bwite, binyuze mu rubuga rw'ibiganiro bikorwa mu bwisanzure. Abanyarwanda bakimakaza ibibahuza kurusha ibibatanya, kuba bose ari abanyarwanda bikaba ipfundo. Uretse umurimo ukorwa cyane binyuze muri Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyege, hari n'izindi ntambwe zatewe n'indi miryango muri uru rugendo rwo kubaka ubunyarwanda.

Unity Club Intwararumuri yateguye ibiganiro bitandukanye biganisha ku kwimakaza ubunyarwanda. Ibiganiro nk'ibi byateguwe kandi na Fondation Imbutu mu mahuriro y'urubyiruko atandukanye.

Ibi byerekanye ko Abanyarwanda biteguye gutera indi ntambwe ibaganisha ku bumwe n'ubwiyunge n'iterambere rirambye, kandi bitanga impuruza yo gushaka uko gahunda ya "Ndi Umunyarwanda" yagera kuri bese.

#### 5.4.2.1. Ndi Umunyarwanda ni iki?

**"Ndi Umunyarwanda"** : Ni ukwiyumvamo isano ihuza Abanyarwanda, batewe ishema no kuba Abanyarwanda, bahuriye ku gukunda u Rwanda, kururinda no kuruteza imbere. Bafite igihugu kimwe, ururimi rumwe n'umuco umwe. "Ndi Umunyarwanda" ikubiyemo ingingo eshatu z'ingenzi: kwiyumvamo ubunyarwanda (Rwandan spirit), indangagaciro na kirazira bigamije kwimakaza ubunyarwanda.

**a) Kwiyumvamo ubunyarwanda (The Rwandan Spirit):** Ni ukwemera kuba uw'u Rwanda, rukaba urwawe, ukarubamo narwo rukubiyaye, ukaruturira, ukarukunda, rukakurera kibyezi, ukamenya kururinda, byaba ngombwa ukaba wanarwitangira. Iyo sano ikaba igihango kizira gutatirwa ubuziraherezo.

**b) Indangagaciro: Indangagaciro z'ubunyarwanda, gukunda u Rwanda n'Abanyarwanda no guhora iteka azirikana kuzaraga ababyiruka Igihugu cyiza:** Ukunda iwabo ahazirikana iteka, akaharinda icyago, akahagwiza ibyiza. Ingobyi iduhetse ni iy'agaciro, turayishinzwe. Aho ujishye igisabo ntuhatera ibuye. Byongeye kandi, ntawaraga abana be ibyamunaniye. Ni yo mpamvu gutunganya Igihugu no kubaka ejo hazaza hazira amacakubiri ari inshingano kuri buri munyarwanda.

**Kuba inyangamugayo** irangwa n'ukuri, ubworoherane, kwicisha bugufi, gutega amatwi, gutabara no gutabarana: Ibi ni byo bituma ukwizerana gushoboka.

**Kugira umuco wo kuganira no gusesengura mu gukemura ibibazo.** "Ndi Umunyarwanda" idusaba guhora dushaka ukuri ariko tukabikorana ubworoherane nta guhutaza, tukemera aho twagize intege nke, tukabisabira imbabazi tugamije kujya imbere.

### **Guharanira icyateza imbere u Rwanda n'Abanyarwanda.**

Ni ngombwa ko buri munyarwanda agira uruhare mu bikorwa bigamije guteza igihugu imbere bikaba umuco ku buryo buri munyarwanda abyibonamo kandi bikaba ishema kubigiramo uruhare.

**c) Kirazira muri Gahunda ya "Ndi Umunyarwanda" :** Kirazira ni urusobe rw'ibibujijwe kubera inyungu rusange. Kirazira gusumbisha inyungu bwite inyungu rusange, bikaba ari nabyo bituma bamwe bashobora gusenya ibyubatswe ku kiguzi gikomeye byasabye Abanyarwanda;

Kirazira kuba ibikoresho by'imigambi mibi ku Rwanda n'abarwo;

Kirazira kugira ingengabitekerezo ya jenocide n'amacakubiri, urwango, inzika no kuyitoza abana tubyara kuko bibabera umutwaro uremereye w'ibyo batagizemo uruhare.

#### **5.4.2.2. Ibiganiro kuri gahunda ya Ndi Umunyarwanda mu Karere ka Gisagara**

Mu rwego rwo gushimangira gahunda ya Guverinoma y'ubumwe n'ubwiyunge no gushyira mu bikorwa gahunda ya Ndi Umunyarwanda, Akarere ka Gisagara kashyizeho gahunda ya Ndi Umunyarwanda kuva ku rwego rw'Akarere, Umurenge, Akagali ndetse n'Imidugudu yose igize Akarere.

#### ***Imbonerahamwe ya 56: Uko imirengye yitabiriye ibiganiro kuri gahunda ya Ndi Umunyarwanda 2013-2014***

NO	UMURENGE	UMUBARE W'IMIDUGUDU	UMUBARE W'ABAGABO BITABIRIYE	UMUBARE W'ABAGORE BITABIRIYE	IGITERANYO
1	KIGEMBE	40	1985	2417	4402
2	NYANZA	33	2755	2325	5080
3	MUGANZA	58	2948	3234	6182
4	SAVE	44	3871	6081	9952
5	GIKONKO	30	1577	1765	3342
6	KIBILIZI	42	2627	3655	6282

7	MUGOMBWA	34	2169	2653	4822
8	MUKINDO	44	3025	3151	6176
9	MUSHA	42	479	661	1040
10	KANSI	29	1705	2282	3987
11	GISHUBI	36	1368	1456	2828
12	NDORA	32	5011	4958	9969
13	MAMBA	47	2774	4958	3010
	<b>AKARERE</b>	<b>524</b>	<b>32294</b>	<b>37648</b>	<b>69942</b>

***Imbonerahamwe ya 57: Uko Imirenge yitabiriye ibiganiro kuri gahunda ya Ndi Umunyarwanda 2014-2015***

NO	UMURENGE	UMUBARE W'IMIDU-GUDU	UMUBARE W'ABAGABO BITABIRIYE	UMUBARE W'ABAGORE BITABIRIYE	IGITERANYO
1	KIGEMBE	40	2085	2417	4502
2	NYANZA	33	2720	2356	5131
3	MUGANZA	58	2968	3254	6222
4	SAVE	44	3871	6081	9952
5	GIKONKO	32	1587	1775	3362
6	KIBILIZI	42	2637	3665	6282
7	MUGOMBWA	34	2169	2653	4822
8	MUKINDO	44	3025	3151	6176
9	MUSHA	42	1479	1661	3140
10	KANSI	29	1705	2282	3987
11	GISHUBI	48	1368	1456	2828
12	NDORA	32	5011	4958	9969
13	MAMBA	47	2774	4958	7732
	<b>AKARERE</b>	<b>524</b>	<b>34410</b>	<b>39756</b>	<b>74174</b>

## 5.5. UBUTABERA NO GUKEMURA IBIBAZO BY'ABATURAGE

### 5.5.1. Ubutabera

Mu rwego rwo guteza imbere ubutabera kuri bose mu Karere ka Gisagara, hubatswe ingoro z'Ubutabera 2 ari zo : Urukiko rw'ibanze rwa Ndora n'Urukiko rw'ibanze rwa Mugombwa.

Urukiko rwa Ndora ruburanisha imanza z'abaturage bo mu Mirenge 8: Ndora, Gikonko, Gishubi, Mamba, Musha, Save, Muganza na Kibilizi. Urukiko rwa Mugombwa ruburanisha imanza z'abaturage mu Mirenge 5 ya Nyanza, Kigembe, Kansi, Mugombwa na Mukindo.



*Urukiko rw'ibanze rwa Ndora*



*Urukiko rw'ibanze rwa Mugombwa*

Kurangiza imanza zaciwe ni kimwe mu biranga imiyoborere myiza. Imanza zakiriwe mu Karere kandi zikarangizwa zikubiye mu byiciro bitatu ari byo: imanza zaciwe n'inkiko Gacaca, imanza zaciwe n'inkiko zisanzwe n'imanza zaciwe n'abunzi.

#### 5.5.1.1. Imanza zaciwe n'inkiko Gacaca

- Imanza zo mu rwego rwa mbere: haciwe imanza **1035**, zose zararangijwe.
- Imanza zo mu rwego rwa kabiri: haciwe imanza **24458** kandi zose zararangijwe.
- Imanza zo mu rwego rwa gatatu (Imitungo): haciwe imanza 26611, hamaze kurangizwa imanza **23390**, hasigaye 3221

### 5.5.1.2. Imanza zaciwe n'inkiko zisanzwe n'imanza zaciwe n'Abunzi

Hashingiwe ku itegeko No. 17/2004 ryo kuwa 20/06/2004 rigena imikorere, ifasi, ububasha n'imikorere y'Inteko y'Abunzi, hashyizweho inteko z'Abunzi. Abanyarwanda bashoboye gukemura ibibazo byabo batiriwe bakora ingendo bagana inkiko, binyuze muri izo nteko. Ibi byatumye imanza zijya mu nkiko zigabanuka kandi bizamura uruhare rw'abaturage mu kwikemurira ibibazo.



*Inteko z'abunzi mu gikorwa cyo kunga abanyarwanda*

### **Imbonerahamwe ya 58: Imanza zaciwe n'inkiko zisanzwe n'izaciwe n'abunzi 2006 - 2014**

Umwaka \ Imanza	2006	2007	2008	2009	2010	2011-2012	2012-2013	2013-2014	2014-2015	igiteranyo
Irangizarubanza zakiriwe	581	508	823	914	93	352	1543	389	326	<b>5529</b>
Izarangijwe	341	483	740	822	82	321	1487	370	319	<b>4965</b>

### 5.5.2. Gukemura ibibazo by'abaturage

Mu Karere ka Gisagara hashyizweho inteko z'abaturage ku rwego rw'Umurenge n' Akagari zifasha gukemura amakimbirane hagati y'abaturage. Muri izo nteko z'abaturage haganirwa kandi ku iterambere, imibereho myiza n'umutekano by'abaturage.

Hashyizweho Komite zishinzwe gukemura ibibazo by'abaturage ku rwego rw'Akarere n'Umurenge kandi zagize uruhare runini mu kurenganura abaturage.

Hashyizweho ikayi y'umuturage yatangaga amakuru yose ku kibazo umuturage yagejeje ku buyobozi runaka. Kubera ko iyo kayi yashoboraga kwangirika cyangwa gutakara amakuru yose akabura, yasimbujwe ikayi yo mu buryo bw'ikoranabuhanga, E-Kaye (Electronic Kaye), iyi ikagira umwihariko ko umuyobozi ashobora gukemura ikibazo aho yaba ari hose umuturage adasiragiye ahubwo akabona igisubizo muri telefoni ye.

## 5.6. GUTANGA SERIVISI NZIZA NO KURWANYA RUSWA N'AKARENGANE

Mu rwego rwo kwimakaza imiyoborere myiza mu Karere ka Gisagara, hashimangiwe gahunda yo gutanga serivisi nziza no kurwanya ruswa n'akarengane, hibanzwe ku bikorwa bikurikira :

- Hashyizweho Komite Ngishwanama ku rwego rw'Imirengane n'Utugari
- Hashyizweho komite z'impuruza zihabwa n'ibikoresho (amagare na Telephone)
- Hashyizweho amabwiriza ngengamikorere mu bakozi bose ba Leta, ibigo byigenga bikorera mu Karere
- Abafatanyabikorwa bamurikira abaturage ibibakorerwa inshuro 2 mu mwaka
- Abaturage bamenyeshwa ibibakorerwa binyuze mu kinyamakuru cy'Akarere "IMBANZABIGWI" gitangwa kugera ku midugudu buri kwezi
- Buri cyumweru kuri radio hacaho ikiganiro cy'Akarere ka Gisagara hagamijwe kungurana ibitekerezo kuri gahunda zinyuranye.
- Hashyizweho umurongo wa terefoni abaturage bahamagaraho ku buntu wa **4058**
- Kuri buri muryango w'ubuyobozi hari inyandiko igaragaza umukozi, serivisi atanga, igihe zitangirwa, ibyo uzifuza agomba kuza yujuje na N° ya terefoni yahamagaraho igihe atanyuzwe cyangwa ahawe serivisi nabi.
- Akarere ka Gisagara kakoze ubushakashatsi ku mitangire ya serivisi hifashishijwe ikarita nsuzuma mikorere (community Score Card), gasohora igitabo kitwa "**UBUSHAKASHATSI KU MIYOBORERE MYIZA, ITANGWA RYA SERIVISI NO KURWANYA RUSWA N'AKARENGANE MU KARERE KA GISAGARA HAKORESHEJWE IKARITA NSUZUMA MIKORERE (COMMUNITY SCORE CARD)**" kigezwa mu nzego zinyuranye z'ubuyobozi. Ubwo bushakashatsi bwatumye hanzwaga amabwiriza y'imitangire myiza ya serivisi agezwa ku nzego z'ibanze zose kugera ku mudugudu biciye mu kinyamakuru cy'Akarere IMBANZABIGWI (N°47 na N°48).

Akarere ka Gisagara kakaba karabaye aka mbere imyaka itatu ikurikirana ku rwego rw'Igihugu mu marushanwa yo ku kurwanya ruswa n'Akarengane yakoreshwaga n'Urwego rw'Umuvunyi; gahabwa igikombe, cheques za miliyoni ebyiri, n'iy'ibihumbi maganas atanu na laptop eshatu, modemu 3.



*Igikombe na laptop zahawe Akarere ka Gisagara 2010*



*Cheque Urwego rw'Umuvunyi yahaye Akarere ka Gisagara 2008*



*Icyumweru cyo kwamagana ruswa n'akarengane ku rwego rw'igihugu cyatangirijwe mu Karere ka Gisagara inshuro 2*



*Ibikombe byahawe Akarere mu marushwana anyuranyey'imiyo borere myiza*

Mu miyoborere myiza, muri iyi myaka 10 (2006-2015), Akarere ka Gisagara kegukanye ibikombe byinshi mu marushanwa atandukanye, bishimangira ishyirwa mu bikorwa rihamye rya gahunda y'Igihugu y'imiyoborere myiza.



## **5.7. GUTEZA IMBERE IKORANABUHANGA -ICT- N'ITANGAZAMAKURU**

Mu rwego rwo kunoza imikorere, imitangire ya serivisi no gufasha abaturage kugera ku iterambe ryihuse kandi bagizemo ijambo, Akarere ka Gisagara kitabiriye gahunda yo gukoresha ikoranabuhanga (ICT) no kurishishikariza abaturage, itangazamakuru karigira umufatanyabikorwa wa bugufi.

### **5.7.1. Ikoranabuhanga – ICT**

Akarere ka Gisagara kihutiye kubaka ikoranabuhanga rifasha gukora akazi neza. Abakozi ku nzego zose bafite machine (desktop cyangwa Lap top) kuva ku Karere kugera ku Kagari. Gukwirakwiza itumanaho rikoresha murandasi “Internet” byashyizwemo imbaraga ku buryo ku buryo ku rwego rw'Akarere hakoreshwa “wireless”, “fiber Optic” na “Modem”. Mu mirenge hose hagejejwe “internet” ya “fiber Optic” ifatira ku Karere hakoreshwe uburyo bwa “RADWIN Technology”.

Ubu buryo bwafashije cyane Imirenge kubona “internet” mu buryo bwisanzuye kuri buri mukozi. Iyo iyi “internet” igeze ku Murenge ihita iba “wireless” ku buryo n'abaturage batariye aho Umurenge wubatse bafite mudasobwa cyangwa se terefoni yakira “wireless” bose bashobora kuyikoresha ku murambararo wa 30m.

Mu mirenge hashyizwe kandi za “Modems” kugira ngo zunganire wireless igihe umukozi ari kure yayo.

Ubu buri Murenge hagejejweyo ibikoresho bizakoreshwa muri SAP “Service Access Point” ifasha gutanga serivisi “online” ku muturage uganyye ubuyobozi no gutanga amahugurwa y'Ikoranabuhanga.

Ubu kuri buri Kagari bafite “Modem” ifite “internet” ihoraho. Ibafasha kohereza no kwakira amakuru ku nzego zisumbuye no kwiyungura ubwenge hakoreshejwe “internet”, cyane ko kuri biro by’Akagari hari byibura “laptop” imwe.

Iyo gahunda y’ikoranabuhanga yanagejewe mu bigo by’amashuri binyuranye ndetse no mu mashuri abanza muri gahunda ya «One Lap Top per Child».



*Gahunda ya “one laptop per child” mu Karere ka Gisagara*



*Abanyeshuri ba ETS Save basabanurira First Lady uburyo ikoranabuhanga ribafitiye akamaro mu myigire yabo*

Mu rwego rwo kwihutisha akazi, imitungire ya serivisi no guhererekanya amakuru, hashyizweho terefoni bahamagara ku buntu ya 4058 na terefoni za User Group ku Karere, Imirenge, Utugari n’Imidugudu. Ibyo bituma akazi kihuta no guhana amakuru y’akazi ndetse n’andi aho akenewe hose.

### **5.7.2. Ibyumba mpahabwenge na gahunda ya Tunga TV**

Ku bufatanye na RDB, mu rwego rwo gufasha abaturage, cyane cyane urubyiruko rurangije amashuri, kumenya no gukoresha « internet », hashyizweho ibyumba mpahabwenge mu Mirenge. Iki gikorwa cyatangirijwe ku rwego rw’Igihugu mu Murenge wa Gishubi na Minisitiri w’Urubyiruko n’Ikoranabuhanga mu mwaka wa 2013,

afungurayo icyumba mpahabwenge. Yanahatangirije gahunda yo gukoresha mudasobwa zikora mu rurimi rw'ikinyarwanda (windows 8) nk'uburyo bukoraho inzitizi zituma umuturage ategera kw'ikoranabuhanga kugira ngo nawe ashobore kuryiga no kurikoresha n'ubwo yaba atazi indimi z'amahanga. Ubu ibyumba mpahabwenge bimaze gushyirwa mu Mirenge ya Ndora, Gikonko, Gishubi na Kibilizi, ariko gahunda ikaba ari uko bishyirwa mu Mirenge yose. Ubu ibyo byumba bifite umukozi wigisha kandi agafasha abakigannye bahabwa serivisi zitandukanye z'ikoranabuhanga (Internet, printing).



*Minisitiri w'Urubyiruko n'Ikoranabuhanga afungura icyumba mpahabwenge anatangiza gahunda ya TUNGA TV Munyarwanda mu murenge wa Gishubi/Gisagara*

Umukuru w'umudugudu wa Cyivugiza washyikirijwe ibikoresho by'icyumba mpahabwenge, asobanura ko kureba tereviziyo ari ubwa mbere bibaye mu mudugudu wabo, ngo akaba abona bizabateza imbere kuko ngo bazashobora kujya bakurikirana ibiganiro by'iterambere n'imibereho myiza n'ibindi imbonankubone kuruta kubyumva kuri radiyo gusa.



*Icyumba mpahabwenge cya Ndora*



*Icyumba mpahabwenge cya Kibilizi*

Muri gahunda ya Tunga TV, ku biro by'Akarere no mu Mirenge yose hashyizwe "Public TV", aho abaturage bashakira bese bashobora gukurikirana ibiganiro binyuranye kuri Tereviziyo.



### **5.7.3. Ubukangurambaga mu bijyanye n'ikorabuhanga "ICT Literacy and Awareness campaign"**

Mu mwaka wa 2013, mu Karere ka Gisagara hatangijwe gahunda yo gukwirakwiza ikorabuhanga ku rwego rw'Igihugu "ICT Awareness Campaign" itangizwa na Minisitiri w'Urubyiruko n'Ikorabuhanga. Iki gikorwa cyahuje abaturage benshi cyane b'Akarere ka Gisagara bagera ku bihumbi mirongo itatu (30,000 personnes) baturutse mu mirenge yose igize Akarere ka Gisagara. Muri bo abantu basaga 650 barahuguwe ku ikorabuhanga hakoreshejwe ibimodoka byabugenewe byakira abantu benshi n'icyumba mpahabwenge cy'Akarere. Iyo gahunda yo kwigisha abaturage ikorabuhanga yakomereje mu byumba mpahabwenge byashyizwe mu mirenge.



*ICT Literacy and Awareness campaign/Gisagara 2013*

#### **5.7.4. E-Document**

Mu rwego rwo kwihutisha akazi, mu Karere ka Gisagara hashyizweho uburyo bwo guhererekanya, gusesengura no gushyingura inyandiko hakoreshejwe ikoranabuhanga bwa “E-Document Tracking”. Ubu buryo bufasha abakozi kudasiragira bajyana cyangwa bakira inyandiko ku bayobozi kuko byose bikorwa hakoreshejwe ikoranabuhanga.

#### **5.7.5. Ikoranabuhanga mu gukemura ibibazo by’abaturage E-KAYE**

Mu rwego rw’imiyoborere myiza, kwegereza ubuyobozi abaturage, imitangire ya serivisi no kurwanya ruswa n’akarengane, Akarere ka Gisagara kashyizeho uburyo bw’ikoranabuhanga bwo kwakira no gukemura ibibazo by’abaturage bwitwa E-Kaye (Electronic Kaye cyangwa Electronic Citizen Complaints Book).

Ubusanzwe, muri Gisagara kimwe n’ahandi hose, iyo umuturage yagiraga ikibazo yakijyanaga ku nzego z’ubuyobozi zinyuranye yitwaje ikayi urwego rumwakiriye rumwandikiramwo ikibazo cye n’uburyo rugikemuye, aho ageze hose akerekana iyo kayi. Byamufashaga gusobanurira urwego agezemo ibyo ababanje bamukoreye ndetse no kubibika. Ariko byaje kugaragara ko ubwo buryo bwari bufite inzitizi nyinshi: Ikayi yashoboraga gutakara, yashoboraga kwangirika kubera kuyigendana, yaranyagirwa ikangirika, yashoboraga kwibwa na nyirayo hari igihe atayerekanga akabeshya ngo ntiyakiriwe cyangwa ngo yaratakaye kuko abona uburyo yahawemo igisubizo butamunyuze. Hari n’igihe habaho isimburana ku buyobozi cyangwa umuturage abonye abayobozi batandukanye n’abo yabwiye ikibazo, akagitangira bushya, akenshi akigoreka kugira ngo yikururire aheza. Izo nzitizi zose zatumaga amakuru ku kibazo cy’umuturage abura, buri gihe kikagaragazwa nk’igishya kandi cyarakemuwe. Hari n’igihe umuturage yasiragiraga kenshi ashaka umuyobozi wo kumukemurira ikibazo, bikamutesha akandi kazi yakwikoreye mu ruhando rw’iterambere.

Ibyo byatumye ubuyobozi bw’Akarere ka Gisagara butekereza uburyo ikoranabuhanga ryafasha mu gukemura ibyo bibazo, amakuru ku bibazo by’abaturage akabikwa neza kandi uyakeneye akaba yashobora kuyabona igihe cyose akenewe, ndetse icyuho hagati y’abayobozi n’abaturege kikagabanuka. Akarere kashyizeho indi kayi y’umuturage

hifashishijwe ikoranabuhanga ari yo bise “E-Kaye” cyangwa Electronic Book, bwifashisha interineta (internet). Kugira ngo ibyo bishoboke, Akarere kagejeje interineta ku mirenge yose no ku tugari twose (hakoreshejwe wireless na modems).



